

REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTEKO Y'UMUCO

INDIRIRARUGAMBA MU NGANZO

INKURU NGUFI

2021

© **Inteko y’Umuco, 2021**
Agasanduku k’Iposita: 6397 Kigali

Uburenganzira bwose burakomye. Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n’itegeko rigenga umutungo bwite mu by’ ubwenge.

ISBN: 978-99977-787-5-8

Icapwa rya mbere: 2021

ISHAKIRO

Ijambo ry'ibanze	4
AKUZWE Emma Angela, <i>Rugwiro</i>	6
IHIRWE Benie Gloria, <i>Ubumwe</i>	13
IRASUBIZA Ignace d' Antioche, <i>Maguge na Mafigi</i>	20
ISHIMWE Yarakoze Seti Kefa, <i>Ibyakozwe na Kaberuka</i>	27
KWIZERA Samuel, <i>Urugendo rwa Ngoga mu ntambwe yo kwigira</i> ..	34
MUKAMISHA GAJU Divine Chloe, <i>Gushaka ni ugushobora</i>	38
NTARIBI Alphonse, <i>Ubupfura bwa Bagirishya</i>	45
SEMANYENZI Samuel, <i>Ubupfura bw'intama</i>	51
TUYIKUNDE Furaha Zeno, <i>Agatunzi mu gihugu cya Nkundumurimo</i>	60
TWAMBAZIMANA Anastase, <i>Muhire, umwana w'imfura</i>	67
UMURERWA Emima, <i>Yabyungukiyemo</i>	74
UMUTONI Vanessa na YUBAHWE Ntigura Mireille, <i>Imfura ishinjagira ishira</i>	81
UMWARI Abi Beni, Imbutu z'umugisha zera ku giti cy'umuruho.....	86
UWIHANGANYE Sosthène, <i>Kwambura no kwihorera si ubupfura bwa kinyarwanda</i>	93
UWITONZE Ruth, <i>Impamba</i>	99
Umusozo.....	107

Ijambo ry'ibanze

Inteko y'Umuco ifite intego nkuru yo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, Umuco n'Umurage by'u Rwanda. Muri uwo murage, Ikinyarwanda nk'ururimi rw'Igihugu rukaba n'ingobyi y'umuco gifitemo umwanya w'imena. Ni ngombwa ko abakiri bato batozwa kunoza imikoreshereze y'ururimi kavukire biciye mu buhanzi bwubakiye ku mucu, by'umwihariko ubuhanga mu kubara inkuru.

Ibihangano bikubiye muri iki gitabo bikomoka mu marushanwa y'urubwiruko rwo mu mashuri yisumbuye rwiyumvisemo impano yo gutanga ubutumwa mu Banyarwanda bugamije kwimakaza indangagaciro z'umuco w'u Rwanda rwifashishije inganzo yo kumenya kubara inkuru. Inkuru ngufi 15 zikubiye muri iki gitabo ni izahize izindi muri 518 zoherejwe mu irushanwa. Abanyeshuri bahize abandi ni abo mu bigo by'amashuri bikurikira: LNDC, Nyarugenge (2), TTC Save, Gisagara (2), GS Musambira, Kamonyi (1), G.S Nyamirama, Gatsibo (1), GSND de Lourdes, Byimana, Muhanga (1), Collège St Bernard, Kansi, Gisagara (1), GS Rebero, Gicumbi (1), Seminari Nto ya Mutagatifu Visenti, Ndera, Gasabo (1), GS Rusumo, Kirehe (1), Gashora Girls AST, Bugesera (1), GS Busanza, Kicukiro (1), Koleji Mutagatifu Andereya, Nyarugenge (1), Mulindi TVETSchool, Gicumbi (1).

Ururimi nk'umurage ndangamuco rugomba guhabwa agaciro cyane cyane mu bakiri bato kugira ngo bakure barukunda, banamenyere kurukoresha mu buryo bunoze. Bumwe mu buryo bwo kubatoza uwo mucu no kubaha amahirwe yo kugaragaza impano yabo ni amarushanwa. Ni n'inzira kandi yo guteza imbere ubuhanzi mu rubwiruko.

Inteko y'Umuco ifite gahunda yo gukomeza gukoresha amarushanwa nk'aya ku rurimi rw'Ikinyarwanda harimo no kumenya kubara inkuru ngufi kugira ngo irusheho gushishikariza Abanyarwanda kugira ishema ryo gukoresha neza ururimi kavukire, Ikinyarwanda no guteza imbere ubuhanzi bwubakiye ku mucu; ababigezeho kurusha abandi

bakabishimirwa. Ubu ni uburyo bwiza bwo gutera ishyaka abataritabira umugambi rusange wo kubaha no gukoresha Ururimi rw'Igihugu ku buryo bunoze mu ngeri zinyuranye.

Inteko y'Umuco irashima urubyiruko rwitabiriye aya marushanwa, abarimu, abayobozi b'Ibigo n'abandi bose baborohereje kuyitabira.

Nibabere abandi bahanzi urugero mu gukoresha inganzo yimakaza indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda.

Amb. MASOZERA Robert

Intebe y'Inteko

RUGWIRO

AKUZWE Emma Angela

Rugwiro ni umwana w'umuhungu wavukiye mu muryango ukennye cyane. Ntiyagize amahirwe yo kwiga ngo arangize amashuri yisumbuye kubera ibibazo by'umuryango we.

Rugwiro afite imyaka 14, nyina yaje kurwara kanseri yo mu ibere, araremba cyane, abura ubushobozi bwo kujya kwivuza ku bitaro bikomeye bari bamwoherejeho. Iri ryamubureye ihurizo rikomeye kuko byose ari we wagombaga kubwitaho, dore ko se nta cyo yabamariraga; yari yarabataye akiri muto, yishakira undi mugore. Nyuma y'imyaka ine ababazwa bikomeye n'ubwo burwayi, nyina yaje gupfa. Rugwiro yarihebye cyane, abifata nk'iherezo ry'ubuzima bwe kuko nta wundi yari asigaranye wo kumwitako. Yamaze igihe kinini atekereza ku cyo yakora kugira ngo yiyibagize ibibazo byose yanyuzemo.

Nyuma y'urupfu rwa nyina, igitondo kimwe, yarabyutse afata urugendo rurerure ariko agenda aseta ibirenge nk'utazi iyo agannye, yagera mu nzira hagati agahagarara, akiyumvira, akazunguza umutwe kandi ubona ko yijimye mu maso. Akigera haruguru y'igiti cy'umunyinya cyari hafi y'iwabo, ahura n'inshuti ye bari baturanye yitwa Manzi. Manzi aramwitegereza cyane, amubaza aho yarekeje. Undi ati: "Ubu nange sinzi aho ngiye." Manzi ati: "Ni gute uvuga ngo ntuzi aho ugiye kandi mbona ukataje?" Rugwiro amusubizanya ikiniga agira ati: "Ubu ngiye gushaka aho amahirwe n'ibyishimo biba kuko nge wagira ngo Imana yaranyibagiwe." N'agahinda kenshi, Manzi aramubwira ati: "Urababaje cyane, ariko ayo mahirwe nange ndayakwifurije." Rugwiro yakomeje urugendo nubwo atari azi aho yerekeza. Bwaje kumwiriraho amaze kunanirwa, ajya muni y'umuhanda, aba ariho arara, imbeho ivanze n'urwo ruhurirane rw'ibibazo ntibyatuma atora agatotsi. Yaraye akanuye ijoro ryose burinda bucya, akibaza aho gukomereza mu gitondo kuko nta hantu yari azi muri ako gace yari agezemo. Mbese byari byamushobeye.

Umuseke utambitse, abana babiri Mutesi na Ngabo bari bazindutse baja gushaka amazi ku iriba. Baramwitegreza cyane, babanza kugira ubwoba bagira ngo ni umugizi wa nabi uhishye, ariko baratwaza baramwegera, kugira ngo bamenye neza impamvu aryamye aho. Baramubyukije, batangira kumubaza ibibazo kugira ngo barebe icyo bamufasha. Mutesi amubaza izina rye. Rugwiro arabibwira, anabatekerereza muri make impamvu itumye yaraye mu muhanda ati: “Iwacu ni kure mu karere ka Nyaruguru. Nageze ino aha mpunze ibibazo byose nahuye na byo kuva nkivuka.” Ngabo mu ijwi ritangaye ati: “Wa muntu we se ko ku isi ntaho ibibazo bitaba, urabihungira hehe? Keretse gupfa ni cyo cyonyine cyabigukuramo.” Nuko Mutesi na Ngabo baja inama yo kubanza kugeza Rugwiro mu rugo bakamugaburira, akazanzamuka kuko yari ananiwe kandi ashonje bakabona kugaruka gushaka amazi.

Bageze imuhira, batekerereza ababyeyi ikibazo cya Rugwiro, nuko ababyeyi baramwakira babanza kumushakira icyo kurya, Ngabo na Mutesi babona gusubira ku iriba kuzana amazi. Nyuma bafata akanya ko kumuganiriza kugira ngo bamenye byinshi ku buzima bwe kuko babonaga asa n’uwarenzwe n’ibibazo peee! Yabatekerereje byinshi bimwerekeyeho, ababwira uburyo se yabataye akiri mutoya kandi nyina na we atishoboye, afite n’uburwayi bwa kanseri y’ibere bikamugiraho ingaruka zirimo no kutabasha kurangiza amashuri yisumbuye. Ageze ku rupfu rwa nyina, araturika ararira, bamusaba gutuza, ariko biranga kubera agahinda. Ubwo Mutesi na Ngabo bari bagejeje amazi mu rugo.

Shyaka, se wa Ngabo na Mutesi, yahise yinjirana mu nzu n’umugore we Mugwaneza, basiga abo bana hanze. Yagira ngo bungurane inama ku bya Rugwiro wari uje abasanga afite ibibazo, ngo barebe niba hari icyo bamumarira. Bahuriye ku gitekerezo cyo kumwakira, bakamushyira mu rugo akababera nk’umwana, cyane ko Ngabo na Mutesi ari bo bana bonyine bagiraga kandi mu gihe cy’amasomo bombi babaga bagiye ku ishuri ababyeyi bakabura uwo basigarana na we. Icyo gihe Ngabo na Mutesi bari bari mu biruhuko. Yashoboraga

no kubafasha mu bucuruzi bwabo dore ko bari abacuruzi bakomeye mu gace bari batuyemo. Ababyeyi babo bamaze kuganira bahamagara Ngabo na Mutesi kugira ngo babagezeho icyo gitekerezo cyabo, na bo bacyakirana yombi. Hari hamaze kuba ku gasusuruko. Burya koko ngo “icyo umutindi azarya ejo, Imana irara igitegura.” Sibwo Rugwiro yiboneye umuryango umwakira!

Aho yari yicaye yibazaga ibigiye gukurikiraho kuko yabonaga bose binjira basohoka agira ngo bagiye kumusezerera nta n’icyo bamumariye atangira kwivugisha ati: “Iyaba bari bampaye ibyo kurya nkabigira impamba.” Ibyo kuguma muri urwo rugo ntiyabitekerezaga.

Hashize akanya gato, Ngabo na Mutesi basohoka mu nzu batangira kuganiriza Rugwiro basa n’abamwinjiza mu mwuka w’umuryango, we bigakomeza kumubera urujijo, kuko icyo yari yifitemo kwari ukuhava akikomereza urugendo. Yaje kwibona asangiye na bo ibya saa sita. Igihe bari kumeza, nibwo yahishuriwe inkuru nziza y’uko abaye umwana mu rugo ariko bamusaba kuzababera umwana mwiza, akirinda kunanirana nk’uko uwo bari barafashije mbere yitwaye nabi akagenda yanduranyije ndetse banamwihanganisha ku byamubayeho. Mbega gitangaza! Ibyishimo byaramurenze, abasezeranya ko ineza bamugiriye atazayipfusha ubusa kandi ko azitwara neza nk’uko babimusabye. Kuva uwo muni, Rugwiro atangira ubuzima bushya.

Ibiruhuko birangiye, Ngabo na Mutesi basubiye ku ishuri, dore ko bari bagiye kurangiza amashuri yisumbuye. Ababyeyi ba Ngabo na Mutesi batangiyemo gutwaza Rugwiro ibijyanye n’ubucuruzi, arabafasha kandi abikora neza, ku buryo nta gihombo na mba cyagaragaye igihe cyose yacuruzaga. Bakomeje kubana neza, ababera umwana ubizihiye, na bo bamubera ababyeyi beza, bamwomora ibikomere yari yaratewe n’ubuzima bubi yavukiyemo akanabukuriramo.

Umwaka ntiwatinze kurangira, Ngabo na Mutesi bakora ibizamini bya Leta bagaruka mu rugo. Basanze Rugwiro yarabaye umusore mwiza rwose atakimeze nk’uko yari ameze mbere kandi afite ibyishimo ku

maso dore ko mbere yahoraga yijimye mu maso. Ibyo byategarwa n'ibikomere yari afite ku mutima. Ntibyatinze amanota y'ibizamini arasohoka, bombi basanga batsinze ku rwego ruhanitse, barahembwa, banemererwa kujya kwiga mu mahanga. Ababyeyi babakoreye ibirori bibashimira, batumira abavandimwe n'inshuti, uba n'umwanya wo kwerekana umwana bungutse mu muryango, ari we Rugwiro. Bamushima uburyo yababereye umwana mwiza mu gihe bamaranye.

Tekereza iyo uza kuba Rugwiro uko wari kumva umeze! Byari ibyishimo mu mutima we, kandi birumvikana, bamukuye ahaga. Rugwiro yatse ijambo araribabwira, ashimira ababyeyi bamwakiranye umutima wuje urukundo n'impuhwe. Aboneraho kwifuriza Ngabo na Mutesi kuzakomeza neza amasomo yabo. Yabivuganye ikiniga ati: "Ni amahirwe buri wese adapfa kubona. Hari abana benshi bababaye kundusha, ariko nge Imana yangiriye ubuntu, inzana muri uyu muryango w'ineza n'urukundo gusa. Ndashimira aba babyeyi uburyo banyakiriye, bakemera ko mba umwe mu bagize umuryango wabo nubwo atari ku bw'amaraso, ariko ni ku bw'urukundo n'ineza byabo." Amarira atangira gushoka arakomeza ati: "By'umwihariko ndashimira Ngabo na Mutesi ko bemeye kunzana iwabo batanzi bansanze ku kuhanda aho nari ndyamye ntibatinye kunzana iwabo cyangwa ngo bagire isoni zo kwegerana n'umuntu wasaga nabi; ari we nge. Ndabifuriza kuzahorana insinzi mu byo bakora byose, ndetse n'amasomo meza aho bagiye kuyakomereza. Sinakwibagirwa kubabwira nti: "Aho ntabashije kugera muzahagere ndetse munaharengere." Akirangiza abari aho bose bakomera amashyi icyarimwe ngo kacikacikaci! Rugwiro yari avuze ijambo ryiza peee!

Bidatinze, Ngabo na Mutesi bafashe rutemikirere, berekeza ibwotamasimbi gukomeza amasomo, naho Rugwiro we akomeza gufatanya n'ababyeyi mu bucuruzi.

Nyuma y'imyaka icumi, Rugwiro yari yaramaze gufatisha ubuzima, ibijyanye n'ubucuruzi yarabigize umwuga we akabikora nk'uwo biri mu maraso. Ni we Shyaka yari asigaye yohereza mu mahanga

kurangura ibindi bicuruzwa. Akamuha amafanga menshi, akamutegera rutemikirere agiye kurangura kubera ikizere yari amufitiye kandi na we atigeze apfusha ubusa. Ngabo na mushiki we Mutesi na bo bari bamaze kubona impamyabumenyi z'ikirenga mu bijyanye n'ikoranabuhanga. Babonye akazi gakomeye, aho bahembwaga amafaranga atubutse, ku buryo nta cyo bari bakibaza ababyeyi ku bijyanye n'umutungo.

Mu rwego rwo gushimira Rugwiro uburyo yababereye umwana mwiza, umuryango wa Shyaka wamwubakiye inzu nziza mu mujyi wa Huye, aho na bo bari batuye. Umushingira n'iduka rikomeye na we atangira kwikorera arekera gukorera ababyeyi cyane ko yari amaze no kuba umugabo. Yagombaga gutangira kwitoza uburyo azakorera urugo rwe rugatera imbere ntirube nk'urwo se na nyina bamubyara bari bafite.

Iduka rye rimaze gukomera yaguze imodoka nziza, ihenze yo kujya agendamo igihe ashatse gutembera. Si ibyo gusa kandi, yaje no kugura ikimodoka kinini azajya yifashisha mu kirangura ibicuruzwa bye. Nta cyumweru cyashiraga atagiye mu mahanga. Ngaho rimwe go ari i Dubai, ubundi ngo ari i Darisalamu mbese yari yarazengurutse isi peee! Ibi byose abikesha ababyeyi b'impuhwe bamwakiriye kandi akanabikomora ku myitwarire myiza yamuranze, ubwo yari amaze kubona umuryango mwiza umwitaho, akawubera umwana ntamakemwa.

Ibyo yakoraga byose yabikoraga abikunze kandi akabikorana umurava n'ubuhanga n'ubwo atari yarize. Yafunguye amashami hirya no hino mu Gihugu. Yaje gushinga uruganda rukomeye rukora imyenda arwita "RUSHYA" (bivuga Rugwiro na Shyaka kuko umuryango wa Shyaka ari wo watumye agera ku byo afite byose).

Ijoro rimwe Ngabo na Mutesi barangije akazi baricara batangira kuganira, nuko Mutesi araterura ati: "Ngabo, uri musaza wange nkunda kandi ntagira icyo mpisha. Maranye ibanga rikomeye imyaka igeri kuri itatu nta muntu n'umwe nabibwiye." Ngabo mu ijwi rituje cyane abwira mushiki we ati: "Ngaho mbwira ndakumva mushiki wa.

Urabizi aho unkeneye hose ndagufasha kandi niba ari n'ikosa wakoze ntugire ikibazo rwose umbwire utagira icyo umpisha.” Mutesi niko guturika ararira maze atangira kubwira musaza we icyo kintu gikomeye yari amaranye iyo myaka yose ati: “Maze igihe kinini ntasinzira, ndara nibaza niba ibyo nakoze ari byo ariko nanone nabitekereza nkumva umutima wange urishimye cyane. Nabuze imbaraga zo kubikubwira yewe na mama nta byo namubwiye kuko numvaga muzabifata nabi.” Ngabo ati: “Nonese ibyo ni byo umaze igihe ushaka kutubwira ko numva nta gahunda bifite?” Mutesi yongera amarira ati: “Oya, yewe ntabwo ari ibyo.” Arakomeza ati: “Ngabo, uri musaza wange nkunda kandi nubaha, ariko ibintu ngye kukubwira ndagusabye ngo ntuzagire undi muntu ubibwira utabanje ngo unyake uburenganzira.” Ngabo abwira mushiki we ati: “Humura rwose wigira ikibazo kubika ibanga na we urabizi ni utuntu twange.” Mutesi niko kumubwira ati: “Ngabo, nakunze Rugwiro.” Ngabo yiyamira: “Rugwiro nzi cyangwa ni undi mwahuriye ahandi?” Mutesi ati: “Oya. Ni Rugwiro uzi kandi ntabwo uri bubinkuremo kuko maze igihe kinini mukunda rwose nubwo we nta byo azi. Gusa ndasaba Imana ngo na we azabe ankunda.” Ngabo mu ijwi ryuzuye ibyishimo ati: “Biranshimishije cyane rwose ntabwo nari nzi ko ari uko bimeze kandi ntugire ikibazo nzabikugiramwo na we ndabizi neza ko agukunda. Wowe ntugire ikibazo rwose kuko nziko n'ababyeyi bizabashimisha bitewe n'ukuntu bakunda Rugwiro.”

Hashize iminsi mike, Rugwiro ajya kureba Mutesi aho yari asigaye aba, maze amubwira ko yamukunze kandi ko ashaka ko bazarushingana. Ibi byabaye nko korosora uwabyukaga kuko Mutesi na we yari yarakunze Rugwiro bituma ahita amwemerera ko bazabana ntakabuza. Bahise bajya kubimenyesha ababyeyi maze ababyeyi bakira neza icyo kifuzo cy'abana babo.

Rugwiro aherutse gutembera mu gace avukamo, ashakisha Manzi wahoze ari inshuti ye atarava ku ivuko. Yasanze amaze igihe gito ashinze urugo. Bagihura Manzi ntiyahise amumenya bitewe n'igihe cyari gishize, binakubitiyeho kuba Rugwiro yarabaye umusirimu! Manzi yabanje kugira ubwoba akeka ko ari umuyobozi uje kumufunga

n’ubwo nta kosa yakekaga yaba yakoze. Bamaze umwanya munini bacecetseta n’umwe uvuga, Manzi arimo yitegereza Rugwiro. Hashize iminota igera kuri mirongo itatu, Manzi arasimbuka ahobera Rugwiro avuga ati: “Rugwi, ni wowe cyangwa ndarota?” Rugwiro aramusubiza ati: “Ni ngewe rwose Manzi! Ya mahirwe nagiyeye gushaka Imana yarayampaye inandengerezaho. Ubu nange nabaye umugabo nk’uko mama yajyaga abinyifuriza.” Manzi ati: “None se kiriya kimodoka cya rutura ni icyawe cyangwa ni icyo watiye?” Rugwiro aramuseka cyane maze aramubwira ati: “Manzi nawe rwose ntukansetse. None se sinakubwiye ko amahirwe nagiyeye gushaka nayabonye, icyo utumva ni iki? Ubu nange nsigaye nikorera; mfite iduka ryange nabaye umukire nk’abandi kandi nkunda ibyo nkora kuko ari byo bingajeje aha ngaha.” Manzi ati: “Ngaho ngwino twicare umbwire uko byakugendekeye kuko nge ntabwo numva uburyo wabaye umukire bingana gutya.”

Bahise bicara bibukiranya ubuzima bwahise, Rugwiro yibutsa Manzi ijamba yamubwiye igihe yari afashe umuhanda atazi iyo agiye, ubwo yamubwiraga ko amwifurije amahirwe. Amuhamiriza ko ayo mahirwe yayabonye akanarenga ayo yakekaga. Niko kumutekerereza urugendo yakoze n’uburyo yabonye ababyeyi basimbura abe, akaba ari bo abikesha ndetse akaba agiye kubabera umukwe. Amubwira ko na we arimo yitegura gushinga urugo. Gusa yongeye ho ko yifuza kubona se, n’ubwo yamwihakanye bwose, akamushimira byonyine kuba yaratumye abaho kandi akamuha imbabazi zo kuba atarujije inshingano z’umubyeyi. Manzi yamusezeranyije kuzabimufashamo abinyujije ku musaza w’inshuti ye. Basezeranyeho, bamaze guhana gahunda y’igihe azagarukira ngo amuhuze na se mbere y’uko ubukwe butaha.

UBUMWE

IHIRWE Benie Gloria

Umuryango wa Hakizimana n’uwa Kayobokeyari ifitanye amakimbirane. Hahoraga ubwumvikane buke hagati y’imiryango yombi. Umunsi umwe, umwana wa Hakizimana n’uwa Kayobokeya bagiyekwiga ku kigo kimwe ndetse biga mu ishuri rimwe. Uwera umwana wa Hakizimana, yahoraga yibaza impamvu ituma umuryango we n’uwa mugenzi we Nyampinga, umwana wa Kayobokeyabatumvikana. Rimwe yajekwegera nyina Nyiramana amubaza impamvu ibitera, nyina yaramubwiye ati: “Mwana wange uriya muryango waraduhemukiye cyane kuko uko ubareba kuriya banyiciye ababyeyi bombi muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994.” Yarakomejeyamubwira inkuru ye, gusa Uwera we uko yumvise iyo nkuru ya nyina yumvaga batakomezayakugirana amakimbirane. Abana bakomejeyakwigana gusa Uwera yari umuhanga cyane kurusha Nyampinga.

Uwera yahoraga yibaza uko yaganira na Nyampinga kuko yatekerezaga ko baganiriye wenda byaba intandaro yo kwiyunga kw’imiryango yombi, ariko yatinyaga Nyampinga ndetse abona Nyampinga we atamwiyumvamo. Yabuze aho amuhera amubwira iby’icyo gitekerezo ke. Isozway’igihembwe rigeze, igihe bari baje kubwirwa amanota, Uwera kuko yari umuhanga yajekwafite umwanya wa mbere. Nyampinga we aza afite umwanya wa cumi. Batashyebageze mu rugo, Nyampingayabwiye nyina Ayingeneye uko byagenze ku ishuri nyina ababazwanuko Uwera umwana wa Hakizimana yatsinze uwe agatsindwa. Kayobokeyese wa Nyampingayarakaye cyane ashakano kujyayakurwana avugako Uwera umwana wa Hakizimana ari we utera umwaku Nyampingayumwana we.

Umuryango wa Hakizimana wo wari mu byishimo bitewe n’umwana wabo Uwera kuko yari yatsinze neza cyane. Uwera yegereye se aho yari ari ngo baganire, mu kiganiro bagiranye se Hakizimana yagiraga inama umukobwa we ati: “Mwana wange rero, bibabyiza

mu buzima kubana neza n’abandi aho waba uri hose. Abandi ubona ko batakwishimiye bose ugomba kubereka umutima mwiza. Urumva mwana wa?” Nyuma y’ayo magambo, Uwera yumvise ko ashobora no kumubaza ku by’amakimbirane yabo no kwa Nyampinga, aheraho agira ati: “Nonese, niba ngomba gukora uko nshoboye nkabana neza na bagenzi bange, kuki tutakora uko dushoboye ngo duhoshe amakimbirane ari hagati yacu no kwa Kayoboke?” Se yatunguwe n’icyo kibazo umwana we amubajije, aramusubiza ati: “Uwera rero, nyoko uriya muryango waramuhemukiye cyane, none afite igikomere ku mutima, rero rwose ngiye guhita mfata umwanzuro naba nkosheje kuko nange erega ntabwo nkunze kubona mfitanye amakimbirane n’abaturanyi. Utamunyuraho ngo umuvugishe cyangwa ngo umusuhuze, nkawe ngo uganire na Nyampinga dore ko muri mu rugero rumwe kandi muniga mu ishuri rimwe. Ariko nanone guhita mfatira nyoko ikemezo ibyo byaba ari bibi cyane.” Ubwo Uwera yumvise ibyo se amubwiye yumva ko umwanzuro ugomba kuzava kuri nyina.

Uwera yakomeje kubangamirwa n’amakimbirane ari hagati yabo kandi akomeza no kwibaza ku cyo yakora ngo imiryango yiyunge cyane cyane ko bari abaturanyi. Ibyo rero byaramubabazaga ndetse bikamutera umwete wo kugira icyo yakora.

Itangira ry’igihembwe gikurikiye rigeze, Uwera yaje yafashe umwanzuro wo kuzajya agerageza uko ashoboye kose akaganira na Nyampinga akazamufasha no mu myigire ye, nubwo ababyeyi be bari baramubujije. Baranamubwiye n’impamvu ibitera. Ibyo ntibyamuciye intege, Uwera yaje kwegera Nyampinga, undi agerageza kumuhunga kuko na we ababyeyi be bari baramwangishije uwo muryango. Yageragezaga kumwitaza uko yajyaga abona aje amusatira yahitaga agenda. Uwera yakomeje kwibaza uko yabigenza, nibwo yaje kugira igitekerezo, umunsi umwe mwarimu yari mu ishuri Uwera yahise agenda yegera Nyampinga aho yari yicaye. Nyampinga yagerageje kumuhunga nk’uko bisanzwe, yibuka ko mwarimu ari mu ishuri. Bakomeje kwicarana kugeza igihe mwarimu asohokeye mu ishuri. Mwarimu asohotse Nyampinga yashatse guhita agenda

ariko ntibyemukundira kuko Uwera yari yamufashe yanga ko agenda. Uwera na Nyampinga batangira kuganira:

- Ese Nyampi, kuki umpunga nagutwaye iki?
- Nta cyo ariko ababyeyi bange bambujije kuzajya mba ndi kumwe nawe.
- Ndabyumva cyane, ariko ntibyagakwiye kumera gutya!
- Nonese ko ababyeyi bange bambujije!
- Nonese ko nari mfite igitekerezo?
- Ikihe?
- Ngewe ndagira ngo iby'ababyeyi bacu tubyihorere, nuko tuge twita ku byacu.
- Gute se?
- Nashakaga ko twe tureba ku by'amashuri yacu gusa tukazajya dufatanyaga mu myigire yacu hanyuma twese tukazatsinda neza.

Nyampinga yumvise icyo gitekerezo yumva ari kiza kuko byazamufasha mu mitsindire ye. Nyampinga yashyigikiye icyo gitekerezo ndetse yizeza Uwera ko ababyeyi babo batazamenya iby'umubano wabo. Bakomeje gushyigikirana bafatanyaga muri byose. Uwera yakomeje gufasha Nyampinga mu mikoro yo mu rugo n'ibindi. Nyampinga yatangiye kuzajya atsinda cyane mu ishuri abarimu bakamushimira cyane kuko yagaragazaga ko yisubiyeho. Umunsi umwe se wa Nyampinga yahamagajwe ku ishuri abwirwa ko umuyobozi w'ishuri amukeneye. Yatangiye kwibaza impamvu bamukeneye atangira gukuka ko Nyampinga asigaye akora amakosa ku ishuri. Yaje afite umujinya mwinshi kuko yari azi ko umwana we yakosheje. Yageze ku ishuri ahura n'umuyobozi w'ishuri atangira amushimira ati: "Tumaze iminsi tubona imyigire y'umwana wawe igenda neza, ubu ikaba igeze ku rwego rushimishije. Twaguhamagaye

hano ku ishuri ngo tugushimire kuko udufasha kwita ku mwana kandi tunagushishikariza gukomereza aho. Ukomeze umufashe, umube hafi cyane kugira ngo atazongera gusubira inyuma, umwiteho, uge umukoresha imikoro yo mu rugo mbese umufashe.

Umuyobozi w'ishuri yakomeje kumugira inama, gusa Kayobokeye we yari yatunguwe n'ayo magambo y'umuyobozi kuko koko ibyo yamubwiraga atari asanzwe abikora. Ntiyabiboneraga umwanya kandi ntiyanabyitaga cyane. Kayobokeye yatashye yibaza ibintu byinshi kuko ibyo yagiye azi ko bamuhamagariye si byo bamubwiye. Yageze mu rugo umugore we Ayingeneye yaje kumwakira amubaza uko byamugendekeye aho yari yagiye. Kayobokeye yamusubije atangara ati: "Umuyobozi w'ishuri wa Nyampinga yampamagaye ku ishuri abwira ko ankeneye. Nagiye n'umujinya nzi ko Nyampinga atangiye kunanirana ariko nageze ku ishuri, umuyobozi ambwira ko Nyampinga asigaye atsinda cyane. Arananshimira kuko imyigire y'umwana wange igenda neza." Kayobokeye yakomeje kubwira umugore we iby'icyo kiganiro yagiranye n'umuyobozi, umugore we na we aratururwa cyane.

Bombi bakomeje kukwibaza ibanga umwana wabo akoresha kugira ngo atsinda cyane, gusa bakomeza no kwishimira ayo makuru. Nyampinga atashye ageze mu rugo yasanze ababyeyi be bafite ibyishimo byinshi kubera amakuru bari bahawe. Nyina yaje kumubwira icyabateye ibyo byishimo. Nyampinga na we arishima gusa ntiyababwira aho ibyo byose bituruka.

Bakomeje kwitwara neza ku ishuri, isozwa ry'icyo gihembwe rigeze Nyampinga yaje afite umwanya wa kabiri. Nyampinga yishimiye uwo mwana. Hagati aho Uwera we yongeye kuba uwa mbere nk'uko bisanzwe, kandi yishimira umwanya Nyampinga yari yagize. Nyampinga yarataashye n'ibyishyimo byinshi n'ubwuzu bwinshi asanga nyina ari mu turimo two mu rugo ndetse na se ari mu yindi mirimo. Yahise aha amakuru meza ababyeyi be, barishima cyane. Umuryango wose ibyishimo birawutaha, ariko Ayingeneye nyina wa Nyampinga ahita abaza n'umujinya ati: "Cya cyana cyo kwa

Hakizimana cyo bite?” Nyampinga yababajwe n’ayo magambo yibuka ibintu byose Uwera amaze iminsi amukorera. Atekereza ukuntu ari we wamufashije mu masomo ahita asubiza nyina ati: “Ese mama waba uzi ko ibi byose ngezeho mbikesha Uwera? Ese waba uzi ko biriya byose bashimiraga data ari Uwera wabimfashijemo?” Nyina yumvise ayo magambo biramutangaza. Na se yari ari aho na we yumvise ayo magambo akorwa n’isoni bitewe n’uko Uwera yafashije umwana we kandi abizi ko imiryango yabo ifitanye amakimbirane.

Kayobokeye na Ayingeneye ababyeyi ba Nyampinga baricaye batekereza impamvu yaba yarateye Uwera gufasha Nyampinga mu masomo, mu gihe na we yakabaye yishimira gutsindwa kwa Nyampinga nk’uko na bo bishimira ko Uwera yatsindwa. Kayobokeye n’umuryango we babonye ko ari bo bakosheje cyane, nuko biyemeza kujya gusaba imbabazi kwa Hakizimana. Umuryango wa Hakizimana wo wari mu byishimo by’umwana wabo bishimira ko akomeje kuza ari uwa mbere kandi afite n’amanota menshi.

Umunsi ukurikira Hakizimana yumvise umuntu asuhuza, ajya kureba usuhuza agiye aratungurwa kuko yarabonye umuryango wa Kayobokeye uje muri urwo rugo, nta mahane bazanye nk’uko iteka Kayobokeye yazanwaga n’itunganya nyinshi. Ubwo rero yaraje azanye n’umuryango we wose kandi batuje. Hakizimana yabonye ko Kayobokeye atazanywe n’itunganya na we acisha make. Nuko abaha ikaze barinjira, batangira kuganira. Nyiramana umugore wa Hakizimana na we yatunguwe n’ibyo abona, nuko araza arabaramutsa, arabazimanira batangira kuganira. Kayobokeye yatangiye agira ati: “Burya baravuga ko ubugabo butisubiyeho bubyara ububwa; kandi uwanze kuva ku izima arasenyaye.” Ni muri urwo rwego rero Hakizimana, nge n’umuryango wange twiyemeje kuza hano tutazanywe n’itunganya, ahubwo tutazanywe no guhosha amakimbirane ari hagati yacu.

Nge n’umugore wange twicaye turatekereza dusanga hagati yacu ari twe dufite amakosa, kandi ari natwe tugomba gufata iyambere tugasaba imbabazi. Twiyemeje rero kuza hano ngo dusabe imbabazi kandi tubikuye ku mutima, tugahosha amakimbirane ari hagati yacu,

nk'abaturanyi maze tugatangira ubuzima bushya. Nuko rero Hakizimana wowe n'umuryango wawe, niyemeje kubacira bugufi nge n'umugore wange tubasaba imbabazi. Twarabahemukiye cyane. Umugore wawe Nyiramana, twaramuhemukiye cyane pe! Rero turabinginze ngo mutwemerere muduhe imbabazi maze dukomezanye ubuzima bushya. Naho rero ahasigaye ni ahanyu murakoze. Hakizimana n'umugore we na bo babonye ko Kayoboke asabye imbabazi abikuye ku mutima, na bo biyemeza gutanga imbabazi kandi babikuye ku mutima.

Babonye ko hagati yabo nk'abaturanyi hatagomba kuza amakimbirane ahubwo hakwiye kuba ubumwe, ubufatanye n'ubwuzuzanye, biyemeza gutanga imbabazi. Umugore wa Hakizimana yari atanze imbabazi, ariko ntiyari yagakize icyo gikomere. Ubwo guhera icyo gihe, umuryango wa Kayoboke n'uwa Hakizimana ntibongeye kugirana amakimbirane. Bakomeje gushimira Uwera ku bw'umuhate yashyizemo n'umutima ukomeye yagize. Abana na bo, ku ishuri bakomeje kwiga neza bashyizeho umwete kugira ngo bakomeze batsinde neza. Umunsi umwe, umugore wa Hakizimana yaje kurwara indwara ikomeye cyane. Uwera yari asigaye aza ku ishuri atameze neza kandi yabaga yihebye cyane kuko atiyumvishaga ko nyina Nyiramana ashobora gukira. Ibyo byabaye intandaro yuko Uwera atangira gutsindwa kuko rimwe na rimwe yajyaga aza ku ishuri yananiwe kubera gutekereza cyane agasinzira mu ishuri.

Nyampinga na we yatangiye gutekereza icyo yakorera Uwera kuko yumvaga ahangayikishijwe n'ibyo yabonaga. Yegereye se Kayoboke amubaza icyo yakora. Se yamugiriye inama y'icyo yakora kugira ngo amufashe kureka kwiheba. Yaramubwiye ati: "Kugira ngo ufashe Uwera kumera neza ndetse no kureka kwiheba cyane gutyo, banza umenye ko igihe umubonye yigunze, utagomba kumureka ngo akomeze yihebe. Ahubwo ugomba kumwegera ukamuhumuriza, ukamubwira ko nyina azakira. Urumva mwana wa?" Nyampinga yumvise ayo magambo akomeye se amubwiye yiyemeza kuyashyira mu bikorwa. Umunsi ukurikiyeho, Uwera yaje ku ishuri yicara wenyine ndetse atangira kurira. Nyampinga ubwo yacaga aho, yabonye Uwera arira yibuka inama se yamugiriye ahita aza amusanga.

Nyampinga yabajije Uwera ikimuriza, Uwera amubwira ko ikimuriza ari uko nyina arwaye cyane kandi we na se bakaba babuze amafaranga yo kumuvuza. Nyampinga yababajwe n'ibyo yumvise, aramuhumuriza cyane, igihe cyo gutaha kigeze Nyampinga yaratashye ageze mu rugo abwira ababyeyi be ibyabaye kuri Uwera. Ababyeyi ba Nyampinga bamusezeranyije ko bagiye gushaka icyo bakora kugira ngo nyina wa Uwera avuzwe, dore ko bari bameze nk'abarimo ideni uwo muryango. Ntibyashyize kera amafaranga yarabonetse nuko bayashyira Hakizimana, bavuzura Nyiramana arakira.

Akize rero, Hakizimana yamubwiye iby'ayo mafaranga aho yavuye, Nyiramana yumva na we aratunguwe kuko ntiyumvaga ko kwa Kayobokeye bayabaha. Umuryango wa Hakizimana bategura ibirori byo gushimira umuryango wa Kayobokeye ku gikorwa kiza bari bakoze. Ibirori byarabaye nuko umuryango wa Kayobokeye wari uri mu mwanya w'icyubahiro, kuko umuryango wa Hakizimana wari wabateguriye amafunguro n'ibyo kunywa ndetse batumiye inshuti n'abaturanyi. Nuko ibyo birangiye bagiye mu gikorwa cyo gushimira umuryango wa Kayobokeye.

Hakizimana yaratangiye ati: “Muvandimwe wange Kayobokeye n'umuryango wawe, mbikuye ku mutima, hamwe n'umuryango wange tubashimye urukundo n'ubwitange mwatugaragariye ubwo nari ndwaje umugore wange Nyiramana, none akaba yarakize. Kandi mwakoze kuba mwaje hano kwifatanya natwe muri iki gikorwa. Abari aho bose bakoma amashyi. Ubwo umuryango wa Kayobokeye n'uwa Hakizimana bahise baba umwe ndetse n'umugore wa Hakizimana na we yahise abona ko ari ngombwa gutanga imbabazi za burundu abikuye ku mutima. Kuva ubwo nta makimbirane yongeye kuba muri icyo miryango yombi.

Twese rero, duharanire kugira ubumwe mu miryango yacu kandi turushaho gutoza abana bacu guharanira no kwimakaza indangagaciro y'ubumwe mu byo bakora mu buzima bwa buri muni.

MAGUGE NA GAFIGI

IRASUBIZA Ignace d'Antioche

Kera mu gihugu cy'umwami Ntare mu ishyamba rya Buranga hari hatuye inyamaswa nyinshi zifatanya muri byose, zigakundana kandi zikanakora kugira ngo buri yose ibone ikiyitunga initeze imbere.

Muri izo nyamaswa harimo imbeba yitwaga Gafigi ndetse n'inkende yitwaga Maguge. Umunsi umwe iyo nkende Maguge yahuye n'imbeba Gafigi biraganira bihuza urugwiro. Ikiganiro Gafigi na Maguge bagiranye cyashimishije Gafigi cyane yiyemeza kuba inshuti ye. Maguge na Gafigi babaye inshuti z'akadasohoka; imiryango yabo irabimenya, igasurana ndetse umuryango umwe wahisha inzoga ugatumira undi bagasangira.

Ubucuti bwa Maguge na Gafigi bwarakuze bigera n'aho inyamaswa zose zibimenya. Hashize igihe kirekire Maguge yatangiye kwitwara nabi atangira kuzana ubunywewe bwo kwanga umurimo. Gafigi we yakomeje gukorana ibakwe kuko yari azi neza ko umurimo unozwe ari isoko y'amjyambere.

Gafigi na Maguge bakomeje kubana, Gafigi agashaka icyatuma Maguge yisubiraho bityo ubucuti bwabo bugakomeza nta nkomyi.

Umusi umwe, Gafigi yenga umutsama nuko atumira inshuti ye Maguge nk'uko basanzwe batumirana bagasangira akabisi n'agahiye. Maguge yumvise ko inshuti ye yamutumiye arivugisha ati: "Ese ubundi kariya kabeba hari ikintu kizima kambwira, sinakwirusha njyayo!" Bukeye Gafigi abyuka ajya gusarura ibigori bye yahinze hakurya y'ishyamba, ageze mu ishyamba rwagati ahura na Maguge avuye kwiba amacunga y'abaturanyi. Gafigi byaramubabaje cyane kuko yabonaga inshuti ye igenda ijya mu ngeso mbi. Nuko Gafigi abaza Maguge ati: "Nshuti yange ko nagutumiye ngo dusangire ibyo nari nateguye ntuze?" Maguge amusubizanya ikimwaro ati: "Sinigeze menya ko wanshakaga ariko nari nanarwaye." Gafigi aravuga ati: "Nonese warorohewe?"

Maguge ati: “Ndacyarwaye nuko nanze gukomeza kuryama nkaba ntembera.” Gafigi aramubaza ati: “Nonese utemberera mu macunga y’abandi?” Nuko Maguge akorwa n’isoni abura icyo asubiza. Gafigi byaramubabaje ahita asubika ibyo yari agiyemo aganiriza Maguge amugira inama.

Nubwo Maguge yigize umunebwe akanga gukora Gafigi we ntibyamucie intege. Yakomeje gukora ibishoboka byose ngo yiteze imbere we n’umuryango we. Ntiyigeze kandi ahwema kugira inama inshuti ye Maguge agira ati: “Nshuti nziza twabanye igihe kirekire tugerageza gukorera hamwe ngo twiteze imbere gusa mbona ntazi ibyo uhugiyemo. Nakugira inama yo kwisubiraho.” Gafigi yababazwaga n’uko Maguge yigiraga icyangamibyizi gusa Maguge nta cyo byamuhinduyeho byacaga mu gutwi bigatungukira mu kundi.

Umunsi umwe Maguge yari yicaye mu gikari yumva amakuru kuri radiyo, nuko abona Gafigi aje kumusura yikoreye akabindi kuzuye umutsama. Nuko Maguge akimukubita amaso aza kumusanganira. Maguge yihutira kureba ikiri mu kabindi, abonye ari icyo kunywa atura Gafigi ako kabindi akajyana mu nzu. Ageze mu nzu amerwe amubana menshi abanza kwinywera kuri uwo mutsama. Amaze guhembuka azana intebe ayitera muni y’igiti cy’umunzenze cyari mu gikari kwa Maguge. Nuko batangira kuganira bishyira kera, Gafigi ambwira Maguge ati: “Nshuti nziza maze iminsi nkora ibishoboka byose ngo niteze imbere, kandi mbona nta kintu na kimwe cyaruta umurimo...” Maguge amuca mu ijamba ati: “Ahubwo numvise ufite umutsama wenge, ese buriya buki ubukura he?” Gafigi aramusubiza ati: “Si byo se nakubwiraga ko ntacyaruta umurimo!” Nuko Gafigi asobanurira Maguge ukuntu yatekereje umushinga w’ubuvumvu akaba yarabonye bufite inyungu akaba yarifuje gufatanya n’inshuti ye Maguge bityo bombi bakiteza imbere binyuze muri uwo mwuga. Nuko Maguge akibyumva yitera hejuru araseka cyane ati: “Ibaze uwakumva ngo Maguge ni umuvumvu! Byazavugwa he?” Gafigi agerageza kumwumvisha ko ako kazi nta cyo gatwaye kandi ko gukomeza kwicara adakora ari byo bizamugayisha kurusha kwitwa umuvumvu.

Maguge yageze aho aratekereza ati: “Uwakwemera ngapfa kubikora ariko nkajya nirira ubuki ntaguze!” Nuko Maguge yemerera Gafigi ko bazafatanya bagakora uwo mwuga w’ubuvumu. Bukeye Gafigi na Maguge bazindukira mu ishamba gututira uduti two kubohesha imizinga. Bageze mu ishyamba bahasanga uduti twiza tubereye kubohwamo imizinga, ariko Maguge ak’ubunewe karamwangira aravuga ati: “Nge ndatwara uduti duke sinkeneye gucika umugongo dore ndacyakura!” Nuko Gafigi aramubwira ati: “Gukora nta we byacyiye umugongo ahubwo iyo wigize umunewe ukirirwa wicaye nibwo uhinamirana bityo ugasaza imburagihe.” Maguge aravuga ati: “Aho kwicwa n’umuruho nziywa n’ubunewe niho nzaba mfuye neza.” Gafigi aramubira ati: “Uribeshya cyane ahubwo uzirinde gupfa bakugaya ko uri umunewe.”

Maguge na Gafigi bavuye gushaka utwo duti, baboshye imizinga myinshi cyane, barayagika na yo irabakundira irera. Bamaze kubona umusaruro ushimishije, Gafigi yahamagaye Maguge kugira ngo bumvikane uburyo bwiza bwo gusangira umusaruro wabo ntawucuze undi. Ku wa Gatandatu mu gitondo Maguge yazindukiye kwa Gafigi ngo baganire. Maguge na Gafigi bemeranya ko bazajya bajyana guhakura maze bagasangira umusaruro bakuyemo. Nyuma yo kunoza uwo mugambi Maguge yarasezeye arataha, ageze mu nzira aratekereza ati: “Ariko ubundi kariya kabeba kigize inshuti yange, ubu sinabukanyanganya nkabwirahira? Umwanzuro ni uwo ahubwo!”

Maguge yiyemeza kujya ahakura imizinga mbere yuko ajyana na Gafigi. *Erega umwanzuro w’ubusambo aba awunogeje atyo!* Hashize igihe gito Gafigi abwira mucuti we ngo bazage guhakura. Ubwo Maguge na we ntiyamwangira bahana gahunda ko ku wa Gatatu bagomba kujya guhakura imizinga yabo. Ubwo Maguge na we yahise atangira imyiteguro yo kujya guhakura mbere y’igihe yumvikanyeho na Gafigi.

Ku wa Kabiri nimugoroba Maguge yagiye kwa Gafigi kumubaza niba nta hantu ari buge nijoro kugira ngo abone uko yiba ubuki neza nta cyo

yikanga. Nuko nijoro Maguge ajya kwiba ubuki arabuhakura bwose abumaramo. Bukeye Gafigi aza kumureba ngo bajyane guhakura, maze Maguge aravuga ati: “Iri joro sinasinziriyeye intozi zaraye zinteye none ubu nibwo nagira ngo ndambike umusaya. None rero umbereye inshuti nziza wakwijyana maze ukanzanira ku bwo wakuyemo. N’ubundi wowe ndakwizera ntiwampemukira ubwo wazana bwose twabusangira uko buri.” Nuko Gafigi aribwira mu mutima we ati: “Uzi ko inshuti yange ishobora kuba yarahindutse! Kuva isigaye inyizera mfite ikizere ko izahinduka n’izindi ngeso mbi akazireka.” Nuko Gafigi abwira Maguge ko nubwo afite ibitotsi agomba kwihangana bakajyana akareka kwijyana mu ishyamba wenyine. Nuko Maguge aremera ajyana na Gafigi.

Nuko bageze aho begetse imizinga yabo, Maguge abwira Gafigi ati: “Urira nge ngume hasi maze uge umpereza ibinyagu birimo ubuki.” Gafigi aramubwira ati: “Kuko ari wowe uzi kurira cyane iyo wurira nge nkaguma hasi ukajya umpereza byari kuba byiza.” Nuko Maguge arirakaza aravuga ati: “Ubwo waje nta gahunda yo guhakura ufite reka dutahe tuzagaruke ufite gahunda.” Nuko Gafigi abonye ko Maguge adashaka kujya inama na we yiyemeza kuba ari we wurira, dore ko n’ubusanzwe Gafigi nta muco wo gusigana yagiraga. Gafigi agipfundura umuzinga wa mbere akubitwa n’inkuba kuko nta buki na buke bwarangwagamo. Gafigi yagiye kureba niba ku muzinga wa kabiri hari ikirimo na ho asanga ari nko mu wa mbere, yose ayihetura asanga irimo ubusa. Ubwo Maguge yigize nk’aho bimumutangaje kandi ku mutima yigamba ati: “N’undi muni uge umenya ko muri iyi si nta mikino tuba dufite.”

Gafigi byaramubabajye cyane akibwira ko na Maguge ari uko, ntamenye ko Maguge ari we ufite ubuki bwose. Mu gutaha Gafigi yanyuze kwa Maguge, bageze mu gikari kwa Maguge basanga Mukamaguge ari gukamura ubuki. Nuko Maguge abura aho arigitira yikura mu isoni abeshya Gafigi ko ubwo buki ari ubwo yaraye aguze hakurya y’ishyamba. Ubwo Gafigi yanze gutamaza mucuti we ngo amushinje ibyo adafitiye gihamya. Nuko Maguge azimanira Gafigi

basangira ubuki baranezerwa biyibagiza umubabaro w’uko bibwe ubuki. Mu nzira Gafigi ataha yatekereje ko Maguge ashobora kuba ari we wahakuye ubuki rwihihwa, yiyemeza kujya amucunga mu ibanga kugira ngo arebe uwo mwanzi w’amahoro wabibye ubuki.

Hashize igihe gito imizinga yarongeye irera Maguge na we akayibarira umunsi ku wundi agira ngo amenye igihe azagira kuyihakura. Muri uko kuyisura Gafigi yabaga yicaye hafi yayo ayicunze rwihihwa Maguge agatekereza ko ntawamubonye. Imizinga imaze kwera Gafigi ateguza Maguge ngo bazage kureba niba hari umusaruro wabonetse mu mizinga yabo. Nuko bemeranya ko bazajyayo ku wa Gatandatu. Ku wa Gatanu hageze, Maguge nkuko yari amaze kubyimenyereza yagiye guhakura wenyine atazi ko Gafigi asigaye ayirinda. Nuko ageze aho imizinga iri atangira guhakura aririmba ati:

*“Genda Maguge uri umunyabwenge
Uzamenya kurya iby’indangare
Genda Gafigi uri indangare
Uzajya uruhira abanyabwengeeee!!!
Genda Maguge uri umunyabwenge
Uzamenya kurya iby’indangare
Genda Gafigi uri indangare
Uzajya uruhira abanyabwengeeee!!!”*

Ibyo byose Gafigi yarabyumvaga ariko aricekekera maze Maguge arahakura arangije agiye kwikorera Gafigi aramubwira ati: “Shyira hasi ubwo buki, wandarye kenshi ariko ubu bwo ndakwifatiye nta ho unshikira.” Nuko Maguge afata ikibando yagendanaga aravuga ati: “Nange naguhize kenshi nkakubura ariko ubu ndakubonye. Ubu iyi ni yo mperuka yawe.” Nuko Maguge abangura ikibando agira ngo agikubite Gafigi, nuko Gafigi na we asimbukira ku mugongo wa Maguge aramuruma. Maguge yumvise ububabare bukabije arataka cyane asaba imbabazi Gafigi nuko inyamanza iza kureba ibibaye isanga Maguge na Gafigi bararwana. Nuko iribaza iti: “Gafigi na Maguge se bo bapfuye iki ko ari bo twari tuziho urugero rwiza rw’inshuti bakaba

batangiye gushwana bizavugwa he?” Nuko inyamanza ibona ko hagati ya Maguge na Gafigi harimo ikibazo, yihutira kubimenyesha umwami Ntare. Umwami ntare acyumva ko mu nyamaswa ahagarariye harimo umwiriyane yiyemeza gutumiza inama izahuza inyamamaswa zose zituye muri iryo shyamba. Ku munsu wakurikiyeho inyamaswa zose zahamagawe mu nama. Zose zimaze kuhagera umwami Ntare araterura ati:

“Baturage mutuye iri shyamba rya Buranga, muzi neza intego twihaye muri uyu mwaka yo gukora buri wese akagira umurimo akora uzamutunga kandi ukamuteza imbere. Ndagira ngo nshimire ababyubahirije bagakora batikoresheje, nimwihe amashyi...” Nuko inyamaswa hafi ya zose zikoma amashyi. Umwami Ntare arakomeza ati: “Mbashimiye ibyo byiza mwagezeho ariko by’umwihariko ndashimira ababigezeho bakoreye hamwe. Muri make rero ik’ingenzi cyatumye mbahamagaza ni ukugira ngo tubaze bagenzi bacu Maguge na Gafigi bamaze iminsi bashyamirana kandi twabafataga nk’urugero rwiza rw’inshuti zikundana by’ukuri muri iri shyamba. None rero nagira ngo batubwire ibyabo.”

Nuko Gafigi ahabwa umwanya ngo asobanure ikibazo kiri hagati ye na Maguge. Hanyuma Gafigi asobanurira umwami Ntare ndetse n’inyamaswa muri rusange uko yacuditse na Maguge, uko Maguge yigize umunembwe akanga gukora, uko bakoze umushinga w’ubuvumvu maze Maguge akamuhemukira, ndetse n’uko yashatse kumwica amaze gufatwa ahemuka. Nuko bahaye Maguge ijamba ngo yiregure ibyo Gafigi amurega akorwa n’isoni abura icyo avuga atangira kuvugishwa n’ikimwaro ati: “Ni ... ni ... ni ... Gafigi umaze igihe anzanaho amahane nkamwihorera kuko nitonda...”

Inyamaswa zose zumvise ko Maguge ari we munyamakosa ziramuhana by’intangarugero zigira ziti: “Ntabwo byumvikana ukuntu wakwigira umunembwe ukiyibagiza ko umurimo ari wo udutunze.” Nuko Maguge na we yumva koko yarakosheje asaba imbabazi Gafigi ndetse azisaba n’inyamaswa zose muri rusange. Gafigi ababarira Maguge, bagirana

amasezerano y’uko batazongera guhemukirana. Umwami Ntare mu gusoza inama yarababwiye ati: “Ibi byose ntabwo biba kugira ngo bitubere ibisitaza ahubwo ni ukugira ngo bitwigishe mubone ko kubaho udakora ari bibi. Rero nimugende n’utagiraga umurimo akora awushake maze ishyamba ryacu rya Buranga turiteze imbere.

Inyamaswa zose, guhera ubwo, zakoranye umurava maze zitera imbere. Maguge na Gafigi na bo bakomeje umwuga wabo w’ubuvumvu, batera imbere kandi bateza imbere ishyamba rya Buranga muri rusange. Maguge na Gafigi kandi umubano wabo wakomeje kuramba. Kugeza n’ubu baracyakundana.

Imiryango yabo na yo ibanye neza ibikesha umurimo w’ubuvumvu kuko nta cyo ikenera ngo ikibure. Baca umugani ngo: “Abasangiye ubusa bitana ibisambo.” Maguge na Gafigi ubu ni bo bakire mu ishyamba rya Buranga, babikesha ubuvumvu. Inyamaswa zindi ziza kugisha inama kugira ngo na zo ziziteze imbere. “Udakora ntakarye.”

IBYAKOZWE NA KABERUKA

ISHIMWE Yarakoze Seti Kefa

Kaberuka, umuhungu muto muto w'imibiri yombi yakuriye mu cyaro cya Gisharara, aho yakuze yisanga mu muryango ukennye cyane; abana na nyina ndetse na nyirakuru. Nyina yacuruzaga voka kugira ngo babone ikibatunga. Nyirakuru yahoraga amutoza gukunda umurimo, agakora cyane kandi akazigamira ejo hazaza kuko ntawumenya icyo ejo hahatse. Yamubwiraga nanone kandi ko agomba gukora cyane akazaba umugabo mwiza ukunda abo mu rugo rwe, aho kuba nka se wabataye akabasiga nta ko bameze

Kubera ko Kaberuka yari umuhanga cyane kandi afite ikinyabupfura ku ishuri, byatumaga akundwa n'abarimu ndetse n'abandi banyeshuri. Yahoraga azirikana inama nyirakuru amugira, bityo yiyemeza ko agomba kwiga ashyizeho umwete akazafasha umuryango we. Ageze mu mwaka wa kane w'amashuri abanza, yagize amanota menshi mu kigo cyose aho yigaga ku rwunge rw'amashuri rwa Cyumbati. Umuyobozi w'ikigo yamugeneye igihembo k'ihene bitewe n'uko yari yatsinze neza kurusha abandi banyeshuri bese. Kaberuka yashimishijwe cyane n'icyo gihembo yari yahawe, bityo arushaho kwigana umwete ndetse no kugira ibakwe mu byo akora byose.

Kaberuka yatahaga yihuta kugira ngo agere imuhira kare maze afashe nyina imirimo yo mu rugo kuko nyirakuru yari ageze mu zabukuru, atagifite imbaraga. Kaberuka yakundaga kuganira cyane na nyirakuru kuko yakundaga kumugira inama. Yakomeje kwiga ashyizeho umwete maze atsinda ikizamini cya Leta gisoza amashuri abanza, yoherezwa kwiga mu murwa wa Kigali. Nyina wa Kaberuka yamubwiye ko batabona ubushobozi bwo kumwishyurira ibisabwa byose ngo age kwiga ku kigo yoherejweho, bitewe n'uko bari abakene nta mafaranga ahagije bafite. Bakoze iyo bwabaga babona udufaranga duke akomereza amasomo ye ku kigo cy'amashuri cya Ruvune gihereye mu gace k'iwabo.

Burya koko iminsi ni imitindi, nyuma y'igihe gito nyirakuru wamuhaga inama yaje kurwara araremba cyane ayyanwa mu bitaro. Nyina wa Kaberuka yakoze uko ashoboye ngo barebe uko bamuvuza ariko biranga kuko udufaranga yakuraga muri voka twari duke kandi bakeneye no kurya ndetse n'ibindi bijyanye n'ubuzima bwabo bwa buri muni. Kaberuka yabonye nta kundi byagenda, agurisha ihene ye yari yarahawe igihe yatsindaga amasomo ku kigo cy'amashuri abanza cya Cyumbati. Yafashe amafaranga make ayaguramo inkoko maze ayasigaye bayakoresha bavuzi nyirakuru.

Nyirakuru yakomeje kuremba bamwohereza ku bitaro byisumbuyeho bya Nyagihunika. Kaberuka na nyina barababaye kandi bariheba cyane kuko nta bundi buryo bari bafite bwo kubonamo amafaranga yo kuvuza nyirakuru. Bitewe n'ukuntu Kaberuka yakundaga cyane nyirakuru, yiyemeje kujya mu mugwi gukorera amafaranga yo kuvuza nyirakuru dore ko byari no mu biruhuko. Nyina ntiyifuzaga kureka umwana we ngo age mu mugwi gushaka amafaranga yo kuvuza nyirakuru kuko yari afite impungenge z'uko yamera nka se ntazagaruke. Kaberuka yatakambiye nyina ngo amureke age gushaka amafaranga yo kuvuza nyirakuru kandi amusezeranya ko azagaruka vuba. Amaherezo nyina yarabyemeye. Kaberuka yarishimye cyane, maze atangira kwitegura urugendo. Yaraye aganira na nyina, amugira inama zo kutazigera yishora mu bwiyandarike ndetse no kunywa ibiyobyabwenge no gukoresha neza amafaranga azajya abona. Kaberuka na we byose yarabyemeye maze asezeranya nyina ko azakurikiza inama zose amugiriye.

Bwarakeye, Kaberuka asezera kuri nyina afata urugendo ava iwabo mu cyaro yerekeza iy'umugi. Mu nzira, yagendaga yitegereza ibintu byose, ibiyaga, amazu meza cyane ndetse n'ibindi bintu byose byiza yari abonye bwa mbere. Amaherezo Kaberuka yaje kugera mu murwa. Byari ku gicamunsi kandi yari ananiwe cyane bitewe n'urugendo rurerure yari yakoze. Yatangiye kuzenguruka mu mugwi yitegereza amazu maremare cyane, urujya n'uruza rw'abantu ndetse n'uburyo ibinyabiziga byari byinshi cyane. Yakomeje kwitegereza ibyo bintu ari na ko agenda asaba akazi umuntu wese bahuye.

Amasaha yakuze Kaberuka nta kazi arabona atangira guhangayika cyane yibaza aho ari burare. Ku bwa burembe yaje guhura n'umugore washakaga umukozi wo mu rugo maze amusabye akazi, amubwira ko ashaka umukozi w'umukobwa. Kaberuka yararatirije cyane amubwira ibibazo byose ahanganye na byo nuko uwo mugore amugirira impuhwe bajyana iwe ngo amuhe akazi. Bwarakeye atangira kumumenyereza imirimbo yo mu rugo cyane ko yari aturutse mu cyaro. Kaberuka ntiyatinze kumenyera kuko yari yaratojwe gukora akiri muto. Iminsi yaricumye akundwa n'abamuhaye akazi kuko yagiraga umwete mu byo akora byose, ari inyangamugayo kandi afite ikinyabupfura, bityo bituma bamwongeza umushahara.

Nyuma y'amezi abiri, yabonye ko amafaranga yo kuvuza nyirakuru yagwiriyeye maze apanga gutaha. Buri buke agataha, yagiye ku isoko kugura umwenda yari gushyira nyina nk'igihembo cy'uko yamwemereye kujya gushaka amafaranga yo kuvuza nyirakuru; ariko ngo ntawukira asongwa, mu nzira agenda yahuye n'ibisambo maze bimwaka udufaranga twose yari yarakoreye.

Uyu Kaberuka yarababaye cyane kuko umugambi we wo kuvuza nyirakuru wari uburijwemo. Yabonye nta kundi yabigenza, yiyemeza gukora ukundi kwezi akabona gutaha kuko amafaranga yo kuvuza nyirakuru yari kuba agwiriyeye, dore ko bari baranamuzamuriye umushahara. Yatiye terefone aho yakoraga maze ahamagara abaturanyi be bamuha nyina ngo bavugane maze nyina arishima cyane kuko yari yongeye kumva ijwi ry'umwana we. Baraganiriye biratinda nyamara kandi nyina yatangiye kurira hanyuma abikira umuhungu we ko nyirakuru yafuye, bityo ko agomba gutaha.

Kaberuka yarababaye cyane kuko yakundaga nyirakuru, maze ahita ategura urugendo rwo gusubira iwabo. Mu gitondo yasezeye aho yakoraga, nuko afata urugendo rusubira iwabo mu cyaro agiye gushyingura nyirakuru yakundaga cyane. Yibukaga ukuntu n'amafaranga yose yari yarakoreye bayibye, akarushaho kubabara cyane.

Mu nzira, yagendaga yibuka ukuntu nyirakuru yamutoje gukora no gukunda umurimo, ndetse n'inama zose yamugiraga zo kuzavamo umugabo mwiza ufite imico myiza kandi wubaha, bituma yishyiraho intego zo gushyira mu bikorwa inama zose yamugiriye, bityo akazita ku muryango we aho gutera ikirenge mu cya se wabataye akigira kuba mu mugu.

Iminsi y'ubwirabure yakomeje kwicuma nyuma y'urupfu rwa nyirakuru, Kaberuka akomeza kwigana umwete ndetse no korora inkoko ye, akajya agurisha amagi, amafaranga abonye akabikaho make ayandi akayongera ku yo nyina yabaga yungutse mu gucuruza voka, bakayahahisha ndetse bakayakemuza n'ibindi bibazo bahura na byo mu buzima bwabo bwa buri muni hakubiyemo n'ibikoresho by'ishuri. Yasubiye mu ishuri ate ? Yari ageze he arivamo ?

Yakomeje kwiga ashyizeho umwete asoza amashuri yisumbuye mu ishuri ry'ubworozi aho bongererwaga n'isomo ryo kwihangira imirimo. Yatangiye gufasha nyina muri bwa bucuruzi bwe, amafaranga abonye akajya ayabika ari na ko akomeza korora inkoko ze dore ko zari zimaze kuba eshanu bitewe n'uko yizigamiraga, hanyuma akagenda yongeraho izindi uko agenda abona amafaranga. Bidatinze yaje gufata amafaranga yakuraga muri voka, yongeraho ayo yakuraga mu magi y'inkoko ze maze yitabira amahugurwa ajyanye n'ubworozi bw'inkoko bwa kijyambere.

Nyuma y'ayo mahugurwa, yatangiye gushyira mu bikorwa ibyo yayigiyemo yita ku nkoko ze maze zirororoka. Yatoje nyina uko bita ku nkoko mu buryo bwa kijyambere maze umwuga wo gucuruza voka barawureka, bashyira imbaraga mu bworozi bw'inkoko. Kaberuka yaje kubona ko ubworozi bw'amatungo butanga umusaruro bituma agura ingurube icumi ngo arebe ko na byo yabikuramo umusaruro. Yarahiriwe ubworozi bwe bugenda neza. Yashatse abakozi muri bamwe mu banyeshuri biganye badafite imirimo, bakajya bita kuri ya matungo.

Amaze kubona ko ubworozi bwe bugenda neza, yabwiye nyina ko agiye gukomereza amasomo ye muri kaminuza, maze nyina aramwemerera kuko yari amaze kumenyera kwita ku matungo ndetse akaba yari afite n’abakozi bo kumufasha.

Kaberuka yatangiye ubuzima bushya bwo kwiga muri kaminuza, aho yigaga ibijyane n’ubuhinzi n’ubworozi. Kubera gutegera akaza ari iby’ingenzi, Kaberuka ntiyari akigorwa n’ubuzima kubera ko yari afite amafaranga yo kwishyura ishuri ndetse no kugura ibindi byose nkenerwa. Yakomeje kwiga kaminuza ari na ko akomeza gukurikiranira hafi ubworozi bwe cyane ko bwateraga imbere umunsi ku munsi.

Nyuma y’imyaka itatu, Kaberuka yarangije amasomo ye muri kaminuza kandi atsinda ku rwego rushimishije. Yahise asubira iwabo, maze yongera imbaraga mu bworozi bwe. Amaze kubona igishoro, yakodesheje umurima munini maze ahingamo inyanya, cyane ko yari avuye kwiga ibijyanye n’ubuhinzi muri kaminuza. Yahinze inyanya nyinshi ariko ku bw’amahirwe make, zigeze igihe cyo kwera hagwa urubura rwinshi rurazica. Kaberuka yarahombye cyane, ariko ntiyigeze acika intege. Yashatse ubundi bushobozi maze akora undi mushinga wo guhinga ibigori. Yarahinze na byo biramukundira birera cyane bitewe n’uko yari yarahinze mu buryo bwa kijyambere nk’uko bikwiye, ku buryo umusaruro we watangaje abantu benshi.

Yakomeje ubuhinzi ndetse atangira no kugura amasambu menshi, bityo yagura umurimo we. Yakundwaga n’abantu benshi by’umwihariko abaturanyi be kubera ko yabahaga akazi muri ubwo buhinzi n’ubworozi bwe, bityo na bo bakiteza imbere.

Kaberuka yaje kwagura n’ubworozi bwe maze agura imashini irarira amagi, bityo abantu bo hirya no hino mu gihugu bakajya baza kumuguraho amagi, ndetse n’imishwi.

Bitewe n’uko yari ikitegererezo mu buhinzi, yagiye ahabwa ibihembo bitandukanye. Nyuma y’igihe amaze kubona ubushobozi buhagije, yubakiye nyina inzu nziza cyane kandi igezweho; amushimira ko

yamutoje gukora no gukunda umurimo akiri muto ndetse akomeza kumwitaho dore ko yari anageze no mu zabukuru.

Yiyemeje gufasha abandi kwiteza imbere ahereye ku bo mu gace atuyemo, akajya aha akazi abaturage b'aho, kugira ngo babone ikibatunga ndetse biteze imbere. Yashyizeho amahugurwa agamije guhugura abantu ku buryo bakwiteza imbere kandi bakihangira imirimo badateze amaboko ahandi, cyangwa ngo bumve ko bazakora akazi ka Leta gusa. Yakundaga gushishikariza abakiri bato gukunda umurimo ndetse no kwitoza imirimo yose bakiri bato.

Ntibyatinze kandi, Kaberuka yaje gutekereza gushinga urugo maze arongora umukobwa w'umuyobozi w'Akarere. Ubukwe bwe bwaritabiriwe cyane kandi yari yatumiye abaturanyi be bose ndetse n'izindi nshuti ze zose ku buryo nta muntu n'umwe wigeze ahezwa mu bukwe bwe. Nyuma yo gushaka, yakomeje kwita ku bworozi bwe ndetse n'ubuhinzi, afatanyije n'umugore we. Baje kwibaruka abana babiri, umuhungu n'umukobwa. Barabyishimiye cyane kandi babarera neza. Babatoje gukunda umurimo bakiri bato, ndetse na bo barabikunda cyane. Kaberuka yakundaga kuganira n'abana be kenshi, akababwira ubuzima bugoye yanyuzemo, ndetse n'uburyo gukunda umurimo byamufashije agatera imbere; akanababwira ko nyirakuru yamutozaga gukora, ndetse n'ukuntu nyina yakoraga cyane ashyizeho umuhate kugira ngo babone ikibatunga.

Abana be na bo bakundaga kuganira na nyirakuru akababwira uko se yakuze akunda umurimo nubwo yakuriye mu muryango ukennye. Yakundaga kubashishikariza gukunda umurimo cyane ko n'imimerere y'ubuzima babayemo ishobora guhinduka nk'uko Kaberuka yagowe n'ubuzima cyane nyirakuru amaze gupfa. Abana bakundaga nyirakuru ndetse n'ababyeyi babo cyane, ndetse biyemeza kwigana umwete no kwitoza imirimo yose bagatera ikirenge mu cya se.

Kaberuka yanditse igitabo kivuga ku buzima bwe, agaruka ku kuntu yavukiye mu muryango ukennye, bityo akagorwa n'ubuzima ariko

ko kwitoza no gukunda umurimo akiri muto ari byo byamufashije. Yavuzemo ukuntu yagiye ahura n’imbogamizi mu rugendo rwe rw’ubuzima nko gupfusha nyirakuru, kwamburwa amafaranga yari yarakoreye ngo avuze nyirakuru ndetse n’uburyo yatangiye umushinga wo guhinga inyanya ariko agahura n’igihombo bitewe n’urubura rwinshi rwaguye rukazangiza; ariko kandi yavuzemo ko kwishyiriraho intego, gukunda umurimo, kwizigamira, ndetse no kudacika intege, ari byo byatumye agera ku buzima bwiza.

Abantu benshi by’umwihariko urubwiruko, bakunze icyo gitabo kivuga ku buzima bwe, bityo biyemeza kumukuraho amasomo kandi bakamufata nk’ikitegererezo cyabo, bityo na bo bagatera imbere kuko “ntawumenya icyo ejo hahatse”.

URUGENDO RWA NGOGA MU NTAMBWE YO KWIGIRA

KWIZERA Samuel

Ngoga na Kanyana ni abana bava inda imwe, ni bo ababyeyi babo babyaye gusa. Banavukira mu muryango ukize. Kanyana yari inzobe, abana biganaga bamwitaga Nyirabukara. Naho Ngoga we kuko yari mugufi bakamwitaga Gasongo. Ababyeyi babo baje gupfa maze babasigira imitungo. Bakomeje ishuri, gusa Kanyana yahise yigira mu gakungu atangira kwiga nabi bimuviramo gutsindwa. Nuko nyirasenge wari warasigaye kwa nyirakuru aza kubana na bo mu rugo rw’abo bana, ubuzima burakomeza. Ngoga we ntiyagitse intege mu by’amasomo nka mushiki we, ahubwo yakomeje kwiga neza akajya abona amanota meza mu ishuri, abarimu bakabimukundira cyane.

Umunsi umwe nyirasenge yaje kwishakira umugabo babana muri izo nzu z’abana ba nyakwigendera. Kanyana atangiye kwigira ejuru, abakobwa babanaga mu gakungu baramushuka atangira gusiba ishuri nta mpamvu, maze birakomera cyane ageze mu mwaka wa gatandatu w’amashuri abanza. Yaje gukora ikizamini cya Leta aratsindwa. Nyirasenge yahise amwirukana. Umukobwa nta kindi yakoze uretse kujya kwa nyirakuru. Naho Ngoga wari ugeze mu mwaka wa gatanu akomeza gutsinda amasomo ndetse aza kujya kwiga mu kigo cy’abihaye Imana. Kubera ko amafaranga ababyeyi basize yari atangiye gushira, nyirasenge yatangiye kugurisha imwe mu mitungo yabo, kugira ngo Ngoga akomeze kwishyurirwa amashuri. Akomeza kwiga neza arangiza ayisumbuye anakomereza muri Kaminuza.

Nyamukobwa Kanyana yakomeje kunanira nyirakuru aguma muri ka gakungu. Byaje kumuviramo no gukora imibonano mpuzabitsina aza kwanduriramo agakoko gatera SIDA. Uko iminsi yicumaga niko yakomeje kuremba, dore ko yari yaranze no gufata imiti igabanya ubukana. Igihe cyaje kugera atangira gucika intege, nibwo bahise bamujyana ku kigo nderabuzima, ariko biranga akomeza kuremba. Yaje guhamagaza bamwe muri ba bakobwa arabaganiriza, akagaruka ku ijambo agira ati: “Sha, muri abana beza cyane kuko n’ubuzima

bwiza ndimo mbukeshya mwebwe”. Yakomeje kuremba, imitungo yabo itangira kuyoyoka. Agiye gupfa yahamagaje musaza we Ngoga amusanga kwa muganga. Akimubona, yakubiswe n’inkuba, araturika ararira ababazwa no kubona mushiki we yarabaye nk’urudodo kandi yari Nyiramata. Nuko Kanyana araterura aramubwira ati: “Simbi nasigaranye maraso ya data na mama, ndakwinginze umbabarire kuko ntumvise uko ababyeyi bambwiye nkakunanira none nkaba ngiye kugusiga, mbabarira nabitewe no kutumva. Muvandimwe wange rero, data na mama nasigaranye, wowe ntuzabe nkange uzakunde umurimo kuko ariko data yasize atubwiye”.

Ntibyatinze Kanyana ashiramo umwuka baramushyngura. Umwe muri ba bakobwa babanaga mu gakungu aza mu itabaro maze abari aho bamuha ijambo. Na we aterura agira ati: “Kanyana azize twe no kutumva inama twagirwaga ngo tureke agakungu”. Nuko abwira abandi ngo: “Kumvira biruta ibitambo”. Kuva ubwo Ngoga atangira ubuzima bugoye kuko n’imitungo yabo yari imaze gushira bamwishyurira amashuri iyindi ijya kwa muganga ngo Kanyana yitabweho. Nubwo byari bimeze bityo, Ngoga yakomeje kwiga neza arangiza na kaminuza ariko ntiyahita abona akazi. Kudacika intege kwe byatumye abona amahirwe yo kujya mu mahugurwa yari yarateguwe n’Akarere yerekeye akazi kanoze. Yari yabereye mu Murenge wabo. Mu byo bahuguwemo, harimo ibyo kwihangira umurimo, dore ko nta n’ubute yagiraga abyumva vuba cyane. Amahugurwa yaje kurangira inzu yabanagamo na nyirasenge na yo asanga yasenyutse. Ngoga ajya kuba kwa nyirakuru na we wri ufite inzu ishaje. Ariko muri ayo mahugurwa bari babahaye inkunga y’imbuto n’ifumbire mvaruganda. Ngoga atangira guhinga bya kijyambere, nuko atangira kwihaza mu biribwa we na nyirakuru batangira guca ukubiri n’inzara yarangwaga muri urwo rugo.

Ngoga yakomeje umushinga w’ubuhinzi bw’imbuto n’imboga mu Mudugudu binyuze mu nguzanyo y’Umurenge Sacco. Nubwo kubona imirima yo guhingamo byari bigoye, agera aho arabishobora akajya abona ibyo kurya agasigurira n’amasoko akishyura make make ku

nguzanyo yari yarafashe. Ubuhinzi bwe bwaje gukomera atangira gusarura byinshi agura igare ryo kumufasha kugeza umusaruro ku isoko. Kugeza aho na ya mirima yajyaga akodesha yaje kuyigura arayegukana. Umunsi umwe yaje guhamagarwa n'inshuti ye, imubwira ko hari amahugurwa yateguwe mu Karere kabo yitwa "Ngira twigire muhinzi". Nuko igihe kigeze arayitabira, ahurirayo n'abandi bana biganye mu mashuri yisumbuye. Acunze neza asanga n'awayateguye na we bariganye, ariko ategereza ko arangira ngo baganire neza. Amahugurwa yamaze iminsi itatu, nuko mu isoza ryayo, uwo musore w'umuyobozi muri ayo mahugurwa, na we amukubise amaso aramwegera, aramubaza ati: "Gasongo, Gasongo, uraho?" Na we ati: "Ndaho, Kabarisa we". Baraganiriyeye biratinda anamusaba ko yamusura akaba yamwungura inama mu by'uwo mushinga we. Kabarisa na we ntiyatindijemo arabimwemerera nuko bahana umunsi aramusura. Yasanze aho mucuti we yabaga harabaye itongo biramubabaza yumvise ko na mushiki we Kanyana yapfuye. Kabarisa yamugeneye impano irimo n'inkunga y'amafaranga. Ngoga yarishimye akomeza kumutembereza mu mirima y'imboga n'imbuto bye n'aho amuhaho umufuka w'ifumbire mvaruganda. Yanamugiriyeye inama yo kwegera ibigo by'imari ngo bimuhe inguzanyo. Mu gihe gito yaje gusarura biramukundira byera neza ajyana ku isoko maze aguramo n'isuzuki.

Ngoga yahise atangira kubakira nyirakuru inzu kuko iyo babagamo yari ishaje cyane yenda kubagwaho. Nyirakuru yarishimye amuha inka yakundaga cyane ayita Nyambo ya bwiza, ntiyarekereye aho yahise anasana n'izari iz'iwabo. Ngoga yaje gusurwa n'abandi bana biganye, nuko bamubwira ko bari baje kumusura ngo baganire anabagire n'inama z'uko bakwiteza imbere. Yabaganirije ku byo amaze kugeraho anabatembereza mu bikorwa bye. Bamusabye ko yabanyuriramo mu nzira yanyuzemo, bamusabye nanone ko yabagira inama z'uko na bo bakwihangira umurimo. Nuko arababwira ati: "Kureka ubute ni yo ntambwe izihiga zose." Bamusabye ko yazabasura mu ngo iwabo na we arabibemerera. Ngoga na we yahise yegera inshuti ze baturanye azisaba ko bajyana gusura abo bana nuko barabipanga bajyayo.

Ngoga yatangiye kubereka uko batera imbuto bari bateguye. Ni uko bataha bose bishimye ku bw'igikorwa kiza bari bamaze gukora. Ngoga ntiyahagaze yakomeje kwita ku buhinzi bwe kuko hari no mu gihe cy'Impeshyi akajya kuvomera kubera ko hari hanini, ashaka n'abakozi benshi bamufasha kuvomerera no gusarura. icyo gihembwe cy'iryio hinga yifashishije imodoka kuko byari byinshi aya mu bukene, akura na nyirasenge mu bukode amwubakira inzu iciriritse aho ku Mudugudu. Nyirasenge atangira gushimirwa cyane ko uko Ngoga ameze abikesha nyirasenge, kuko yabareze ari bato cyane byamuteye kumushimira amuvana aho yari acumbitse mu manegeka amushyira ku Mudugudu.

Nyirasenge n'umugabo we bateguye ibirori byo gushimira umwisengeneza we Ngoga, nuko babwira abatamirwa benshi bari aho babashagaye bati: “Ubamba isi ntakurura”, kandi “Ugira neza ukayisanga imbere”. Ngoga akomeza umushinga we akundwa n'abaturage n'umuryango we wose yigisha benshi cyane bihangira umurimo ndetse aha n'akazi abatari bake. Ngoga yaje kumenyekana nk'uwikorera mu rwego rw'Akarere kabo ahabwa akazi ko kujya ahugura abana barangije amashuri yisumbuye n'abarangije na za kaminuza badahejwe ku bijyanye no kwihangira umurimo, cyane ku byerekeye ubuhinzi, haba mu Murenge wabo n'iyindi yo mu Karere avukamo. Nuko Ngoga aba ikirangirire atangaza benshi mu ngeri zitandukanye abakuru n'abato bamumenyeraho byinshi.

GUSHAKA NI UGUSHOBORA

MUKAMISHA GAJU Divine Chloe

Buzima ni umwana wakuriye mu muryango w’abana barindwi akaba ari we mfura iwabo. Yakuriye mu muryango utifashije na busa, yewe uwabivuga neza yavuga ko batagiraga n’urwara rwo kwishima! Se na nyina bari batunzwe no guca inshuro, ariko amafaranga bakoreye yose bakayamarira mu mayoga. Ngo byibura se banabyare bake? Baragiye buzuza isi wa mugani wa ba bandi!

Kubera ibibazo Buzima yakuriyemo, yatangiye kwishakamo ibisubizo akiri muto. Mu biruhuko we na mushiki we Devota bakajya gucuruza amafi ngo hatwo ishuri ritazatangira bakabura ayo kuba bahereyeho, dore ko byari ibitangaza kwishyura amafaranga y’ishuri yuzuye kuri bo. Rimwe na rimwe bakanabirukana kuko babaga bayabuze burundu!

Uko gukora cyane no gukunda kwiga kwa Buzima ngo ababyeyi babishime se? Bamuhataga igiti amanywa n’ijoro, nyina ati: “Aho kuguma aha ngo wite kuri barumuna bawe, urabyuka wiruka ngo ugiye kwiga?” Se we ibye byabaga ari ibindi kuko iyo yamushyikiraga yamukizwaga n’Imana amuziza ko ngo yigize umuzungu da! Ati: “Erega wigize umuzungu, ngo icya mbere ni ishuri?”

Uko gucunaguzwa no gutukwa, byose Buzima yarabyirengagizaga, ntibimubere impamvu yo gutsindwa mu ishuri, ahubwo aho yaboneraga akanya, yasubiraga mu byo yize, akihatira kumva neza ibyo yigishwa. Ku ishuri yigaho yari azwi nk’ikitegererezo, nta mwarimu utari umuzi. Kuva mu mwaka wa mbere kugera mu wa gatandatu, umwanya wa mbere yari yarawihariye.

Mu kizamini cya Leta gisoza amashuri abanza yabaye uwa mbere mu karere abarizwamo. Ahembwa kwishyurirwa amafaranga y’ishuri y’Ikiciro Rusange yose no guhabwa ibikoresho akenera byose muri icyo gihe. Ibyo byamubereye igisubizo kuko imbogamizi yahuraga na yo yari amafaranga y’ishuri naho ubwenge bwo si icyo yashakishaga!

Aho agereye mu mashuri yisumbuye gukunda kwiga no gutsinda byabaye akarusho! Umugani w'Abanyarwanda ngo: “Amata yabyaye amavuta!” Buzima yakomeje kuba ku isonga ibyo bikagendana n’ubwitonzi n’ubupfura kuko kuri we ubwenge butagira ikinyabupfura bwari ubusa. Buzima ntiyihugiragaho gusa, ahubwo nyuma yo gusobanukirwa no gucengerwa n’ibyo yize, yageragezaga gufasha na bagenzi be bafite intege nke.

Kumenya agaciro ko kwiga no kujijuka byatumye Buzima atangira umushinga wo korora inkoko ngo byibura afashe barumuna be babiri bari bageze igihe cyo gutangira ishuri. Kubona amakayi n’ibindi bya ngombwa byarabagoraga cyane. Wakwibaza uti: “Ko bari abakene, yabigenje ate?”

Buzima yari aturanye n’umugore worora inkoko, nyuma yo kumenya ibyerekeye ubworozi bw’inkoko no kubusobanukirwa, yegereye uwo Marita bari baturanye amusaba ko yamutiza inkokokazi akayibyaza umusaruro muri icyo gihe. Amagi iteye amwe akayagurisha, ayandi ikayararira kugira ngo azavemo imishwi azasigarana nyuma yo gusubiza Marita inkoko ye. Ibyo byose Buzima akabikora rwihishwa ngo hato umwe mu babyeyi be atayibona, akayerekeza iy’isoko ngo uwo muni arunywe kahave.

Buzima amahirwe yaramusekeye inkoko ye imubyarira umusaruro. Ku muni igatera nk’amagi abiri, byibura akabonera turumuna twe amakayi n’ibindi bya ngombwa. Muri ibyo byose Buzima ntiyashoboraga kugira igishuko na kimwe agwamo n’aho cyashobora kumubera ikiraro cyo kuva mu buzima bubu. Kuba Buzima yari umuhungu utajya mu maraha, kwihagararaho no kumva ko yazaba umugabo biciye mu nzira nzima byari intego ye. Kubera uburanga bwe yifuzwaga na benshi harimo n’abenda kungana na nyina. Yari afite igikundiro kidasanze ku buryo buri nkumi yose imuzi yifuzaga kugira umugabo umeze nka we.

Ntawamunyuzagamo ijisho, kuko bike yari afite yabikoreshaga neza kandi agahora asa neza, akanyamuneza ko ntikaburaga kumurangwaho aho ari hose.

Umugani wa ba bandi ngo: “Aho umutindi yanitse ntiriva!” Kubera inzoga nyinshi no kutiyitaho kwa nyina byaje kumuviramo indwara ikomeye. Byatangiye afite ububabare bworoheje, akomeza kubyirengagiza no kwivuzza magendu, ibyo bituma indwara yiyongera.

Buzima aje mu biruhuko yasanze nyina yararembye, ku buryo iyo amutindana indi minsi mike yari no kumugwaho. Bajya bavuga ko umuturanyi mwiza akurutira umuvandimwe wa kure, kandi koko ni byo. Umuntu wa mbere Buzima yitabaje ni Marita. Marita na we amwumva vuba, bafata nyina bamujyana kwa muganga. Ageze kwa muganga basanze umwijima wari warangiritse bikomeye, bityo ategukwa kuguma mu bitaro byibura amezi abiri ngo barebe ko hari igihinduka. Nyuma y’igihe gito na se aba yitabye Imana.

Buzima yabaye nk’ugwiriwe n’ijuru, yumva ibibazo bimubanye uruhuri. Yatekerezaga ko nyina agiye kurwarira mu bitaro amezi abiri, nta bwishyu afite nta n’ubwo ateganya kubona akumva biramurenze. Yatekereza ko mu byumweru bibiri agomba gusubira ku ishuri kandi afite barumuna be adafite uwo kubasigira, akumva acitse umugongo. Usibye ko ngo amarira y’umugabo atemba ajya mu nda, naho ubundi iyo arira yari kuba i Kivu.

“Umugabo arigira, yakwibura agapfa.” Buzima yakomeje kurangwa no kwihangana no kuba intwari muri ibyo byose. Ntiyigeze acika intege na rimwe, yumvaga uko byagenda kose agomba kugera ku nzozi ze. Buzima yari afite inzozu zo kuba rwiyemezamirimo ukomeye mu Gihugu, akiteza imbere ndetse akanateza imbere Igihugu muri rusange.

Igihe cyo gusubira ku ishuri cyarageze ataramenya neza icyo agomba gukora. Muri make yari yabuze uko agira. Marita yaramwegereye aramuhumuriza, aramubwira ati: “Buzima ukunda kwiga kandi uri

umuhanga, dore nyoko urwariye aha na benenyoko ni wowe batezeho amakiriro. Nuba ikigwari bazabaho nabi nta kabuza ariko nuba intwari bazagira ubuzima bwiza. Fata inzira uge ku ishuri wige nta mpungenge, nyoko na barumuna bawe nzabitaho uko nshoboye, sinzabatererana ndabigusezeranyije.”

Amagambo ya Marita yamuteye imbaraga yumva ko ubuzima bwa nyina na benenyina ari we uzabuhindura. Buzima yatangiranye imbaraga zidasanzwe icyo gihembwe, cyane ko cyari icya nyuma ngo akore Ikizamini cya Leta Gisoza Ikiciro Rusange.

Yakoranye umwete cyane birenze ikindi gihe, kuri we kunebwa, gutsindwa no kuba ikigwari yumvaga ari ikizira. Nyuma y’ikizamini cya leta, atashye mu biruhuko, yasanze Marita yaramubereye imfura bitarabaho, yaritaye kuri nyina no kuri barumuna be nk’uko yari yarabimusezeranije. Yasanze nyina atangiye koroherwa no gutora agatege, nubwo uburwayi bw’igihe kirekire bwamuviriyemo ubumuga bw’amaguru. Buzima yashimiye Marita cyane, agahora yumva ko amurimo umwenda wo kuzamwitura iyo neza.

Amanota y’ikizamini yarasohotse, Buzima asanga yaratsinze n’amanota menshi cyane. By’umwihariko yahembwe ku rwego rw’Igihugu. Buzima yakomereje mu Kiciro cya Kabiri cy’Amashuri Yisumbuye, yiga Imibare, Ubukungu n’Ikoranabuhanga, kuko yumvaga bizamufasha gukabya inzozo ze.

Yakomeje kuba indashyikirwa muri byose, akarusho ni uko mu mwaka wa gatanu yashinze itsinda ry’ubukungu, aho yafatanyaga na bagenzi be kwiga imishinga, kuyigenzura no kuyishyira mu bikorwa. Muri iryo tsinda iyo bamaraga kunoza umushinga neza bawushyiraga mu bikorwa, ukababyarira inyungu mu buryo bw’amafaranga kandi ukabasigira ubundi bumenyi burenze ubwo bahabwa mu ishuri.

Iryo tsinda ryaramufashije cyane kuko nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye yakoresheje ubumenyi yavomyemo akomeza umushinga wo korora inkoko yari yaracumbitse. Yakusanyije udufaranga duke

yari yaragiye abika agura inkokokazi eshatu, azicunga neza zitangira kumubyarira umusaruro. Nyuma y’umwaka, Buzima yari amaze kugira inkoko zigera muri mirongo itanu. Amafaranga akuyemo akamufasha kubaho no kwita kuri benenyina, dore ko nyina na we atavaga mu nzu.

Abonye ko umushinga we ugenda ufata indi ntera yafashe ikemezo cyo kwegera banki asaba inguzanyo yo kuwagura. Banki yaramwemereye imuha inguzanyo yagura umushinga ndetse n’aho yazororeraga. Yahise afata iya mbere atangira kwiga kaminuza, kuko ubushobozi bwo kwasaga n’ubutangiyeye kuboneka. Akomereza mu ishami ry’ubukungu.

Inguzanyo yayikoresheje neza, umushinga we ugera ku rwego rushimishije. Atangira kwitabira amahugurwa ya ba rwiyemezamirimo ibyo bikamwongerera ubumenyi mu byo akora, ari ko anakemura ibibazo by’iwabo. Yabanje kububakira inzu, abakura mu kazu kadafashije babagamo. Inzara yo yari yaracitse iwabo.

Muri ibyo byose Buzima ntiyasesaguraga ibyo yabonaga ahubwo yazirikanaga guteganyiriza ahazaza, akizigamira mu rwego rwo kutazasubira inyuma na gato. Nyuma y’igihe gito kaminuza yari ayirangije, ibyo bimutera ishyaka n’umwete birushijeho ndetse bimwongerera n’ubundi bumenyi burenze ku bwo yari afite.

Uko umushinga wateraga imbere ni na ko umusaruro w’amagi wagenda uba mwinshi ku isoko, hakagira n’usaguka. Burya rero ngo: “Intore ntiganya ishaka ibisubizo.”Buzima ntiyataye umwanya aganya ahubwo yahagurukanye igisubizo, yegereye banki afata indi nguzanyo nyuma yuko yishyuye neza iya mbere ngo imufashe kunoza uwo mushinga.

Uti: “Uwo mushinga ni uwuhe?”

Buzima yatangiye uruganda rukora ibisuguti, umwihariko wabyo ni uko amagi ari yo yari yiganjemo. Ibyo bisuguti bikaryoha bite! Kubera ubuhanga n’umwihariko byakoranyaga byarakunzwe cyane.

Uruganda rwateye imbere cyane, rugera ku rwego mpuzamahanga. Buzima si ukurira indege amahanga arayagenda karahava. Wavuga Buzima bakumva wa mukire wakijijwe n'ibisuguti. Mu gace k'iwabo ahuzuzwa imiturirwa gusa gusa, amafaranga si ukwisuka arayagwiza. Si ibyo gusa kuko rimwe mu marushanwa yitabiriye yahawe buruse yo gukomereza amashuri y'ubukungu mu Bushinwa.

Imyaka yagiye nk'umuyaga, mu gihe kitarambiranye atahukana Impamyabushobozi Ihanitse mu Bukungu, icyongeyeho kandi agarukana n'igitego cy'umukobwa yari yarabengukiye aho mu Bushinwa. Umugambi wo kubana bari barawunogeje. icyo bakoze bageze ino ni ukuwushyira mu bikorwa. Amubera umufasha imbere y'Imana n'amategeko.

Muri ibyo byose ntiyibagiwe umuryango we, ahubwo yagerageje kuvuza nyina ahashobotse hose ku bw'amahirwe arakira. Barumuna be na mushiki we bose yarabishyuriye barangiza amashuri. Bavamo abantu bakomeye.

Buzima kandi yakomeje kuzirikana ineza Marita yamugiriye, amugabira inka zizamukamirwa mu masaziro ye ndetse kandi amwubakira n'inzu nziza cyane! Ikindi ni uko yamumenyeraga byinshi mu buzima.

Ntiyibagiwe kandi ubuzima bubi yabayemo n'uko bwamubabaje ahubwo byatumye ashinga ikigo kita ku bana batifashije, ab'imfubyi, abatawe n'ababyeyi n'abandi badafite kivurira. Akabamenyera byose harimo amashuri, ibyo kurya, imyambaro n'ibindi.

Buzima kandi afasha urubyiruko kuko ari rwo Rwanda rw'ejo. Atanga amahugurwa ku kwihangira imirimo agashishikariza urubyiruko by'umwihariko gukura amaboko mu mifuka bagakora. Mu gutoranya abakozi, yita cyane ku rubyiruko abandi akabafasha kwimenyereza akazi.

Ntiyabaye nka ba bandi bava mu cyaro ngo bahave bahavuye, bakibagirwa n'abo bahasize! Yakomeje kuzirikana aho yakuriye

ahuzura ibikorwa remezo bitandukanye harimo nk'amashuri n'ibindi. Guhera ku mwana kugera ku mukecuru w'imvi z'uruyenzi ntawutirahira Buzima wabakuye ahabi.

Ubu Buzima ni umugabo ufite umugore n'abana babiri, ni umubyeyi mwiza ku bana be akaba n'umugabo mwiza wuzuzanya inshingano ze mu rugo rwe. Gushishikarira umurimo, gukora umurimo unoze kandi ufite ireme, gukorera hamwe, gucunga neza umutungo no gukorera ku gihe ni byo bimugejeje aho ageze aha. Ubu kwa Buzima ubukene bwabayeye amateka.

UBUPFURA BWA BAGIRISHYA

NTARIBI Alphonse

Umugabo Karekezi yabaye aho ari umukene, aza gushaka umugore witwa Mukamwiza, babyarana umwana umwe w'ikinege w'umuhungu bamwita Bagirishya. Hashize igihe, Bagirishya amaze kuzuza imyaka cumi n'itanu, Mukamwiza arapfa Bagirishya asigarana na se gusa, ntihacyeho igihe kirekire na Karekezi aza gupfa. Bagirishya asigara ari imfubyi mu nzu ya wenyine atagira kirengera.

Nubwo Bagirishya yari umukene cyane, yari umugiraneza akunda gusabana na bagenzi be, akababarira abamukosereje bose, akabubaha ndetse akanagerageza kubihanganira, bigatuma agira inshuti nyinshi. Akura ababaye, gusa ntaheranwe n'agahinda, ahubwo akishakamo imbaraga ntacike intege. Hafi y'iwabo hari urugo baturanye, hari umukobwa witwaga Mariya. Mariya uwo bakuze ari urungano, kubera ukuntu Mariya yari umunyampuhwe n'urukundo rwo gufasha abandi byatumye Bagirishya yumva amukunze. Hari nk'igihe yabaga yumiwe adafite ibyo kurya, Mariya akamujiyana iwabo, akamugaburira. Mu by'ukuri na Mariya yakundaga Bagirishya, ariko ntawe yatinyuka kubimwerurira. Uko iminsi yagiye ihita, Bagirishya arushaho kumva akunze Mariya, ndetse yigira inama yo kuzamubwira ko amukunda ngo yumve uko azabyakira. Umunsi umwe, Bagirishya aza kujya gusura Mariya iwabo baraganira, amasaha akuze, arasezera, Mariya aramuherekeza bagenda baganira, Bagirishya aratinyuka amubwira ko yamukunze kuva kera bakiri abana, bityo yifuzaga ko bazibanira ntakomeze kubaho wenyine, nta we abwira agahinda ke cyangwa ibyo yumva atekereza. Mariya na we ntibyamutunguye byabaye nko korosora uwabyukaga, kuko na we yari yaramukunze. Aramwemerera ntiyazuyaza, babicisha mu bakuru, barabana, batangira ubuzima bushya nk'umugabo n'umugore.

Bagirishya yibwiraga ko narongora ari ho umubabaro uzashira, nyamara kuko bari abakene, ubuzima bubabera nk'umuti usharira.

Baramanjirirwa, babura amerekezo kuko nta ho bari bafite haboneka ibyo kubatunga bihagije kandi n’umuryango ugenda waguka, burya ngo: “Akababaje umugabo kamurenza impinga.” Bagirishya yaricaye yigira inama ahamagara Mariya ngo amugezeho igitekerezo yungutse cyo gufata urugendo akajya kure gushaka aho yazabona akazi, akagaruka akaramira abo azasanga inzara itarabica, aho kugira ngo bamugwe mu ntoki kandi afite kugerageza ahandi.

Atumizaho abana be bombi arabasezera n’agahinda kenshi, ariko nta mahitamo yandi yari afite. Asezera abaturanyi be ba hafi, asezera inshuti n’abavandimwe, arangije yegura igifurumba ke n’inkoni, yambara ingofero mu mutwe aragenda. Agenda urugendo ruraza amajoro n’iminsi, kera kabaye aza kugera mu gace kari hafi y’ishyamba, atereye amaso abona inzu, agenda agana muri icyo kerekezo.

Ahageze arasuhuzwa, baramwikiriza abona umukungu nyiri urwo rugo araje amubaza ikimugenza. Bagirishya amubwira ko ashaka akazi ko kujya akora imirimo yo mu rugo. Uwo mugabo aramwemerera barabana. Kubera imico myiza ya Bagirishya byatumye atona kuri shebujya, amutonesha ibi byo kumuremaza, bamera nk’umwana n’umubyeyi we. Uwo shebujya yari afite umuco wo kujya bajyana kubitsa amafaranga muri banki, kubera ko hari urugendo rurerure kandi ari mu ishyamba.

Nubwo Bagirishya yari amerewe neza, yahoraga yibaza uko umuryango yasize ubayeho n’igihe yari amaze atarongerera kubonana na bo, agahinda kakamwegura akiheba ariko akagerageza kwishakamo imbaraga. Reka kera kabaye shebujya amumenyeshe ko ku munsu ukurikira bafite urugendo, Bagirishya ajye kuruhuka kugira ngo azabone uko abyuka kare ku munsu ukurikiyeho.

Bagirishya aryamye mu buriri arota inzozu ziteye ubwoba, gusa ntiyamenya impamvu yabyo araryama. Isaa munani z’ijoro, shebujya aramubyutsa ngo batangire urugendo rwabo. Mu nzira bagenda, Bagirishya agenda yumva afite ubwoba bwinshi mu mutima gusa

akiyumanganya, ntibyatinze bakigera imbere yabo, Bagirishya yumva umusatsi umwiyorosoyeho. Abwira shebuja ko ishyamba atari ryeru, ariko shebuja amurema agatima bakomeza urugendo, bakicuma imbere babona abagabo babaturutse imbere babasatira, abandi babiri babaturuka inyuma n'impande. Bashaka kubazenguruka, ntibarushya babaza barabasumira, ubwo intambara irarota barwana inkundura rubura gica.

Hanyuma Bagirishya agerageza kwigobotora, gusa abona shebuja imbaraga ze zicogoye asubirayo. Kuko Bagirishya ari we wari ufite uruhago rurimo amafaranga, abo bagizi ba nabi barwaniraga kumwambura urwo ruhago. Urugamba rubura gikiza, kera kabaye ngo: “Imana irebera imbwa ntihumbya.” Bajya kumva bumva hafi aho haratigise, bumva umutontomo w'intare iza yivuga igana mu kerekezo barwaniragamo, bose bahinda umushyitsi barakangarana, buri wese ahunga agana mu kerekezo gitandukanye n'icy'undi baratatana, Bagirishya anyura ukwe ntiyarushya asubira kwa shebuja anyura mu ishyamba ahunga ngo arebe ko yazagera mu midugudu ituwe n'abantu.

Ku bw'amahirwe aza kugera hafi y'aho yari atuye, haramuyobera kuko hari harahindutse, abona urugo yari agezeho arasuhuzwa, baza kumuha ikaze, haza umukobwa wo muri urwo rugo. Bagirishya amusaba ko amurangira ku muntu witwa Mariya ufite abana babiri. Amurangira ko ahita ku nzu ebyiri ku ya gatatu akaba ari ho agana. Abigenza nk'uko wa mwana w'umukobwa yamurangiye, ahageze abona igiti cy'umuvumu amenya neza ko ari ho. Asuhuje haza umukobwa we w'imfura yarakuze cyane ari mwiza rwose, aramusuhuzwa amuha ikaze gusa ntiyamenya ko ari we se umubyara kuko yamuhurukaga kera akiri umwana muto cyane.

Hashize akanya Mariya arazako arebe uwo ari we, arinjira. Akimubona arahungabana yikubita hasi, amera nk'uhwereye. Bagirishya n'umwana birabayobera babura icyo bavugaga. Baramwegura, bamusukira amazi aranywa arahembuka. Bagirishya abwira uwo mwana w'umukobwa ko ahamagara musaza w'uwo mwana ajya guhamagara musaza we aho yari yagiye gutashya, ahageze aramusuhuzwa ariko na we ntiyamumenya.

Bamaze kwicara bese, Bagirishya n’ijwi ryuje agahinda n’ipfunwe ati: “Bana bange mbasabye imbabazi hamwe na nyoko uyu mureba, ni koko narabasize ndagenda, mara imyaka nshaka amaronko narabatekerezaga, nkabakumbura ariko imbogamizi zikaba nyinshi, none ni nge so wababyaye ndabasabye ngo munyakire nk’umubyeyi wanyu.” Abana bakibyumva baraturika bararira, bahobera se n’ibyishimo byinshi kuko bari bazi ko atakibaho. Birangiye baricara baraganira, bahuza urugwiro, Bagirishya abwira Mariya ko biherera amutekerereze iby’urugendo rwe, arangije aragenda azana rwa ruhago rwe yazanye arapfundura, asangamo ya mafaranga atagira uko angana.

Bagirishya abwira Mariya ati: “Umunsi ukurikira, uzatangire witegure tuzava aha tuge mu murwa mukuru, ducuruze aya mafaranga, dusezere ku bukene.” Iminsi ibiri ishize nk’ uko Bagirishya yari yabibwiye Mariya, bahambira ibyo kurya bizabatunga mu rugendo, basezera abaturanyi babo, berekeza mu ntara y’umugi wa Kigali. Agezeyo arubaka, atangira umwuga w’ubucuruzi bw’ibiribwa, agenda atera imbere uko bwije n’uko bukeye. Hashize igihe aza kunguka igitekerezo cyo kuzajya kwihugura mu bugenzuzi bw’imari n’inganda ari ko na wa mushinga we ugenda urushaho gutera imbere ku buryo butangaje.

Umunsi umwe, igihe yarimo asangira n’umuryago we aza gufungura inyakiramajwi ye ngo yumve amakuru, haba hagiye itangazo rishishikariza ba Rwiyezimirimo n’abandi babyifuza ko hari gahunda ya Leta igamije gushyigikira abihangira imirimo, ko basabwa kuzategura imishinga yabo bakayigeza ku biro by’Uturere batuyemo kugira ngo hazatoranywe iy’ingenzi izafasha mu guteza imbere abaturage. Bagirishya aza kwandika umushinga we wo kubaka uruganda rutunganya umutobe ukomoka ku mbuto z’inanasi, awujyana ku biro by’Akarere ka Nyarugenge.

Ntibyatizze itariki yo gutangaza abo imishinga yabo yatoranyijwe, Bagirishya ajya kumva yumva yohererejwe ubutumwa bugufi kuri telefoni ye, abusomye asanga umushinga we waratsinze,

bamumenyesha ko azongererwa igishoro kingana na mirongo ine na gatanu ku ijana y'amafaranga afite. Bagirishya ibyishimo biramurenga, abura aho akwirwa, atekerereza umuryango we amahirwe amusekeye. Ntiyazuyaje, yahise ajya ku biro by'Akarere ka Nyarugenge, ahura n'umukangurambaga mu by'ubucuruzi n'inganda, atangira kujya amuhugura, uko azashyira umushinga we mu bikorwa.

Umutobe ukorwa n'uruganda rwe yawise "Turyoherwe" ukundwa n'abawunyoyeho bose, uramamara mu gihugu hose ndetse no hanze yacyo. Bagirishya aba Rwiyemezamirimo mpuzamahanga, atsindeza ibihembo byinshi bitandukanye, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika amuha imodoka y'ishimwe nka Rwiyemezamirimo wahize abandi mu kubyaza umusaruro ibikomoka ku buhinzi aramamara hose.

Mu by'ukuri nubwo Bagirishya yakoze agahirwa, yahoraga azirikana ko amafaranga yatangiye yayabonye mu buryo na we atatekerezeza, agahora azirikana kuzajya gushimira shebuja mu cyaro aho yari yarigeze guhakwa akiri umukene. Bagirishya agakora abika inyugu ku ruhanda, amaze kubona inyungu ihagije arenzaho n'andi mafaranga, ategura kuzajya gusura uwahoze ari shebuja ahagurukana n'umuryango we, yerekeza muri ka gace yatandukaniyemo na shebuja.

Mu nzira, bagenda babaririza kuri urwo rugo baza kuhagera barasuhuza, barabikiriza, Bagirishya asaba ko baturanyi babo ba hafi bakaza, bahageze bose baricara. N'ubwo babakiraga, abo muri urwo rugo bose bari bayobewe ibyo ari byo, babasaranganya ibyo baje babatuye, birangiye Bagirishya asaba ijamba, bamutega amatwi; Bagirishya ahamagara shebuja amusaba kwegera iruhanda rwe, shebuja aza afite amatsiko kuko atigeze amenya uwo ari we, yari yarahindutse cyane.

Bishyira kera, Bagirishya ati: "Datubuja, ngusabye imbabazi, mu ruhamwe rw'aturanyi bawe." Shebuja agwa mu kantu ntiyamenya ibyo ari byo. Bagirishya arongera ati: "Datubuja, ni nge Bagirishya wa wundi wahoze ari umugaragu wawe, nyuma tuza gutandukanira muri

rya shyamba buri wese ahunga agira ngo akize amagara ye, nta we uzi iyo ajya mpunga mfite ya mafaranga ndarorongotana ku bw'amahirwe nza kubaririza abahisi n'abagenzi ngera aho nari ntuye, none databuja sinabashije guhita nkugarukira ako kanya, kuko natinye ko nange nzayoba nkagwa mu bagizi ba nabi bakanyica.”

Bagirishya arakomeza ati: “Databuja nagize umugisha muri ya mafaranga, narimutse njya mu mugwi wa Kigali ndacuruza ndunguka, nunguka inshuti, nunguka ubutunzi bwinshi mbikesha ya mafaranga, none databuja ya mafaranga ndayagaruye n'inyungu ihwanye n'igihe nayamaranye. None ngaya yakire, kandi nongere kuba umwe na we, nkubere umwana na we umbere umubyeyi.”

Shebuja byaramurenze aramuhobera cyane bose bagira ikiniga bararira, shebuja ati: “Ni nge wo kugusaba imbabazi kuko byose wabikoze ngo undengere, washoboraga gukiza amagara yawe ntugaruke kuntabara kuko wari ubiyatse, ariko ukarinda kongera kugaruka kunkiza ugashyira ubuzima bwawe mu kaga, nange nagize agahinda ndakuririra kuko nabonye utagarutse, nkeka ko waguye mu nzira cyangwa inyamaswa zakuriye.”

Shebuja arongera aramuhobera cyane ati: “Wabaye inkoramutima nziza, iyaba abantu bose bagiraga ubupfura nk'ubwawe iyi si yacu yabaho mu mudendezo udashira.” Abari aho bose baratangara cyane bakoma mu mashyi, bataha batangajwe n'ubupfura bwa Bagirishya. Bagenda babivuga aho bageze hose, inkuru ye yamamara muri iyo midugudu yari yegereye aho yose. Bagirishya yongera atyo kubana neza na shebuja kubera ubupfura yagize, bwo kwibuka ibyiza yagiriwe maze akibuka kujya gushimira uwo abikesha, aratunga aratunganirwa asezera atyo ingoyi y'ubukene.

UBUPFURA BW'INTAMA

SEMANYENZI Samuel

Mu Karere ka Nyanza, mu ishyamba rya Nyagashubi hari hatuye intama n'ihene n'abandi baturanyi bazo.

Intama zagiraga urukundo, zigasangira buri kintu cyose. Zashyiraga hamwe, zikirinda icyazitandukanya. Umukuru w'intama yari Rugeyo. Bitewe n'urukundo zakundanaga, buri ntama yafataga indi nk'umuvandimwe wayo. Umubano w'intama wari ushimishije buri imwe muri zo kandi ukanatangaza izindi nyamaswa. Abana bazo barasabanaga kandi bagasabana n'abandi bana b'izindi nyamaswa kabone n'ubwo intama zitakundwaga n'abaturanyi. Aba bana bazo kandi batozwaga gushyira hamwe bakiri bato bityo ubupfura bukaba umurage w'intama. Iyo hagiraga intama ikosa yihutiraga gusaba imbabazi, ikavuga ko itazongera maze ikagirwa inama kandi igahabwa izo mbabazi. Zagiraga iminsi mikuru zikabyina zishimira ibikorwa zagezeho zikanahimbaza insinzi yazo kuko zitabazwaga henshi. Zaganuraga ibyo zabaga zarejeje kandi mw'ibyo birori zageneraga abana bazo ubutumwa bw'uko bakwiye kwitwara hanze nta n'umwe babangamiye kandi banabangamirwa bakitwararika. Aba bana b'intama batozwaga gufasha bagenzi babo bafite imbaraga nke kandi bakabikora nta nyungu bagamije bikanakorwa nta vangura. Ubwo hafi aho hari hatuye ihene na zo zikaba inshuti z'intama ibintu byose zikabikorera hamwe nk'abavandimwe. Kubaha buri nyamaswa yose wari umwihariko w'intama kuko izindi zashyiragamo no kwiyemera. Ihene zaje kugararagaza imyitwarire itari myiza bituma umubano wazo n'intama uyoyoka!

Mu by'ukuri kugira ngo umubano wazo ukendere ihene ni zo zabigizemo uruhare kuko zanze kumva inama zagirwaga n'intama kubera amakosa zabaga zakoze, ahubwo zigahora zivuga ngo intama zirazanga. Ihene zakomeje umuco wo kwikunda, bituma zitandukanya n'intama reka urwango sinakubwira!

Za hene uko zakamaze kwitandukanya n'intama zatangiye kuziharabika mu zindi nyamaswa, zikazivugaho amagambo azisebya mu baturanyi bari aho bose. Intama zo zararucaga zikarumira kandi zigakomeza gushyira hamwe no kubanira buri wese neza nk'uko byari intego yazo. Ihene zo n'ubwo zitandukanije n'intama ntizigeze zibona uwo mwanya wo kuba zasenyera umugozi umwe ngo buri imwe inezewe no kubona indi imeze neza. Mu buzima bwazo ntizacanaga uwaka kandi zigahora ziganyiriza. Ntizashyiraga hamwe kandi n'iyo zakoraga zumvaga zitanyuzwe n'ibyo zageho, zigahora ziririkiye iby'abandi, zikagira umunwa muremure n'amaso maremare kurenza inyamaswa zindi. Ihene zumvaga zitabona umwanya wo kwicara ngo ziganirize abana bazo kandi ntizigeraga zihana abana bazo kuko bakoze amakosa. Uretse intama zashirikaga ubute, izindi nyamaswa ntizahaga agaciro kwicarana n'abana bazo ngo baganire.

Ihene zaje kugirira ishyari intama bitewe n'umubano zari zifitanye utari unejeje ihene. Ihene zakomeje gusebya intama ngo byibura na zo zitatane biranga biba iby'ubusa kuko intama zari zizi icyo zishaka. Zari zigamije gukunda uzanga kandi zigashyira hamwe muri byose. Ihene zabonye ko amayeri yo kubeshyera intama nta cyo atanze ziga ubundi buryo bwo kuziteranya, zitangira kurondora ibyo zitaniyeho kandi ari na ko zishyira umunyu muri ya magambo yo kuzisebya. Ibi byatumye hari zimwe mu ntama zashatse kwitandukanya na bagenzi bazo zitangira gucudika n'ihene dore ko ihene zazibeshyaga ngo zizazitoza gushabuka ngo zireke guhora zijunjamye.

Ibi byose ihene zabikoraga zigira ngo zizage zirira ibyahinze n'intama kuko nubwo intama zafatwaga nk'ibifura mu zindi nyamaswa zanyurwaga manuma. Zumvaga zinyuzwe n'ibyo zakoze kandi zikanishimira uko zari ziteye. Zirindaga kuba zakwiba cyangwa ngo zisabirize. Ubupfura bwazo bwazemereraga kurya ibyo zavunikiye nta buriganya zikoreye izindi nyamaswa.

Umuhate wazo watumaga zibasha kwitunga kandi zikanirindira umutekano. Intama ni zo zari zizwiho kuba zigira ubuntu, zigacisha

make kandi zikaba n'inyabwenge mu bijyanye no kurinda umutekano ku buryo zitabazwaga aho bikomeye kandi ntihagire ikizitera uko kibonye kuko ukwishyira hamwe kwazo kwari guhagije.

Ihene zamaze kubona ko umugambi wazo umaze gukunda zatangiye kwereka za zindi uburyo zakwitandukanya na bene wazo. Ihene zakomeje gusubira muri ya magambo aharabika intama. Intego y'ihene kwari ukurya ibyahinzwe n'intama no gusenya umubano w'intama zigakwira imishwaro nk'izindi nyamaswa.

Wa mubano zahoranye ihene zawirayemo, zirawusenyaga usigarana zimwe zakomeje kwihagararaho kuko zumvaga ko ntacyazitandukanya. Byari byiza ku ruhande rw'ihene kuko intego yazo yari imaze kugerwaho. Muri icyo minsi ibintu byaradogereye intama zimwe zihakana bene wazo zibwira ko zizabonera ibyiza ku mutindi w'umunyagwa ngo ni ihene ugenzwa n'inda kandi akanga amahoro. Igihe intama zari muri aya makuba ihene zabaga zibyina ziti "Turabikoze, turabikoze".

Nyuma y'aho ihene zitandukanije zikabura byose nk'ingata imenye, hari zimwe mu zahemutse zasubijije amaso inyuma zijya gusaba imbabazi, zemera amakosa zakoze. Bitewe n'umuco intama zahoranye, zanezezwaga no kubona bagenzi bazo babonye ko bahemutse maze zikabakirana yombi, zikishimana ziyibutsa umubano zahoranye. N'ubwo ariko hari izemeraga amakosa zakoze hari zimwe zakomeje kwinangira ahubwo zigahora zibuza amahoro bagenzi bazo banze kwitandukanya bagakomeza kuba umwe. Ibi byatumye izahemutse zikwira imishwaro kuko zititwaye neza mu gihe gikomeye cy'umwanzi.

Umwete n'ubudahemuka bwazo; byatumye ziyakira zemera ibyabaye zongera kwishyira hamwe maze zitangirira kuri duke zari zisigaranye, ziriyubaka kandi ziyemeza ko kwishyira hamwe ari byo byazifasha kurusha ibindi. Muri uku kwiyubaka zahuraga n'imbogamizi yo gucibwa intege n'izindi nyamaswa zizibwira ngo ziribeshya nta cyo

zizageraho ngo ikiza ni ukwirorera aho kugokera ubusa. Hari ubwo zumvaga zicitse intege koko ariko kubera intege yo kwihanganira byose ikazikomeza zikabasha gutsinda abo bashukanyi.

Mu kwishakamo ibisubizo birambye Rugeyo nk'umukuru wazo yazisabye ko zakongera imbaraga mu guhashya umwanzi maze umutekano ukagira buri wese nta kubangamirana kubayeho. Nk'uko ubupfura ari bwo bwazirangaga bwatumye zibasha kurwanya abanzi kuko zirindaga kuba zarya ruswa ngo bene wazo baharenganire kandi ntizigeze zigira irari ryo gukurura zishyira. Buri imwe yakoraga ibyo ishinzwe neza, ku gihe kandi ikabikorera inyungu yayo n'iy'izindi muri rusange.

Intama ntizaciwe intege na za mvugo ahubwo zakomeje kubyihanganira umuco wazo zirawusigasira, amagorwa zahuraga na yo zikayihanganira kandi zikirinda kwitinya mu zindi nyamaswa, zigakomeza kunezezwa n'uko ziri bigatuma zitandukana n'izindi nyamaswa. Bitewe n'ibyo zanyuzemo hari inyamaswa ziyemeje kuzishyigikira nk'inkwavu, inyoni n'inka kuko zabonaga ko ari intwari kandi ko ibyo zikora zibizi.

Za ntama zitandukanije zaje gushwana n'ihene. Dore uko byagenze:

- Intama: Wibuka ibyo twasezeranye?
- Ihene: E! Ibiki ubwo?
- Intama: Wiyibagije ibyo wemeye?
- Ihene: None urumva mbikubajije mbizi? Niba kubivuga bikunaniye ceceka.
- Intama: Byihorere ndabibonye.

Byakomeje kuba bibi na zo ubwazo zisubiranamo habura n'imwe yumva indi ariko ihene zigakomeza kwigamba ziti: "Iby'abapfu biribwa n'abapfumu".

Umutima intama zahoranye zarawukomeje na nyuma yaho zihemukiwe. Zakomeje gufasha abana b'izindi nyamaswa cyane cyane ab'ihene. Zaharaniraga gutanga inama ku nyamaswa yazihemukiye aho kwihorera kuko mu umuco wazo ubugome bwari ikizira.

Nyuma yo gushwana hagati y'ihene na za ntama, ihene zararebye zisanga zikwiye kujya gusaba imbabazi. Intama zanga kuva ku izima kuko zavugaga ko zaba zisebye kandi zikaba zinisuzuguje. Ihene zaricaye zirebera hamwe uburyo zizasaba imbabazi. Dore ikiganiro ihene yagiranye n'urukwavu bihuriye i Rugwa.

- Ihene: Si byiza gusaba imbabazi ra?
- Urukwavu: Ahubwo mwaratinze. Murashaka kwisubiraho?
- Ihene: Cyane rwose! Erega twarahemutse.
- Urukwavu: Ni byo koko mwarahemutse murebe uko mwasasa inzobe mwemere amakosa yanyu ndabizi intama zizabaha imbabazi nubwo tuziziza ubusa. Murabehe mugire inzira nziza.

Ihene zemeje ko zigomba kujya ku mugezi wa Mukonje zikabanza kwimenyereza abana b'intama uko baje kuvoma mbere yo guhura n'iwabo.

Umugambi waranogejwe, zitegura akaririmbo kavuga ngo: "Ngwino, ngwino, dukine erega nisubiyeho." Buracya ku wa Gatatu zijya ku Mukonje n'ikimwaro kinshi k'ibyho zakoze kuko zumvaga ko nta cyo bizatanga. Zarakugendeye no ku mugezi ngo ba! Ubwo hari mu rukerera ariko intama zikaba zari zitaraza kuvoma kuko zabanze no gukora imirimo yo mu rugo. Zacaga ku nshuti zazo kandi ziziramutse ari nako ziganira. Ihene zagumye gutegereza nko kugasusuruko nibwo abana b'intama baje kuvoma. Kubera ubwoba ihene zari zifite zanze kubegera bituma na ka karirimbo zitakaririmba. Abana ntibigeze babyitaho bakomeje gukora ibyabazanye. Ntibarangara kuko bari barabujijwe gutinda mu nzira. Aho batumwaga hose kwari ukuraswayo.

Zaratashye zimwe muri zo zitangira gucika intege kuko ngo zabonye ko intama zitazitayeho. Zakomeje kuvuga ko ari ugukorera ubusa, ariko ihene nkuru ikazirema agatima iti: “Ni byo koko bagenzi bange twarahemutse kandi dukwiye no gusaba imbabazi.” Mureke dukore ibyo twiyemeje tureke kwitanga kuko igihe ari iki. Zarayikundiye zemera ko zigomba gusubirayo zigakoresha uburyo bwose bushoboka.

Nk’uko zakabyemeye zaricaye zibanza kwigisha zimwe muri ngenzi zazo zari zigifite imyumvire mibi bityo zose zigakora ibyo zemeranyijwe nta n’imwe ihemutse. Zemeje ko umunsi ukurikiyeho zigomba guhagarara ku nzira aho kujya ikantarange nka mbere.

Bwarakeye ku wa Kane zirakugendera nkuko umugambi zari zawunogeye, zihagarara ku nzira nuko abana b’intama bamaze kuhagera ihene zizamura ka karirimbo ziti: ”Ngwino ngwino dukine erega nisubiyeho.” Zitangira kubyina ariko zisubiramo kenshi indirimbo yazo. Byatumye za ntama na zo zitwarwa zitangira kubyina hamwe n’ihene dore ko zakundaga kuririmba.

Intama zaratashye zemeranywa ko zigomba kubwiza iwabo impamvu yatumye zitinda. Zimwe muri zo zashakaga kubeshya ariko izindi zirabyanga. Dore ukuntu byagenze mu nzira:

- Intama nto: Mureke tubwire mu rugo ko twasanze ivomo ryuzuye izindi nyamaswa.
- Intama nkuru: Niko murashaka kubeshya?
- Intama nto: None se twabigenza dute tutababeshye?
- Intama nkuru: Oya, si byo tugomba kuvugisha ukuri nk’uko babidutoje.
- Intama nto: Ubundi se twakunguka iki nitubeshya?
- Intama nkuru: Nta cyo.

- Intama nto: Tugomba kwemera ko twakosheje kandi tukanasaba imbabazi aho kugira ngo tubeshye.
- Intama nkuru: Erega kubeshya ni ukongera ibibazo si ukubikemura.

Zarokomeje mu kugera mu rugo ababyeyi bazo bazibajije impamvu zatinze zivuga ko zahuye n' inshuti zazo zikabyina bigatuma zitinda. Ababyeyi ntibigeze babyitaho gusa bakomeje kubabwira ko bagomba gukomera ku muco bakamenya gusaba no gutanga imbabazi igihe bakosheje cyangwa bakosherejwe.

Intama zikuze zakomeje kugira inama izindi zikiri nto zizibwira ko zigomba guharanira kuba intangarugero kandi zikirinda gusuzugura ababyeyi n' abaturanyi dore ko umuryango wari umaze kuba munini. Urukwavu ni rwo rwakoreshejwe mbere, inka n' inyoni byahoraraga mu rugo rw' intama zigakomeza kubiba urukundo muri zo bitandukanye na mbere.

Abana b' intama basabye uruhushya ababyeyi babo ko bazajya babihanganira igihe batinze kuva ku iriba. Bararuhawe gusa na bo basabwa ko batagomba gutinda cyane cyangwa ngo babe bagira urugomo bakangiriza abaturanyi. Basabwe kubahiriza igihe kandi bakiyubaha bari mu bandi nkuko ari ishema ry' intama.

Umunsi ukurikiyeho, ubwo hari ku wa Gatanu zasubiye ku ivomo zihura na za nshuti zazo. Ziraganira zihuza urugwiro kuko zari zimaze no kumenyerana zisubirira muri ka karirimbo. Nyuma yo kubyina, imwe mu ntama yabajije ihene impamvu zakoresheje ariya magambo. Ntizari zizi ko ihene zahemukiye intama kuko mu byo zabwiwe ntibyarimo. Ihene zariyumviriye maze imwe iti: "Reka iki kiganiro tuzagisubukure ubutaha". Imwe mu ntama na yo izana igitekerezo cy' ukuntu zigomba kumvira ababyeyi zubahiriza igihe bigakorwa ubucuti bwazo n' ihene nta cyo bubangamiweho. Yasabye ihene ko zizajya ziziherekeza bikaganira zitaha aho guhagarara mu nzira.

Ihene zarabyemeye, kuko zari zimaze kubona ko nta kiza nko kubwira ukumva kandi akakugira inama kurusha uwo ubwira agamije kugusenya akujyana mu nzira mbi. Zasezeranyeho zemeza ko zizahura umunsi ukurikiyeho.

Intama zagize impamvu ituma zitaboneka uwo munsi, zigerageza guha ubutumwa urukwavu ngo rubushyikirize ihene ariko ntibyakunda. Ubwo ihene na zo kuko zitabimenye zageze ku iriba zirategereza maze ziraheba. Zatashye zibabaye zibaza uko byagendekeye intama.

Zimwe muri za hene zari zigifite imyumvire mibi zabwiye ingenzi zazo ziti: “Wasanga ababyeyi b’intama baramenye ko ari twe bakaba bababujije.” Umunsi ukurikiyeho intama zagiye kuri Mukonje zizeye ko ihene zabonye ubutumwa zohereje. Zatangajwe no kumva ko zitabubonye. Zibajije impamvu yatumye urukwavu ntirutumike ntizabitindaho kuko zumvaga ko rushobora kuba rwagize impamvu. Imwe mu ntama yaravuze iti: ”Tubigenje dute?” Izindi ziti: ”Ni ugusaba imbabazi.”

Ihene zasibye uwo munsi zitegura uburyo zizajya gusura inshuti zazo kuko zari zimaze kumenyerana kabone n’ubwo imico yazo yari itandukanye.

Mu kugera imuhira, ababyeyi bazo bazisabye kubwira izo nshuti zikazabasura na zo zirabyemera ko zizabikora. Bwarakeye ihene ziribatura zijya ku mugezi gutegereza intama, zumvaga ko zakoze amakosa bigatuma zishaka gusaba imbabazi. Umwanya muto ushize intama ziba zirahasesekaye nuko uba umunsi udasanzwe. Zirahoberana kandi zisabana imbabazi ubucuti burakomeza. Imyitwarire mibi ihene zagiraga yari imaze gushira. Intama imwe yabwiye iwabo ko bifuzaga kuzibona biba nko korosora uwabyukaga. Ihene zose icyarimwe zarikirije ziti: “Yego ni byo.” Zasezeranyeho imwe iwabo indi iwabo.

Bwarakeye ihene zigaruka ziteguye, zizana ibiseke, inkangara, inzoga n’ibindi maze zitegereza intama nk’ibisanzwe. Mu kanya nk’ako guhumbya intama zirahagera. Zavomye bisanzwe nuko mu

gutaha zirajyana. Zageze mu rugo ziravunyisha, intama zihamagara ababyeyi bazo, barazisanganira, dore guhoberana kw'ihene n'intama sinakubwira.

Ihene zafashe umwanya zivuga ikizigenza, zivuga ukuntu zahemutse zisaba imbabazi zemera ko zitazongera zigiye guhinduka. Intama n'ibyishimo byinshi ntizitaye ku byo ihene zazikoreye. Zafashe na zo umwanya zivuga ko zitanze imbabazi ubundi umubano usubira nka mbere.

Ihene zararebye zibona ko kurya ibyo utakoreye ari ingeso mbi iganisha ku bunebwe n'umuco mubi w'ubusambo. Intama na zo zararebye zibona ko kwanga uko uri ukifuza kubaho nka mugenzi wawe ari ukuvuguruza uwakuremye no kwishyira mu bibazo bidashira.

Kuva ubwo zashyize hamwe bikomeye, zitahiriza umugozi umwe, ziyunga na za ntama zanze kwiyakira uko ziri, maze urukundo, kwihangana, ubugwaneza, impuhwe n'ubufatanye bw'intama bihindura izindi nyamaswa ubuzima burushaho kuba bwiza ziragashira nka Gashamura.

AGATUNZI MU GIHUGU CYA NKUNDUMURIMO

TUYIKUNDE Furaha Zeno

Mu gihugu cya Nkundumurimo, hari uduce tubiri ari two: Kora na Mpiru. Mu gace ka Kora hari hatuye inyamaswa nyinshi cyane zikunda gukora kandi ziyuha akuya kugira ngo zigere ku byo ziyemeje. Naho mu gace ka Mpiru hakaba inyamaswa z'ibigwari, mbese zidakunda gukora zibyuka zicaye bugacya bukira, uyu muni n'ejo, nuko umwaka ugashira undi ugataha.

Mu nyamaswa zari zituye mu gace ka Kora, harimo inyamaswa yitwaga Agatunzi, ikaba inyamaswa y'inyaryenge cyane igira ingoga mu gutanga ibitekerezo byiza kandi byubaka umuryango mugari w'inyamaswa zari zituye mu gihugu cya Nkundumurimo no muri ako gace kazo ka Kora by'umwihariko.

Izindi nyamaswa zarahingaga ariko ntizibone umusaruro nk'uw'Agatunzi, zigahora zibaza uburyo Agatunzi gakoresha kugira ngo kabone umusaruro nk'uwo kabona ariko biranga birazishobera. Zigiriye inama yo kujya kubaza Agatunzi ibanga n'umuvuno gakoresha kugira ngo gakire kandi kiteze imbere ku buryo bugaragarira buri nyamaswa yose yari ituye muri ako gace. Nuko zifata umwanzuro wo kujya gusura Agatunzi aho kari gatuye no kugisha inama ku cyo zakora kugira ngo zigere ikirenge mu cyako.

Hari mu gitondo izuba rirashe, zifata urugendo ziragenda nk'uko zari zabisezeranye. Zigeze kwa Agatunzi ziti: "Mwaramutseho abo kwa Agatunzi?" Agatunzi na ko kati: "Mwaramutseho namwe. Ni ubuhoro se ko mutuzindukiye iki gihe ra?" Agasega na ko kari inshyomotsi ariko bitari ibyo kwanduranya no gusebanya karitanguranywa kati:

"Wahora ni iki Agatunzi ko byadushobeye pee! Turahinga ntitumeze, twameza tukarumbya cyangwa imyaka yacu ikaribwa n'ibyonnyi, ubu rwose twabuze icyo dukora. Ni yo mpamvu twakuzindukiye kugira ngo utugire inama natwe twiteze imbere nkawe." Agatunzi

karababaye cyane kati: “Mbere na mbere mbanje kubashimira umuhate n’ubushake mwagize bwo kuza hano kunsura ngo tunganire, ni ikimenyetso cy’uko mufite ubushake n’umuhate byo kuzana impinduka zigamiye iterambere mu buhinzi bwanyu n’agace kacu ka Kora muri rusange. Rero ibanga nta handi riri uretse mu gukunda umurimo, gukora bitari bimwe bya nyirarureshwa byo kuzarira, no kugenda biguruntege mu gafata imyanzuro ikomeye kandi yagura ubuhinzi bwanyu vuba. Nange mpura n’ibibazo nk’iby’ubushake, ubona tuzira iki?” Agasega kati: “Nonese twabigenza dute ko natwe ntako tutagira ngo umusaruro wacu wiyongere ariko bikanga bikaba iby’ubushake, ubona tuzira iki?” Agaca na ko kari aho kati: “Yewee! Aho umutindi yanitse ntiriva koko ubu tuzira iki?” Agatunzi gaseka cyane kati: “Hahahaaaa! Oya, ntabwo kuba mutabona umusaruro uhagije bikagera n’aho mwicwa n’inzara bikwiye gufatwa nk’uko mubitekereza. Ahubwo igikwiye ni uko buri nyamaswa ku igiti cyayo yari ikwiye kwitekerezaho hanyuma igakora igikwiye mukongera umusaruro.”

Inyamaswa zose ziti: “Ubwo se twabigenza dute?” Agatunzi kati: “Reka mbambwire rero banywanyi bange, icya mbere: muge muzinduka. Kuzinduka ni imwe mu ntwaro nziza kandi iboneye mwakwifashisha mukabona umusaruro mukeneye nk’uko mubizi umubyizi ni uwa kare, icya kabiri mushyireho gahunda y’uburyo mwajya mukoramo ubuhinzi bwanyu buri gihe k’ihinga kandi mwihe intego y’iby’ubushake muzageraho, mukoreshe uburyo bwose bushoboka kugira ngo mwese imihigo mwihaye, kuko twiruka inyuma y’igihe ariko cyo ntikidutegereze. Byashoboka ko kuba mutabona umusaruro mwinshi biterwa n’uko mwapfaga gukora ubuhinzi bwanyu mutita ku gihe mukoresha ugasanga igihe mutakaza ari kirekire, bityo bigatuma mubona umusaruro muke cyangwa se bigaterwa n’uko mwakererewe gutera imbuto zanyu n’aho muzitereye ntimuziteho bihagije ngo muzihe ibyangombwa byose zikeneye kugira ngo na zo zibahe umusaruro mwifuzaga nk’abatuye aka gace kacu ka Kora. Ikindi kandi mugomba gukangukira gukorera hamwe, mugasenyera umugozi umwe.”

Agatunzi gakomeza kagira kati: “Reka mbahe urugero: ngewe n’umuryango wange twahuye n’ikibazo k’inzara mu myaka ishize, bituma twaguka mu mitekerereze n’ingiro, dushyira hamwe imbaraga, dufatanya kugisohokamo none ubu twaragikemuye burundu. Rero namwe icyo mbasaba, nimugende mukorere hamwe kandi nzabibafashamo.” Agacurama na ko kari kazanye n’izindi nyamanswa mu rugo rwa Agatunzi kugisha inama, karahagurutse karavuga kati: “Inama utugiriye twazumvise kandi twiyemeje kuzikurikiza. Ngewe rero sinabona uburyo nashimiramo Agatunzi, numvise neza impamvu ituma ntabona umusaruro uhagije, nabyukagaga, sinite kuri gahunda y’ibyo ndibukore ahubwo rimwe na rimwe nkabanza nkajya gusoma amarwa bikarangira uwo munsu umfiriye ubusa ku bwo kudashyira umutima n’itekerezo ku kazi kange. Nungutse byinshi rero kandi ngiye gukurikiza inama zose twagiriye n’Agatunzi by’umwihariko gukunda umurimo dukora.”

Ibiganiri byarakomeje inyamaswa zose zibaza ibibazo zibazaga kandi zibibonera ibisubizo byiza biboneye, bityo ziyemeza gukurikiza no gushyira mu bikorwa inama zose zagiriye na Agatunzi.

Bidatinze rero inyamaswa zose zo mu gace ka Kora zatangiye imirimo yazo y’ubuhinzi neza, kandi ku buryo buvuguruye zubahiriza inama zahawe na Agatunzi mu gihe ko kari karamaze gukira rugikubita. Zakoze zishishikaye, mbese ubona ko zikunze umurimo wazo, imbuto zazo zitohagiye kandi zigaragaza ibimenyetso by’uko zizatanga umusaruro uhagije muri icyo gihe, ugereranyije na mbere zitarakanguka ngo zijye gushaka ubumenyi n’inama zihagije ku murimo wazo, dore ko: “Akanyoni katagurutse katamenya aho bweze.”

Igihe k’isarura cyarageze, inyamaswa zo mu gace ka Kora zibona umusaruro mwinshi zitari zarigeze zibona mu bihe byatambutse ku buryo zahunitse ibigega bikuzura.

Umunezero wabaye mwinshi muri ako gace, inyamaswa zose ziranezerwa, dore ko byari amahire igihe cyo kuganuzwa umwami

wazo witwaga Kazi cyari kegereje. Mu gihe zari zitegereje umunsi nyawo zizajya ibwami mu munsi mukuru w’umuganura, inyamaswa zirimo Agasega, Agacurama n’izindi nyinshi zari zaragishije inama Agatunzi kugira ngo zibone uwo musaruro, zagiye umugambi wo kujya kugashimira no gutegurira hamwe iby’uwo munsi mukuru w’umuganura. Izo nyamaswa zenze inkangaza, zinategura ikigage kiza k’inturire, zikoresheje ubuki Kayuki yazanye, dore ko yari yasaruye ubuki bwinshi biturutse ku nama yagiriwe na Agatunzi zo gukunda umurimo akora, bityo akiteza imbere inzozi ze zikaba impamo.

Bwarakeye rero, zifata bya binyobwa zijya gushimira Agatunzi. Zigezeye ziranywa ziranezerwa, ariko zirarana umugambi wo kuzajya ibwami mu munsi mukuru w’umuganura nk’uko byari bimenyerewe mu gihugu cya Nkundumurimo buri gihe k’isarura. Umunsi w’umuganura rero warageze inyamaswa zose zerekeza ibwami, umwami akubise amaso umusaruro ndetse n’umunezero inyamaswa za Kora zifite biramunezeza ariko nanone ababazwa n’ukuntu inyamaswa zituye Mpiru zidatera imbere.

Agasega gatera urutoki hejuru, umwami agaha ijambo karavuga kati: “Mwami, mfite igitekerezo ku buryo inyamaswa za Mpiru zakoresha kugira ngo zibashe kubona umusaruro nk’uwacu”. Umwami ati: “Ni ikihe?” Na ko kati: “Mwami, twebwe abaturage ba Kora dufite amahirwe akomeye kubera ko dufite Agatunzi kadufasha mu kwagura ibitekerezo tugashaka icyaduteza imbere katwereka uburyo twakoresha kugira ngo twiteze imbere”. Umwami abaza Agatunzi n’izindi nyamaswa zose ziba mu gace ka Kora ati: “Nonese ubwo uburyo mukoresha kugira ngo mwiteze imbere ni ubuhe ngo mubusangize izi nyamaswa za Mpiru na zo ziteze imbere ko zimerewe nabi kandi inzara n’ubukene byenda kuzihitana?” Agasega na bwa bushyomotsi bwako kati: “Aho nungutse igitekerezo”. Umwami ati: “Wungutse ikihe gitekerezo, Gasega we?” Agasega kati: “Agatunzi nikimukire muri Mpiru, hanyuma gasuzume igitera ubwo bukene n’inzara kabishakire umuti.” Umwami yumva icyo gitekezo gitanzwe na Agasega aravuga ati: “Mbere na mbere mbanje gushimira Agatunzi ku bw’icyo gikorwa

cy'ubutwari kakoze kagatuma mwiteza imbere bigeze aha. Rero bishobotse, kadufasha kakajya kwigisha zino nyamanswa ngenzi zacu zituye Mpiru, na zo zikagera ikirenge mu cyanyu, bityo twese tukagendana mu iterambere ry'igihugu cyacu cya Nkundumurimo muri rusange". Agatunzi kati: "Ku bwo uko nkunda umurimo kandi nkunda inyamaswa zose zituye mu gihugu cyacu cya Nkundumurimo ndabyemeye." Inyamaswa zose zari ziteraniye aho zikoma amashyi ziti: "Urakoze ku bw'ubwitange no gukunda umurimo ugaragaza." Inyamaswa zituye Mpiru mu byishimo byinshi n'umunezero ziti: "Turabyishimiye kandi twiteguye kubahiriza inama zose uzatugira". Umunsi mukuru warahumuje inyamaswa zose zisubira imuhira by'umwihariko izituye Mpiru zigenda zibazanya ziti: "Ese ubu tubura iki ngo tube nka bagenzi bacu batuye muri Kora?". Zimwe ziti: "Ni umwaku." Izindi ziti : "Iwacu ntihera." Mbese zibazanya byinshi karahava.

Bidatinze rero, Agatunzi gafata ibyako kerekeza Mpiru nk'uko kari kabisabwe n'inyamaswa zose zituye mu gihugu cya Nkundumurimo nk'uko umwami yari yabigasabye mu munsu mukuru w'umuganura. Agatunzi rero kagezeyo kasanze ibintu bimeze nabi, inzara ica ibintu n'ubukene bunuma. Agatunzi karahugurutse karahagarara, gakubita hirya gakubita hino gashaka icyo kakora kugira ngo inyamaswa za Mpiru zisohoke muri ibyo bibazo by'ingutu byari bizugarije.

Agatunzi kigiriye inama yo gusaba inyamaswa zose zituye agace ka Kora, dore ko keraga cyane, gukora iyo bwabaga zigafungurira ngenzi zazo zituye Mpiru kuko inzara itari izoroheye kandi nta bushobozi zifite. Ibyo byarakozwe nuko inyamaswa zituye Mpiru zirafungurirwa zongera kugarura ubuyanja. Nyuma yo kongera gusubirana ubuzima, Agatunzi katangije ibikorwa by'ubutwari bivanzemo no gukunda umurimo kasabwe gusohoza. Kakoranyirije hamwe inyamaswa zituye Mpiru kati: "Ntabwo muzakomeza kubona ababafasha kandi mufite amaboko n'amaguru. Rero, nimucyo dushyire hamwe imbaraga, umutima n'urukundo ku kazi kacu". Inyamaswa zituye Mpiru ziti: "Ubwo se twabikora dute?" Agatunzi kati: "Tugiye gutangiza

ishyirahamwe turyite Duhaniregukungahara.” Inyamaswa zituye Mpiru zibaza Agatunzi ziti: “Ubwo se rizajya rikora rite bitandukanye n’uko twakoraga, ko ntako tutagiraga ngo tubone umusaruro uhagije ariko bikanga bikaba iby’ ubusa tukarumbya?” Agatunzi kati: “Tuzajya tuzinduka kare, dufate ibikoresho byose dukoresha mu buhinzi, hanyuma dukore tutikoresheje kugira ngo tubone umusaruro ushimishije cyane.” Inyamaswa zose zarabyemeye ziyemeza gushyira ubunywewe hasi hanyuma zigakunda umurimo, zigakora zikiteza imbere nk’izindi zo mu gace ka Kora.

Ntibyatizze rero inyamaswa zatangiye guhingira hamwe muri rya shyiramwe, Agatunzi kise Duhaniregukungahara, zitera imyaka, zirayikorera ziyitaho bishoboka. Mbese ubona zifite umuhate n’umutima bivanze n’urukundo by’ akazi zikora. Mu gihe zakoraga ibyo byose ariko, imbeba zari zituye Mpiru zanze gufatanya n’izindi nyamaswa ahubwo ziyemeza kujya ziba ibyo izindi zahinze zitwaje ko ngo akazi zikora kavunanye kandi kagoye, dore ko zavugaga ko izo nyamaswa zabyukaga ijoro zigataha irindi ngo ziri guhinga.

Imbeba zibye imyaka y’izindi nyamaswa biratinda, zigahora zibaza uziba, hanyuma Agatunzi karabireba birakababaza karavuga kati: “Reka tuge tuyirarira hanyuma tuzamenya ikitwibira imyaka yacu.” Zapanze uko zizajya zibikora hanyuma ku muni wa gatatu zibona ikizibira imyaka kiraje, zabanje kuyoberwa icyo ari cyo ariko zitegereje neza zibona ari imbeba. Zarazikubise cyane karahava, nuko imbeba zisaba imbabazi zivuga ziti: “Nimutubabarire! Nimutubabarire! Ntabwo tuzongera. Ni inzara igira nabi ubundi ntabwo twari dusanzwe twiba.” Agatunzi kati: “Nimusigeho mureke kwica izo mbeba, ahubwo mutuze twumvikane.” Inyamaswa ziti: “Nimureke twubahe Agatunzi. Ariko ubundi tuba tuzishe. Turakora tukavunika, tukiyuha icyuya ngo turebe ko twakwiteza imbere tugaca inzara muri aka agace, na zo zikaza kutwiba nta soni?” Agatunzi kati: “Nimwihangane, bibaho ntabwo abajura ahubwo icyo nsaba imbeba, ni ukwihuza natwe tugafatanya tukiteza imbere.”

Imbeba ziti: “Tubanje kubasaba imbabazi kubera amakosa twakoze yo kubibira imyaka, gusa natwe biduhaye isomo tugiye kuza twifatanye namwe tureke ubujura.” Inyamaswa zose zishimira umwanzuro ufashwe n’imbeba wo kwiyemeza gufatanya na zo mu kuzamura agace ka Mpiru.

Zakoreye hamwe, Mpiru itera imbere umusaruro uriyongera, zihunika ibigega ubukene bugenda nka nyomberi, amahoro arahinda. Muri Mpiru inkuru nziza igera ibwami ko hahindutse agace keza, kera bitandukanye n’uko bahafataga mbere Agatunzi katarahagera. Umwami yashimiye Agatunzi kuri ubwo bwitange no gukunda umurimo kagaragaje mu gihugu cya Nkundumurimo, bigatuma inyamaswa zose ziteza imbere ndetse n’agace ka Mpiru kakava mu icuraburindi ry’ubukene n’inzara byari bikugarije, amahoro agahinda mu gihugu cyose.

MUHIRE, UMWANA W'IMFURA

TWAMBAZIMANA Anastase

Muhire ni umwana w'umuhungu wavukiye mu muryango ukennye cyane. Ubukene bw'umuryango we bwaturukaga ku kuba se yarakoreshaga ibiyobyabwenge kandi yanasaritswe na byo. Kubera ibyo, se yagurishaga ibyari no gutunga umuryango kugira ngo abone amafaranga yo kubigura. Ibi byatumye Muhire akurira mu buzima bubu cyane we na barumuna be. Gusa kubera ko nyina yari yarumiwe, yigishaga Muhire akanamutoza indangagaciro zazatuma avamo umwana w'imico myiza, kandi uzagira icyo yigezaho mu buzima bwe kuko yabonaga ari nta yandi mahitamo asigaranye. Muhire na we yumvaga agiriye nyina impuhwe, bitewe n'uburyo yamubonanaga umuruho; ibi bigatuma muhire adatindiganya kumwumvira kugira ngo atamubabaza.

Izi ndangagaciro Muhire yatojwe yarakuranye. Mu byo yari yaratojwe na nyina, harimo kumvira no kubaha se nk'umubyeyi nubwo se atabitagaho. Ibi byatumye akura yubaha se. Nanone kandi kubera ubu buzima yari abayemo ntabwo buri gihe yabonaga ibikoresho bihagije byo kujyana ku ishuri. Byatumaga ajya gukorera abaturanyi uturimo twa hato na hato tworoheje kugira ngo abone uburyo bwo kugura ibikoresho bihagije by'ishuri kuko nyina urwo yabaga ariho rutabaga rumworoheye. Nubwo Muhire yari abayeho muri ubwo buzima bubu kandi bugoye, ntabwo yivovoteraga uko iwabo babayeho ahubwo yahoraga anyuzwe. Yahoraga azirikana icyo nyina yamwigishije uko bwije n'uko bukeye.

Kubera kumvira impanuro za nyina, byatumye Muhire akura akunda gufasha abandi yabonaga bakeneye ubufasha. Cyane ku ishuri kuko yari umuhanga yakundaga gusobanurira bagenzi be. Yasobanuriraga abo yabonaga byananiye bese, kabone nubwo bo babaga bataje kumwibariza, kuko atishimiraga kubona babahanira ko byabananiye.

Iyo Muhire yageraga mu rugo yakundaga kwegera nyina kugira ngo amuhanure ndetse anamugire inama z’uko agomba gukomeza kwitwara kugira ngo ubuzima bwe buzabe bwiza mu gihe kizaza. Igihe yabaga ari kuganira na nyina ntabwo yabaga yicaye ubusa, ahubwo yabaga akora uturimo na we amufasha, ibyo byanezezaga nyina cyane. Uretse kuba yarakundaga gufasha nyina yanakundaga gufasha barumuna be agakunda kubitaho uko ashoboye kose.

Nubwo se ari we watumaga babaho muri ubwo buzima bubi, ntabwo Muhire yigeze amusuzugura cyangwa ngo amufate nk’udafite icyo amaze. Burya ngo uburere umwana ahawe akiri muto ni bwo akurana, kandi ngo: “Igitu kigororwa kikiri gito”. Muhire yumvaga se afite agaciro gakomeye mu buzima bwe kuko ari ko yari yarabitojwe na nyina.

Bitewe no gukomeza gukora ikintu cyose cyashimisha nyina, byatumaga buri gihe nyina atirushya aza kumubyutsa kuko yabyukiraga ku gihe. Burya ngo ukubita imfubyi ntuyibwiriza kurira, Muhire ntabwo nyina yamubwirizaga kujya ku ishuri kuko yumvaga ishuri ari ryo buzima bwe. Ibi byatumaga Muhire akoresha igihe neza nta gihe yapfushaga ubusa cyangwa ngo agikoreshe ari mu bitagira umumaro, ntabwo yigeraga akererwa ishuri ahubwo yanafashaga barumuna be kubahiriza igihe, dore ko yari nk’umubyeyi wabo na we. Bitewe n’uburyo yabakundaga yumvaga azakora igishoboka cyose kugira ngo bazavemo abagabo beza kandi bafite icyo bazamarira igihugu ndetse n’isi muri rusange.

Haje kuvuka ikibazo gikomeye cyane igihe yendaga gukora ikizamini gisoza amashuri abanza, kuko nyina yabonaga atazapfa kubona aho akura amafaranga y’ishuri. Nyina yarebaga ukuntu no kugura ibikoresho bihagije byamunaniye yakubita amaso hirya no hino akabona nta hantu azakura amafaranga y’ishuri. Nyina yarumiwe abura icyo akora. Yahise ajya kugisha inama umugabo we ariko kuko uwo mugabo ibitekerezo bye byari ibyo gusahura, inama yamugiriye ni icyo kugurisha ibyo bari bafite agira ngo abone ko yabona ayo kwinywera.

Ibi byababaje Muhire ndetse na nyina. Muhire yahise ageza iki kibazo ku buyobozi bw'ishuri bwe bitewe n'uburyo abayobozi bari bamuzi bamwumvise vuba. Barangije bamubwira ko bagiye kwiga ku kibazo ke. Bahise batanga ikibazo ku Murenge nuko ubuyobozi bw'Umurenge bubabwira ko buzabafasha kubona umuterankunga. Bidatinze yahise abona umuterankunga. Barishimye cyane. Gusa se kuko yari ntibindeba nta cyo byari bimubwiye.

Bidatinze, bakoze ikizamini amanota ye asohoka ari meza cyane. Ku ishuri rye yari yabaye uwa mbere kandi afite amanota meza. Ikirenze kuri icyo ni uko ishuri rye ryari ryatsinze neza kandi ryose. Icyamushimishije si uko yari yabaye uwa mbere, ahubwo ni uko icyo yifuzaga cyari kigezweho, kuko yifuzaga ko abanyeshuri bose biganaga batsinda kandi neza. Ni na yo mpamvu yahoraga afite ishyaka ryo gufasha abandi. Byashimishije kandi abarezi be cyane kuko bwari ubwa mbere ishuri ryabo ritsinze neza kuri urwo rugero.

Icyari gisigaye kwari ukujya ku ishuri kuko igihe cyo gutangira cyari kigiye kugera. Na we yari yishimiye kugenda kuko na we yumvaga ari ishema kuri we kujya mu ishuri ryisumbuye. Yahise agira ikibazo gikomeye igihe yatekerezaga ukuntu urugo rwabo agiye kurusiga nta mahoro arurimo bitewe na se. Yahise asubira ku barezi be ababwira impungege afite, ko zishobora kuzatuma asubira inyuma mu myigire ye kuko yumvaga nta mahoro n'umutekano azagira. Abarezi be baramwumvise bahita baja kuganiriza se bamusanze iwe. Se wa Muhire bamusanze arabakira, batangira kuganira. Bagitangira, bamushimiye uburyo yabyaye umwana mwiza nka Muhire. Bakimara kumubwira ibyo bahise babona ko yinjiye neza mu kiganiro. Maze babona kumusobanurira ingaruka zituruka ku myitwarire ye mibi. Ntabwo yatinze kubyumva kuko atari yanyoye ibiyobyabwenge. Maze akibyumva yumva arababaye cyane ahita ahindukira arihana, abarahirira imbere ko atazasubira kubikoresha kuko yari abonye neza ingaruka zabyo. Inkuru nziza yari itashye mu rugo. Bose barishimye yaba we, umugore we, Muhire ndetse n'abarezi ba Muhire, arangije anabasaba imbabazi kubera amakosa ye. Muhire yumvise agize

amahoro adasanzwe mu mutima we atari yarigeze agira mu buzima bwe bwose kuko yari yishimiye se cyane kandi yishimiye urugo rwabo ndetse anishimiye ko ntakizamusubiza inyuma mu myigire ye.

Bahise batangira kwiga ku mushinga w'uburyo Muhire ari bugere ku ishuri. Se yahise yumva aterwa ishema no kubona Muhire ajya ku ishuri. Se yahise yumva agomba gukora icyanezeza bose, yaba abana ndetse n'umugore. Yahise ajya gushakisha kugira ngo abone ko yabona amafaranga azageza Muhire ku ishuri ndetse n'ayo azifashisha igihe azaba agize ikibazo.

Igihe cyo kujya ku ishuri kigeze, Muhire yaherekejwe na se na nyina bamwigerezayo. Ibi byaramushimishije cyane. Bamaze kwakirwa, mbere yo gusubira imuhira barongeye baramuhanura na we kuko yumviraga arababwira ngo nibahumure kuko ngo ubwira uwumva atavunika. Batashye bishimiye igisubizo abahaye kandi na bo bari bamwizeye. Muhire yahise ahabwa abanyeshuri bo kumufasha gusasa ngo banamwereke ikigo. Umwe muri bo yamufashije gusasa arangije amutembereza ikigo cyose. Muhire yarishimye kubera urukundo yabonaga mu maso y'uwo muntu, aramushimira na we ahita yumva agomba kuzabigirira abandi. Kandi uwo na we yarishimye kuko yabonaga Muhire ari umwana mwiza.

Bukeye ku muni w'amasomo Muhire yagiye mu ishuri rye. Yahuriyemo na bagenzi be bandi bari baje gutangira. Muhire yari yishimiye uburyo agiye kumenyana n'abandi bantu bashya. Mwarimu akigeramo bahise batangira kwibwirana. Bavugaga amanota bagize, amazina yabo ndetse n'aho baturuka. Yasanze ari mu bafite amanota meza, arangije ku mutima ahita yumva agomba guharanira kuzaba uwa mbere. Muhire yatangiye kuganira na bagenzi be kugira ngo abamenye neza ndetse banabe inshuti. Bidatinze Muhire yatangiye kugaragaza mu ishuri rye ko ari umuhanga kandi ko ibintu byose abyumva. Bagenzi be batangiye kugenda baza kumusobanuzza na we akabasobanurira yishimye. Ndetse na ba bandi batazaga kumusobanuzza yabanzaga kumenya niba babyumvise koko, yasanga batabyumvise akabasobanurira kuko

harimo bamwe batinyaga gusobanuzwa. Ba bandi yabonaga basa nk'aho ari nta cyo bitayeho, abasa nk'aho batazi icyabazanye yarabegeraga akabagira inama, akabibutsa icyabazanye. Abo yabonaga barimo kugendera mu bigare na bo yarabakeburaga akabumvisha ingaruka mbi zo kugendera mu kigare. Abafite imyitwarire mibi na bo ntabwo yatereraga iyo cyangwa ngo abahe urwamenyo ahubwo yabagiriraga impuhwe bigatuma abegera na bo akabagira inama kuko yari azi ingaruka zabyo.

Ibi byatumye abanyeshuri biganaga na we abenshi muri bo bahinduka abahanga kandi baba n'intangarugero mu kigo cyose. Muhire umwaka wa mbere warangiye ari uwa mbere, haba mu manota ndetse no mu myitwarire. Ikindi kandi ni uko mu kigo cyose yari uwa mbere ufite amanota meza. Ishuri rye na ryo kubera ukuntu yabafashaga ryose ryagize amanota meza ndetse na ryo rihagarariye ayandi yose mu kigo. Ibi byatumye abanyeshuri benshi babona ko imyitwarire myiza ijyana no gutsinda. Abenshi bahise bahindura imyitwarire yabo mibi, batangira kwitwara neza kuko babonaga ibyiza byo kwitwara neza. N'abayobozi kandi bari basigaye bamufatiraho ikitegererezo ku ndangagaciro zimwe na zimwe zamurangaga, kuko bamubonaga nk'umuntu ushobora kuba adasanzwe.

Buri gihe iyo yageraga mu biruhuko ntabwo yicaraga ngo agereke akaguru ku kandi ahubwo yafashaga ababyeyi be. Bidatinze Muhire yasoje ikiciro rusange ari uwa mbere ku ishuri rye. Ibi byamufashije kubona ishuri ryiza mu kiciro gikuru cy'amashuri yisumbuye.

Ubuzima bw'ishuri bwarakomeje, Muhire akomeza kwitwara neza no kuba intangarugero mu kigo yari agezemo. Bitewe n'uburyo yari umugwaneza yahise ajya mu itsinda rishinzwe gutabara imbabare. Iyo havukaga ikibazo gisaba ubutabazi yabaga ari uwa mbere. Nta kintu na kimwe yarutishaga ubuzima bw'abantu. Iyo havukaga ikibazo cyo gufashisha amafaranga ntabwo yazuyazaga gutanga ubufasha kabone n'ubwo atari we wari ufite amafaranga menshi kurusha abandi. Burya ngo: "Kora ndebe iruta vuga numve." Yavugishaga ibikorwa kuruta amagambo.

Nanone Muhire kuko yari umuyobozi w'ameza yariragaho bitewe no kwihangana, gushyira mu gaciro ndetse no kwiyubaha, ntabwo yigeraga arya abandi bantu bose yari abereye umuyobozi batarabona ibyo kurya. N'iyo byabaga ari bike yarategerezaga bose bakabanza kubibona. Ikindi kandi n'abo yabonaga bashatse gucura abandi yarabihereranaga akabaganiriza nyuma yo kurya, akabumvisha uburyo gusaranganya n'abandi ari byiza. Na bo babyumvaga vuba bitewe n'uburyo bamubonaga n'urugero yabahaga kubabwira kwabaga ari nko korosora uwabyukaga.

Kubera uburyo yari umunyamuhati cyane, hari igihe babaga bari mu bikorwa by'isuku bagahura n'ahantu hagoye bamwe bakivovota cyangwa bagahunga kuhakora. Ariko we iyo babaga bageze ahantu nk'aho ntabwo yivovotaga cyangwa ngo ahunge, ahubwo yahakorana umurava kandi neza. Yahakoraga yishimye. Uko kwihangana byaberaga benshi isomo. Ntabwo umurava nk'uyu n'ubutwari nk'ubu yabigiraga mu bikorwa by'isuku gusa, ahubwo yabigiraga muri buri kintu cyose.

Hashize igihe gito, ku ishuri rye bashatse gutora umunyeshuri uhagarariye abandi. Bahise bamutora mu kanya nk'ako guhumbya. Na we yahise yumva yishimye kuko yumvaga agomba kuba umuyobozi akabyitoza akiri muto. Ku ruhande rw'abayobozi nta kibazo byari bibateye kuba yahagararira abandi ahubwo na bo babonaga ari ishema kuri bo kandi ko azabafasha guhindura imyitwarire y'abanyeshuri akayigira myiza kurushaho. Ku ruhande rw'abanyeshuri na bo bumvaga kandi bakabona kuba bahagarariwe n'umunyeshuri mwiza nka Muhire nta kibazo bazongera kugira.

Muhire akimara kugera ku buyobozi yabagejeje kuri byinshi cyane abamubanjirije batari barigeze bageraho. Cyane kubera kuba intangarugero mu byo yavugaga no mu byo yakoraga, igihe yabaga atanze igitekerezo abanyeshuri babyumvaga vuba. Kandi iyo yabaga yabwiye abayobozi ikibazo abanyeshuri bagenzi be bafite, bitewe n'uko abayobozi bari bamuzi bizeraga ko ari umuntu ushyira mu

gaciro kandi ukoresha ukuri. Ntabwo bazuyazaga gukemura icyo kibazo kuko bumvaga ko byanga byakunda ari ukuri. Ibi byatumye abayobozi n'abanyeshuri bagirana umubano mwiza cyane ku rwego rutari rwarigeze rubaho mu mateka y'iri shuri. Yabaye umuyobozi w'ibihe byose. Ndetse akirangiza ishuri rye ryamugeneye igihembo cy'umuyobozi mwiza.

Muhire kandi amafaranga ababyeyi be bari baragiye bamuha ntabwo yayapfushaga ubusa cyangwa ngo ayakoreshe nabi. Ahubwo yari yaragiye ayazigama. Ibi byamufashije gushaka icyo ayo mafaranga azayakoresha. Yahise yiga umushinga w'uburyo agomba kuzayakoresha akamubyarira andi, ndetse akaniteza imbere nk'uko nyina yari yarabimutoje akiri muto. Umushinga yarawubonye kandi mwiza. Ariko ibi byose ntabwo byamubujije gukomeza amasomo ye cyangwa ngo bitume atsindwa. Nk'uko bisanzwe rero yaje kurangiza ari uwa mbere mu manota kandi n'ubundi ishuri rye ryatsindiye ku manota meza cyane. Ndetse Muhire yagize ayo twakwita aya mbere mu gihugu. None ubu arashyira umushinga we mu bikorwa. Aracyategereje igihe cyo gusubira ku ishuri kuko yabonye ishuri ry'ubwami mu mahanga, ubu ategereje ko igihe kigera cyo kugenda akurira indege.

YABYUNGUKIYEMO

UMURERWA Emima

Mucyo yakuze ari umukobwa wuje uburanga akagira imico myiza kandi agakunda gufasha cyane. Ababyeyi be bari barapfuye kera bazize impanuka y'imodoka. Nyuma yo kubura ababyeyi be nibwo nyina wabo yiyemeje kumurera. Mucyo yari umukobwa utuje cyane kandi wihangana, udapfa gucika intege! Nyina wabo yamureraga wenyine kuko nta bandi bana yari yarigeze abyara. Yari umubyeyi ukunda kuvuga nabi cyane, agakunda gutoteza Mucyo ndetse rwose akanamuvunisha.

Umunsi umwe Mucyo yari agiye kuvoma ahura n'umukecuru aramubaza ati: "Ese mwana wange ko nduzi ufite agahinda?" Undi ati: "Oya, si ko biri." Umukecuru ati: "Nyamara nge ndabiruzi!" "Ese mwana wange uturutse he, urajya he?" Mucyo ati: "Mvuye imuhira ngiye kuvoma." Umukecuru ati: "Mwana wange, humura ako gahinda mbona mu maso yawe kazashira." Umukecuru ahita yigendera. Mucyo aramuhamagara ati: "Mukecu! Mukecu!" Ariko umukecuru arakomeza arigendera. Mucyo yibajije ibyo uwo mukecuru amubwiye, aho yabikuye, biramuyobera! Nuko na we ashya nzira yerekeza ku iriba.

Mucyo ageze ku iriba aricara ariyumviraaa, nuko arahaguruka aravoma arataha. Ageze imuhira asanga nyinawabo yamutegereje cyane kuko ubundi Mucyo yari umukobwa utajya atinda mu mayira. Nyinawabo aramubaza ati: "Nk'ubu koko, ubu ni gihe ki wa cyohe we? Igihe nagutumiye amazi ubu ni bwo uje?" Mucyo aricecekera kuko iyo yageragezaga gusobanura uko byamugendekeye, ntiyumvwaga! Akenshi nyina wabo yahitaga amubwira ati: "Umva uko gishira isoni mbese!" Nyinawabo abonye ko Mucyo acecetse aramubwira ati: "Uyu munsi uhite ukora ibyo nari ngiye gukora byose si nge wakubwiye ngo utinde ku riba." Nuko Mucyo akora uko abwiye.

Mbere yuko ababyeyi ba Mucyo bapfa bakundaga kumubwira bati: “Mwana wacu w’umukobwa uramenye uzirinde kugira umuntu n’umwe wirengagiza kandi yari agutegerejeho ubufasha, ikindi mwana wacu ntugapfe kwizera umuntu uwo ari we wese”. Ku musozi w’iwabo wa Mucyo hari umusore w’umukire kandi abakobwa bose baramwifuzaga. Umunsi umwe ubwo Mucyo yari avuye gutashya ahura n’uwo musore Gakire, akimukubita amaso atungurwa n’uburanga bwa Mucyo! Aramwitegereza cyane aramubaza ati: “Amakuru ki muko?” Undi ati: “Ni meza.” Aramubaza ati: “Ko ntakumenye se uri uwa he?” Mucyo aramubwira ati: “Imuhira ni hafi aha.” Uwo musore yitegereje umunaniro afite aramubwira ati: “Yewe zana uwo mutwaro nkwakire.” Mucyo ashaka kubyanga ariko k’ubwo guhatiriza k’uwo musore arabyemera.

Ubwo baragiye bageze hafi y’iwabo wa Mucyo, nyinawabo akibakubita amaso ati: “Cyo re! Uriya se kandi we ni uwa he?” Bagenda bamusanga bamugeze iruhande baramusuhuza bati: “Mwiriwe?” Undi ati: “Hiriwe wowe batwaje nk’aho utabasha kwitwaza!” Uwo musore aratungurwa yumvise imivugire y’uwo mubyeyi. Atura inkwi, nuko Mucyo amuzanira agatebe aricara. Nyinawabo amubaza aho aturutse n’uwo ari we, undi aramwibwira. Akimara kumwibwira asanga asanzwe aziranye n’ababyeyi be. Aramubaza ati: “Hanyuma se wowe n’uyu mukobwa mwahuriye he?” Nuko bamusobanurira uko bahuye.

Barakomeje baraganira ari nako uwo musore yitegereza uburanga bwa Mucyo, nyuma y’umwanya utari muto umusore arasezera arataha. Ari mu nzira agenda yakomeje kwibaza ku buranga bwa Mucyo, akajya yivugisha ati: “Genda Mucyo uri umucyo koko!” Nuko nyinawabo wa Mucyo aramubwira ati: “Sinzigere nongera kukubona ukururukana n’abasore.” Mucyo aramusubiza ati: “Rwose mawe urabizi ko izo ngeso ntazigira ni uko ari we wansabye ko yantwaza.”

Bukeye nyinawabo yegera umuturanyi w’incuti ye amutekerereza urwango yanga Mucyo ndetse amubwira n’imigambi mibi yo kumuhemukira amufitiye, nuko uwo mugore akajya amucyaha ati:

“Nyamara uriya muziranenge uzamuzira!” Ariko undi ntabyumve. Gakire yakomeje kugenderera Mucyo kuko yari yaramukunze. Umunsi umwe Gakire ajya iwabo wa Mucyo amutekerereza iby’urwo rukundo amufitiye amusaba ko na we yamukunda ariko Mucyo yaramuhakaniye amubwira ko bitashoboka kuko we atamukundaga.

Gakire ntiyabashije kubyihanganira nuko akoresha uko ashoboye kose ngo amubone atangira kujya kuraguza ashakisha uko yazegukana Mucyo. Ariko nubwo Gakire yaraguzaga, ntibyigeze bimuhira kuko uwo yabazaga wese ngo amuterere inzuzi arebe niba koko uwo mukobwa yaba uwe yaramubwiraga ati: “Uramenye uramenye ntuzigere ukomeza gukinisha umwamikazi!” Nuko Gakire agataha ariko yibaza impamvu Mucyo bamwita umwamikazi. Akomeza n’ubundi gukoresha uko ashoboye ngo atsindire Mucyo ariko biranga biba iby’ubusa!

Umunsi umwe nyinawabo wa Mucyo yagishije inama umupfumu wari utuye mu gace k’iwabo, aramubaza ati: “Ni iki nakora kugira ngo nikize umwanzi?” Umupfumu amubaza iby’uwo mwanzi ashaka kwikiza, uwo mugore atekerereza umupfumu iby’uwo mwanzi, ari we Mucyo. Undi na we aramubaza ati: “Ese uwo mwana w’umukobwa urashaka kumuziza iki?” Undi ati: “Yewe nge mbona rwise agiye kuzankirana sinteze kwemera ko arongorwa. Ikirenze ibyo akarongorwa n’umukire?” Nuko umupfumu ateye inzuzi aramubwira ati: “Uramenye uramenye ntukinishe umwamikazi, ahubwo itware neza ku mwamikazi!”

Umugore yaratashye agenda yibaza ku by’uwo mwamikazi bamubwiye biramuyobera. Nuko bimwanga mu nda ajya ku wundi mupfumu na we amubwira nk’uko uwa mbere yamubwiye. Ibyo byarushijeho kumutera uburakari ndetse bituma urwango yari amufitiye rwiyoungera. Arataha ageze imuhira asanga Mucyo yamaze gukora imirimo ye yose yiryamiye. Aramuhamagara ati: “Yewe ra, uri he? Undi ati: “Yewe nari nirambitseho gato”. Undi aramubwira ati: “Enda hano nkwereke icyo unkorera nuko Mucyo arabyuka araza akora ibyo abwiye nubwo yari ananiwe cyane ariko yarihanganaga. Bakomeza kubana batyo.

Umunsi umwe Gakire yahuye na nyinawabo amubaza amakuru ya Mucyo undi aramubwira ati: “Araho.” Gakire atekerereza nyinawabo wa Mucyo ibyo yabwiwe n’umupfumu. Uwo mugore akibyumva akubitwa n’inkuba! Kuko yasanze bihura neza n’ibyo yabwiwe n’umupfumu. Yananiwe kwihanganira guceceka abaza Gakire ati:” Ariko ni iki kigutera gukunda uriya muhanya?” Undi aramubwira ati: “Wahora ni iki ko yanyanze ariko nange sinzigera nemera ko bamuntwara”. Kuva ubwo abo bombi bahinduka abanzi ba Mucyo batangira gutegura uko bamugambanira. Ubwo baricara uwo mugore araterura ati: “Reka nzohereze Mucyo nsa n’umutumye iwawe uhite umukingirana kuva ubwo azahita ahinduka uwawe”.

Nyuma y’iminsi mikeya wa mugore yabyutse azindutse cyane ahamagara Mucyo aho yari akubura ati: “Yewe, ngwino hano ngutume, genda uge kundebere ishoka yange mperutse gutiza kwa Gakire”. Mucyo ati: “Ko ari kure mawe?” Undi ati: “Gira bwangu kandi urasweyo!” Nuko Mucyo akora uko abwiwe kuko yubahaga nyinawabo cyane. Aragenda. Ari mu nzira agenda arongera ahura na wa mukecuru nanone aramubaza ati: “Mwana wange urava he ukajya he?” Mucyo aramusubiza ati: “Bantumye ishoka hakurya aha kwa Gakire.” Umukecuru ati: “Kwa Gakire?” Undi ati: “Yego.” Umukecuru agwa mu kantu! Aramubwira ati: “Rero mwana wange nugerayo ntiwinjire mu nzu. Naguhamagara mu nzu ntiwemere”. Mucyo agerageje kumubaza impamvu amubwiye gutyo umukecuru ahita yigendera ntiyagira icyo amubwira. Mucyo yarakomeje aragenda ageze kwa Gakire arasuhuza barikiriza nuko Gakire ati: “Nimwinjire mu nzu.” Undi ati:ati: “Oyaa, nimumpe ishoka ubundi ntahe, mama yambwiye ngo mbanguke”. Gakire akomeza kumuhatira kwinjira. Mucyo aribwira mu mutima ati: “Ubundi se ni iki gituma ntinjira?” Kuko Gakire yambwiye ko ankunda, birumvikana ko nta kibi yangirira.” Nuko arinjira. Akimara kwinjira, Gakire aramubwira ati: “Mpobera” Undi ati:” Oya si byo binzanye.” Gakire ati: “Niwanga kumpobera ntuva aha!”

Mucyo atangira kugira ubwoba ariko yihagararaho aramubwira ati:ati: “Gakire wampaye ishoka ngataha?” Gakire aramubwira ngo “Ntutaha!” Gakire ahita akinga umuryango aragenda. Mucyo arataka ariko biba iby’ubusa. Ubwo Gakire yahise yibwira mu mutima ati: “Dore ko wigenje!” Mucyo yaratatse akoresha uko ashoboye kose ngo asohoke ariko biba iby’ubusa. Yaricaye ariyumvira yibuka ibyo yabwiwe na wa mukecuru atangira gutitira aribaza ati: “None se wa mukecuru ni umupfumu?” Arongerera ati: “Kuki se iyo duhuye abasha kumenya n’ibyo ntekereza?” Arangije ati: “Ahaa, urambe hafi Nyagasani.”

Mucyo umunaniro n’agatotsi biramutwara arasinzira, imbeba ituruka hejuru no hejuru ye ngo pi! Mucyo ashigukira hejuru agiye kubona abona ni imbeba ihita inyura mu mwenge w’idirishya iriruka. Ako kanya Mucyo ahita yibaza ati: “Ese ubundi ko iriya mbeba iciye hariya ngewe sinahanyura?” Ako kanya ahita ahaguruka bwangu atangira kurwana n’idirishya agize amahirwe rirafunguka ahita acamo agenda yiruka. Bitewe n’igihunga yari afite ntabwo yigeze aca mu nzira yari yacyiyemo aza, yaciye mu nzira atazi bityo arayoba. Yakomeje kwerekeza imbere ariko akabona ntabwo ahazi, arakomeza aragenda yisanga yarorongotanye! Mucyo byaramuyobeye ararira abura n’umuntu n’umwe yabaza iby’iyo nzira bumwiriraho ndetse bumukeraho. Arakomeza aragenda ariko inzara n’umunaniro biramurembya. Yigiye imbere abona agashyamba aribwira ati: “Uwagenda akirambika muri kariya gashyamba ko n’ubundi amaherezo yange mbona ntayo? Ngize n’amahirwe inyamaswa zanyirira nkava kuri iyi si kuko n’ubundi ntacyo maze”. Hanyuma arakomeza aragenda, ageze muri ka gashyamba araryama kubera ko yari yaguye agacuhu.

Haciyeho akanya katari gato ipapayi rihye rirahubuka rimwikubitaho ashigukira hejuru n’ubwoba bwinshi azi ngo ni igisimba, arebye neza asanga ni ipapayi! Ahita aritonorana amerwe menshi atangira kurirya. Hashize akanya aribwira ati: “Ariko ubundi ubu nkomeje imbere nabura n’umpa icumbi?” Arahaguruka aragenda ageze imbere ahura n’umukecuru wikoreye inkwi afite n’amazi mu ntoki aramubaza ati:

“Mukecu, uragana he?” Undi ati: “Gewe iwacu si ino, ni inyuma y’uriya musoziii.” Mucyo aramubwira ati: “Zana ngutwaze.” Umukecuru aramubwira ati: “Urakoze cyane mwana wange, ni ukuri urambyaye pe!” Mucyo yikoreye inkwi afata na ya mazi mu ntoki bashyira nzira baragenda.

Bigiye imbere bahura n’abahigi n’imbwa zabo umwe muri abo bahigi akimukubita amaso ati: “Yebaba we mbega umukobwa mwiza!” Aramubaza ati: “Witwa nde?” Undi ati: “Nitwa Mucyo”. Umuhigi ati: “Uri umucyo koko! None se urava he ukajya he?” Mucyo ati “erega sinzi iyo mva, sinzi iyo njya!. Umuhigi ati: “None se aha ngaha wahagejejwe na nde?” Undi ati: “Yewe nahagejejwe n’umuruho”. Baramubwira bati: “Gira bwangu uze tujyane inyamaswa zitakurira hano mu ishyamba!” Bakiri aho, haba haje umugabo, ba bahigi bakimukubita amaso baramwunamira, arababaza ati: “Na n’ubu ntimurabona umuhigo?” Abandi bati: “Nyagasani uyu munsu ntitwaronse”. Asubije amaso inyuma abona wa mukecuru na wa mukobwa, yitegereza cyane Mucyo atangazwa n’ubwiza yari afite.

Mu mutima we aribwira ati: “Kuva nabaho n’ubwa mbere mbonye umukobwa umutima wanjye ugatera!” Nuko wa mugabo abaza wa mukecuru ati: “Yewe mukecu wowe n’umukobwa wawe muragana he?” Umukecuru ati: “Erega uyu munyagasani si uwange, ahubwo ubupfura bwe ni bwo bwaduhuje. Nagiye kubona mbona araje anyambuye ibyo mfite arabintwaza, niko gushyira nzira twerekeza imuhira, dore ni inyuma y’uriya musozii”. Uwo mugabo abaza Mucyo ati: “Niko urava he? Ukajya he?” Umukobwa aramusubiza ati: “Sinzi iyo mva sinzi iyo njya.” Mu by’ukuri iryo jambo Mucyo yarivuganyeye agahinda kenshi. Arongerera aramubaza ati: “Ni gute se umukobwa mwiza nkawe atagira iyo ava ntagire n’iyo ajya?” Mucyo araturika ararira, aribwira mu mutima ati: “Ubwo bwiza bavuga nubundi nta cyo bumariye kuko ntibwampa amahoro nabuze!”

Ako kanya wa mugabo abwira abahigi ati: “Nimumujyane mumuhe amata, n’aho kuruhukira ndaza kuganira na we nyuma nitonze”. Abahigi

baramusubiza bati: “Yego Nyagasani”. Mucyo arababwira ati: “Oya ntaho njya erega ntabwo nasiga uyu mubyeyi, arananiwe kandi ataha kure. Ubwo rero ngomba kumutwaza nk’uko nabyiyemeje, nubwo naniwe kandi nkaba ndafite aho kwerekeza ndamugeza iwe”. Mucyo abaza uwo mugabo ati: “Ese ubundi ko ntabamenye, muri bande?” Undi aramusubiza ati: “Ndi umwami.” Mucyo aribwira mu mutima we ati: “Uzi ko wa muntu akomeye!” Umwami yitegereje ukuntu Mucyo ari umukobwa w’umutima kandi ufite ubumuntu aratungurwa cyane! Ariko mu by’ukuri yahise anamukunda.

Ako kanya ahita ategeka abagaragu be gutwara Mucyo ndetse n’uwo mukecuru ibwami. Mucyo yanze gukomeza kwintangira arabyemera n’uko barajyana. Bakigera ibwami abagaragu bose bacika ururondogoro kubera ubwiza bwa Mucyo. Umwami yahise abategeka bose kumwubaha kandi bakamwunamira. Bagenje uko babwiwe hadaciye igihe kinini umwami yiyemeza kurongora Mucyo, akamugira umugore dore ko yari akiri ingaragu.

Nyuma y’imyaka itatu, Ganza imfura ya Mucyo ubwo yari yicaye hanze, Mucyo yumva ararize, asohotse agiye kureba icyo abaye asanga n’umuntu yari abonye atazi. Uwo muntu yari Gakire.

Gakire yasaga nabi cyane bitewe n’uko imitungo ye yose yari yaramushizeho nta n’urwara rwo kwishima asigaranye. Amubajije ikimugenza amubwira ko aje guhakwa. Mucyo yaramwakiriye amushyira mu bandi bagaragu, nyuma yafashe akanya ko kumuganiriza neza; ni bwo yabwiwe ko nyina wabo yapfiriye mu nzu imugwiriye. Nuko ubupfura bwa Mucyo bumuhesha kuba umwamikazi ndetse agahaka n’abari abanzi be.

IMFURA ISHINJAGIRA ISHIRA

*UMUTONI Vanessa na
YUBAHWE Ntigura Mireille*

Umukecuru Nyinawabatware ubwo yari mu rugo rwe nk'ibisanzwe avuye mu mubyuko w'amasaka ahagana mu masaha y'umugoroba ubwo yari avuye gushaka amateke yo kurarira, yagiye kubona abona urugo rw'umuturanyi we ku musaza Nyagashi hari kugurumana bigaragara ko hatwitswe. icyo gihe uwo mukecuru yabanaga n'umwe mu buzukuru be, abonye iyo nkongi y'umuriro rero, niko guhamagara umwuzukuru we ati:

- Niko se Nkwakuzi we! Buriya kwa muzehe Nyagashi byagenze gute ko mbona hasa n'ahagurumana, ubwo ntibibwiye ko igicaniro cyasinziye none kikaba kihakongoye bahu?
- Oya, erega nyogoku, ntubonye ko nange unsanze nifungiranye mu nzu nishwe n'ubwoba cyangwa aho wari uri ntiwigeze wumva ihururu n'induru by'abantu bari bari gucicikana hanze aha?
- Erega urandenganya mwana wange amatwi yange ntacyumva neza! Gusa aho nari ndi mu masaka hariya nigeze gusa n'uwumva imirindi y'abantu, nagize ngo ni abana baragiye inka sinabyitaho.
- Nyogoku ahubwo natwe biturangiriyeho, nitugire turebe uko tubigenza bikiri mu maguru mashya, naho ubundi dore n'uriya musozi wundi duhana imbibi uri gushya, rero nitwe dutahiwe nako natwe ndabona henda gufatwa.

Umusozi wo hirya yabo gato koko wari urimo gushya, bigaragara ko na bo bari gusatirwa n'iyi nkongi y'umuriro. Umukecuru abonye ko basumbirijwe, yibuka ko hari abantu benshi yagiye abanira neza, yibuka abo bareranywe ndetse n'abenshi muri bo bahanye igihango.

Niko kubwira umwuzukuru we ati: “Nkwakuzi rero, urabizi yaba nge yaba so ndetse na nyoko turahigwa bukwere ndetse nawe ubwawe urahigwa. Gusa sogokuru ntiyabaniye nabi abantu kandi nange sinabanye na bake, haba mbere y’uko Umwera yigabiza urwa Gasabo, ndetse na nyuma yaho arugize urwe akarugira uko ashaka akaducamo amoko, ari yo atuma ducagagurana gutya. Ndabizi izina ni ryo muntu uri inkwakuzi, dore dore nyarukira hirya hariya kwa nyokorome, umugore we ari ku kiriri ubabwire bese uko hanze aha bimeze, bamenye uko bari bwitware. Mbese bagerageze kwirwanaho kuko ngo ubupfura bwa mbere ni ugushinjagira niyo waba ushira. Ubupfura rero urabusanganywe n’umuco wacu nka bene Kanyarwanda ugerageze wihute n’abandi bese ucaho ubabwire. Nge sinkibasha kunyaruka nka mbere gusa nange ndagerageza uko nshoboye nyarukire kwa nyoko wanyu numvise bambwira yuko yarwaye wabona iyo nkenya y’indwara imuhitanye akaribwa n’imbwa se cyangwa na we agatwikwa akaba umuyonga ntihagire n’ubona ivu rye. Ndabona nako n’iwabo zimwe mu ngo begeranye na zo zafashwe, cyo kora nk’umugabo ye, garagaza ubupfura. Mu gihe nk’iki ni ho bugaragarira”.

Nkwakuzi koko yari inkwakuzi, kuko icyo gihe yari mu gihe cy’ubugimbi yarihuse cyane yiruka amasigamana, agaca ku bantu ikivunge ariko ntacike intege. Hari n’aho yageraga bakamwibazaho ariko kubera ubupfura bwa sekuru na nyirakuru bakamureka bati: “Yewe twiba nk’abandi ngo umwami yahaye amata bakaba aba mbere mu kumwima amatwi. Ubupfura bwa Nyinawabatware ntitwakamwituye kumukora mu nda, nagende uriya mwuzukuru we Nkwakuzi azazire abandi, amaraso ye ntazatubazwe”.

Nkwakuzi yakomeje kugenda atyo arenga ibizazane byinshi ndetse n’ibitero by’abantu aza kugera aho yari atumwe ari ho kwa nyirarume. Nk’uko yari yabibwiwe na nyirakuru Nyinawabatware yasanze koko nyirarume adahari kuko yari yahuye inka, kandi koko ntibari banazi ibiri kuba kuko yasanze n’umugore wa nyirarume aryamishije mubyara we wari umaze icyumweru avutse. Nuko arabegera gake gake ngo adakanga umugore wa nyirarume ndetse atanakangura

n’uwo muziranenge. Nuko umugore wa nyirarume arabyuka abwira Nkwakuzi ati: “Niko Nkwaku, uragenzwa n’iki muri iri joro, mukecuru asigaranye na nde? Ahubwo se nyabu, ko bwije cyane nyakorome ataracyura byamugendekeye gute? Nkwaku, ko numva amabere yikora aho ni ubuhoro? Nubwo nonsa rwose ibi ntibisanzwe.”

- Mawe, ntuzi ibiri kuba muri uru Rwanda? Ubu imisozi yose duhana imbibi yatwitswe, abantu batwikirwa mu mazu, nange nje mbundabunda ariko n’ubundi sinabuze guhura n’ibyo bitero, nakijijwe n’ubupfura bwaranze sogokuru bwo kubanira neza abantu no kubafasha mu gihe bafite ibibazo, yewe naho ubundi ntimwari kuzamenya irengero ryange.

Nkwakuzi yakomeje gutekerereza umugore wa nyirarume ibyari biri kuba byose ariko yahagira cyane kandi adatuje. Umugore wa nyirarume yongeye gukoma agatima kuri nyirarume wa Nkwakuzi aramubwira ati: “Nyabuneka wasanga nyakorome na we yahuye na bya bitero, twazibandwa tuzerekeza he! Umwana wange yazitwa Nyiramisigaro koko?” Yabivuganye agahinda kenshi n’ubwoba.

Mu gihe bakiri muri ibyo bumva umuntu araza yiruka cyane asa n’unaniwe kandi yahagira. Nkwakuzi n’ubwoba bwinshi arasohoka ageze hanze asanga ni nyirarume, nuko uyu aramubwira at: “Cyo! Nimugire duhunge naho ubundi ya mperuka bajya bavuga yageze.” Bakiri muri ibyo bumva urusaku rusa nk’urw’amabuye aterwa hejuru y’inzu, nyamara ntirwari rwo ahubwo yari amasasu yari arimo kuraswa. Nuko bagerageza kwihisha muri iyo nzu, n’igihunga kinshi niko guhita bafata rwa ruhinja rwari rukiri ruto cyane ndetse na nyina, nuko bajya munsu y’igitanda gahoro gahoro badakoma kugira ngo batarukangura. Ariko biba iby’ubusa kuko bamwe mu bari bagize ibyo bitero byarimo birasa hejuru y’amazu y’abantu icyo gihe, bumvise ntawukoma muri urwo rugo bibuka ubutunzi bene urugo bari bafite, bibanga mu nda bati: “Yewe! Nubundi nta nka za kataryama, reka dukore icyo twagakoze twinjire dusahure iriya mitungo aho gutwarwa n’Inyenzi yaribwa n’imbwa zacu.” Nuko barinjira, ubwo Nkwakuzi n’umugore

wa nyirarume bari bihishe muni y'igitanda mu gihe nyirarume yari yihishe mu gikari hafi gato y'aho barimo bacurira umugambi mubisha. Yumvise ibiganiro byose byabereye aho aca ku muryango wo ku irembo asohokana n'umugore we na rwa ruhinja ndetse na mwishywa we Nkwakuzi. Bagize amahirwe yo guhita bahura n'umwe mu bagabo sekuru wa Nkwakuzi yari yarahaye inka mu gihe umwana we yari arwaye ameze nabi, akabwirwa ko azakizwa n'amata ubwo inka yo kumukamirwa akayihabwa na sekuru wa Nkwakuzi. Yababwiye inkuru itari nziza iyo nakwita inkuru y'inshamugongo, kuko yababwiye ko ubwo cya gitero cyajyaga guhiga bamwe mu bagize umuryango, aho bahise bagenda nuko bagwa gitumo Nyinawabatware n'umukobwa we bari bihishe maze bakabacamo icyuho bakabivugana urwango ngo: "Nta mpongano y'Umututsi n'ubundi ibyo badukoreraga byose baduha byabaga ari ibyacu batunyaze." Nuko uwo mugabo abemerera kubajyana iwe ndetse no kubafasha gushyingura mu cyubahiro bamwe mu bari bagize umuryango wa Nyinawabatware.

Nkwakuzi na nyirarume ndetse n'umugore wa nyirarume na mubyara we bakomeje kwiberaho, ndetse neza bafite n'umutekano. Nkwakuzi rero nk'umusore w'ubukaka ugimbutse, kandi w'inkwakuzi, yakomeje kubona ukuntu abantu bari kwicwa, abona ukuntu intimba n'agahinda biri gushengura abantu, akuriza kandi ku rukundo akunda igihugu ke aza gufata umwanzuro wo kwihuza na bamwe muri bagenzi be bari mu kigero kimwe ndetse bahuje n'indangagaciro imwe yo gukunda igihugu baravuga bati: "Turi bato ariko ntituri gito. Dushingiye hamwe tukunga ubumwe twakora ikintu kiza kandi gikomeye tugatabara imiryango yacu ndetse n'Abanyarwanda muri rusange." Banogeye inama rero bacura uwo mugambi mwiza wo kurwanira Igihugu ndetse bemera no kuba bakimenera amaraso mu gihe bibaye ngombwa, aho bagiraga bati: "Uwo ukunda uramurinda ndetse ukanamwitangira. U Rwanda ni igihugu cyacu cyatubyaye kigahuka ba data na ba sogokuruza, ari bo batugize abagabo. U Rwanda ni umubyeyi wacu ntitwamutererana muri iki kibazo k'insobe." Umugambi waranogejwe, inama irakurikizwa ndetse n'intego iba imwe y'uko ukunda igihugu ke yakitangira kandi akakimenera amaraso. Nkwakuzi na bagenzi

be bakoreye Igihugu barakirwanira bamwe muri bo bakimenera n'amaraso nk'uko bari babyiyemeje.

Nkwakuzi rero ntiyagarukirije aho ibikorwa bye by'ubutwari yemeye kandi kuba intore y'intonanywa imwe twakwita itari intoraguramayugi. Yakomeje kugira indangagaciro yo gukunda igihugu, akunda umurimo aho yagiye ahuza incike, abapfakazi ndetse n'imfubyi zasigaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, abatoza gukunda umurimo bakigira ku mateka bakubaka ejo habo heza. Aho yagiye ababumbira mu makoperative akora imirimo ibyara inyungu, abandi abashyira mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya, bariyubaka karahava ngo ngwino urore. Nkwakuzi na bagenzi be rero kubera ukuntu bakunze umurimo bakanga guheranwa n'agahinda bagakorera igihugu kubera urukundo bagifitiye, bakongera bakacyubaka ahari icuraburindi hagatamuruka umucyo ukwiye, barebye icyo bakora ngo bagarure umubano mu Banyarwanda nk'uko wahoze. Bareba kandi n'uko ubumwe bw'Abanyarwanda bwashubirana basanga byashoboka koko. Nuko Nkwakuzi nk'uko yahoze n'ubundi afata iya mbere avuga ko mu rwego rwo kunga ubumwe mu Banyarwanda, abiciye abandi bagomba guhaguruka bagafata iya mbere bagasaba imbabazi bemera icyaha k'indengakamere bakoze. Nk'Abanyarwanda rero bahoranye ubupfura kandi bakibufite ntibahishiriye iyo ndangagaciro y'ubumwe bemeye kunga ubumwe ndetse basana imitima y'abakomerekejwe aho bagiye baganira, basangira, bagafashanya nuko barongera bunga ubumwe. Bamwe mu bakoze ayo mahano baraberurira bababwira aho bashyize imibiri ya bamwe mu bo bishe. Bityo na bo kubera bwa bupfura na bwa bumwe bw'Abanyarwanda bemera kububakira babana mu muryango mugari wa bene Kanyarwanda, bibumbira muri ya makoperative akora imirimo ibyara inyungu n'umusaruro, nuko barakora bakura amaboko mu mifuka bateza imbere urwababyaye rukanabaheka. Intego iba imwe, basenyera umugozi umwe. Nkwakuzi na bagenzi be bakomeza gukunda igihugu bunga ubumwe na bagenzi babo.

IMBUTO Z'UMUGISHA ZERA KU GITI CY'UMURUHO

UMWARI Abi Beni

Ikiganiro kirangiye, umuyobozi w'ikigo ashimira Nyiramavugo ubwitange n'ubupfura yagaragaje mu kwitabira ubutumire bwo kuza kuganiriza abanyeshuri. Amaze kumushimira, aramusezerera arataha. Ari mu nzira akagenda yitegereza ibyapa n'amaduka byegeranye n'ikigo yahoze yigaho. Uko agenda yitegereza bimwibutsa ubuto bwe, azunguza umutwe akata imodoka arataha. Ageze mu rugo akuramo ikoti n'inkweto ndende yari yirirwanywe abanza kuruhukira mu ruganiriro, afungura mudasobwa ye abona bamwoherereje amafoto y'igikorwa avuyemo. Uko agenda ayareba amusubiza mu buto bwe yibuka umuruho n'ubusharire bw'amabyiruka ye ajya kure mu bitekerezo.

Nyiramavugo yavukiye ku gasozi ka Ndushyi avuka ari imfura mu bana bane nubwo nyina yari yarabyaye imbyaro esheshatu. Yavutse iwabo ari abakene dore ko nta n'uwo mu muryango we wari warabonye n'umuryango w'ishuri, bahingaga akarima gato kandi na byo bitari kijyambere, ubukene bukanga bukababata. Yavutse nyina amaze gupfusha abandi bana babiri bamubanzirizaga, kandi sekuru yari yararakariye umukazana we kubera kubyara abakobwa gusa ariko aba ari we umwita Nyiramavugo, izina ry'abagabekazi ngo wenda yazashakana n'umukungu akabateturura mu bukene.

Nyiramavugo ajya kujya ku ishuri byatwaye imbaraga nyinshi kugira ngo iwabo babone amafaranga n'imyenda by'ishuri, bayabona biyushye icyuya koko! Umunsi wo gutangira wageze awutegereranyije amashyushyu menshi cyane, yewe ibyo gusinzira yari yarabyibagiwe guhera umunsi bamubwiye ko azajya kwiga, mbega umunsi wamubereye mwiza! Umunsi wo gutangira rero ugeze yabyutse kare izuba rikirasa, arakubura, avoma n'amazi ye yo gukaraba. Nubwo yari muto yari yaratojwe gukora hakiri kare kuko nyina yahoraga arwaye cyangwa arwaje. Ageze ku ishuri yarize kandi akajya atsinda cyane

bigatuma ikigo kimuhemba amakayi ndetse n'ibindi bikoresho, ubundi amafaranga y'ishuri akayahabwa na se wabo wari warishimiye urwego agezeho. Yaje kugera mu wa gatandatu w'amashuri abanza aratsinda ahabwa kujya kwiga mu Rwunge rw'Amashuri rwa Ntare mu mug. Amafaranga y'ishuri yari menshi ku buryo se wabo atari kubasha kuyishyura kandi se na we yari yaravunitse ukuguru atagihinga, nyina na we ntako yari ameze. Mu bitekerezo bya Nyiramavugo ishuri ryari akaryoshye kadahora mu itama.

Nyiramavugo akimara kumenya ko hari umushinga uzamwishyurira amashuri yisumbuye yarishimye, ibinezaneza biramusaga akora imirimo yose aririmba dore ko imirimo yose yari asigaye ayikorana kuko nyina yari yarahejewe mu buriri n'umugongo. Nijoro ari bubyuke ajya ku ishuri arara atekereza uko abo azasiga mu rugo bazamera nagenda, atekereza kuri barumuna be bato cyane batashobora kugira icyo bikorera, atekereza kuri nyina warembye, dore ko amezi yari abaye abiri kuva ikiruhuko k'iminsi mikuru cyatangira atigeze amererwa neza kandi batari kubona amafaranga yo kumuhoza kwa muganga, yibaza uko se azabigenza kugira ngo yishyure imyenda yafashe amugurira udukoresho duke yari afite, yumva ashatse kubireka abura ibitotsi arara atagohetse.

Umunsi wo gutangira ugeze, Nyiramavugo atega imodoka imugeza mu mug. Agenda yitegereza amazu y'imiturirwa n'amamodoka acicikana bitangaje cyane. Imodoka ihagaze abandi bavamo bajya kugura icyo kwica isari, yibutse ko n'amafaranga y'urugendo ari se wabo wayamuboneye aranuma ategereza ko imodoka ikomeza urugendo. Ageze ku ishuri abona abandi bana bakurura amavarisi meza cyane, baherekejwe n'ababyeyi babo yumva arigunze. Agize amahirwe abona undi mwana biganaga witwa Bwiza bahita baba inshuti guhera ubwo bagafashanya, bakagendana kandi bagafatanya kwiga. Umwaka wa mbere yawize bimuruhije, dore ko yanarwaye malariya ariko aranga arashinyiriza ariga kandi aratsinda aba n'uwa mbere.

Umwaka wa mbere n'uwa kabiri warihuse nubwo hari ubwo yajyaga aza nta masabune, cyangwa utuvuta two kwisiga ariko Bwiza akamubera imfura akamufasha. Bidatinze ikicro cya mbere cy'amashuri yisumbuye bari bagisoje, bagisozanya amanota meza by'intangarugero. Bamwohereje kwiga mu Ishami ry'Ibinyabuzima, Ubutabire n'Ubumenyi bw'Isi.

Igihembwe cya mbere cyaramukomereye cyane kuko yari ahangayikishijwe na nyina yari yarasize atwite kandi akuze, nubwo umugongo wari waramuhaye agahenge, bikubitana n'uko Bwiza batari bakiga ku kigo kimwe ngo bafatanye kwiga kandi kwiga amasomo yo gufata mu mutwe bimugora, ariko akaba inyangamugayo akaba atakopera, amanota ye aragabanuka cyane. icyo gihembwe cyarangiye afite amanota atari meza nk'ayo yari asanganywe, ntiyaba uwa mbere aba uwa cumi na batanu! Mu biruhuko ntiyari yishimye kubera amanota yagize ariko ntiyabibwira ababyeyi kugira ngo badacika intege n'ukuntu biriye bakimara dore ko bagurishije n'agahene kamwe bari bafite kugira ngo abone ibikoresho by'ishuri by'icyo gihembwe. Umunsi umwe amashuri yenda gutangira nyina wari warabonye ko yijimye arabimubaza batetse, Nyiramavugo bimunanira kubeshya umubyeyi we amubwira ko yatsinzwe kuko uwamufashaga atari agihari. Nyina amusubiza amubwira ati:” Mwana wange, uzagire inshuti ni byiza kandi uzikenera mu makuba ariko umugabo arigira yakwibura agapfa!” Nyiramavugo yumva icyo nyina ashatse kumubwira arakizirikana.

Igihembwe cya kabiri yagitangiranye ingamba nshya zo kwiga cyane nubwo yari ahangayikishijwe na nyina kuko inda yari imvutsi. Umunsi umwe icyo gihembwe kigeze hagati, umunyeshuri aza kubwira Nyiramavugo ko ubuyobozi bw'ikigo bumushaka. Akibyumva ibikoba biramukuka, ahinda umushyitsi kuko atari yarigeze ahamagazwa yewe ntiyari n'umunyamakosa. Agezeyo ahasanga se wabo akuka umutima, atangira kubira ibyuya, binjira mu biro bamugezaho inkuru y'inshamugongo bari bamuzaniye. Nyiramavugo yabaye nk'ukubiswe n'inkuba, abura uburira, abura ubuseka, amera nk'utaye ubwenge, arinda ataha agera mu rugo atarabyiyumvisha.

Nyuma yo gusezera kuri nyina, agiye gusubira ku ishuri se aramwicaza amubwira amagambo akomeye ati: “Mukobwa wange, urabona ko barumuna bawe basigaye ari wowe bareberaho, uzababere urugero rwiza nubwo mpari akabura ntikaboneke ni nyina w’umuntu. Nyiramavu, ukwiye kuba umugabo, ukaba imfura koko kandi uzange umugayo”.

Nyiramavugo yasubiye ku ishuri afite umuhate wo gukora cyane kuko yari afite umuryango umuhanze amaso ariko buri gihe iyo yatekerezaga kuri nyina yumvaga agahinda kamwishe. Umwaka wa kane yawushoje yarabashije gusubira ku mwanya we wa mbere, amanota ye ashimishije. Ibiruhuko bikuru bigeze arataha ariko asanga barumuna be badafite ubuzima bwiza kuko batari bitaweho neza, nawe se ko se yirirwaga abahingira kandi nta nyina bari bagifite. Nyiramavugo atashye yasanze abana b’iwabo bararwaye indwara ziterwa n’imirire mibi, bucura we yari anarwaye inzoka kubera umwanda, kandi na se ntako yari ameze, mbega nta buzima bwari buhari.

Nyiramavugo ageze mu biruhuko yashatse akazi kwa Karake hari hari icyuma gisya ibigori n’imyumbati kugira ngo afashe se. Umudugudu wabo wari warashyizeho ihuriro ry’ingo zifite abana bafite imirire mibi, byumvikane ko n’iwabo wa Nyiramavugo bari barimo. Yakoresheje ibyo yize mu binyabuzima n’udufaranga duke yakuraga mu gusya kondora barumuna be. Hari utugori basaruye n’amasaka se wabo yari yarabahaye abonye ukuntu abana bato bamerewe, yarabifashe arabivanga maze akajya abibatekera, bitarambiranye ntibari bakirangwa n’imirire mibi. Amaze guhangana n’ibyo yarwanye no gutuma iwabo haba isuku, atema ibihuru byari bibakikije ahatara imboga, anasibanganya ibyobo byirekagamo amazi. Ibiruhuko byagiye kurangira iwabo hasigaye haka! Nyiramavugo yagiye gusubira ku ishuri afite impungenge ko ibintu bizasubira irudubi.

Umwaka wa gatanu n’uwa gatandatu yayize vuba abona n’amanota meza amwemerera kwiga muri kaminuza ariko amafaranga y’ishuri yo ntayo yari kubona kuko umushinga wamwishyuriraga

wishingiraga amashuri yisumbuye gusa. Nyiramavugo asubira i Ndushyi, ntiyagezeye ngo yicare yashatse akazi kuko udufaranga gusya byamuhaga twari intica ntikize. Yashatse akazi aho ageze hose basaba impamyabushobozi ya kaminuza, ageze aho ibyo kubona akazi abivanaho amaboko. Barumuna be b'impanga bari bamaze kugera mu gihe cyo gutangira amashuri abanza ariko amafaranga y'ishuri se yari kuva he? Ibibazo byaje kuba urusobe igihe se yongeye kurembywa n'ukuguru kwari kwaravunitse atagishoboye guhinga. Ubwo Nyiramavugo atangira guhingira umuryango we kandi anita kuri se, ahazaza he hasaga n'ijoro ryijimye.

Uko iminsi yicuma Nyiramavugo yakoresheje akarima ko guhinga ibigori n'amasaka akajya kubisesha agacuruza ifu y'imvange kuko abantu bari baribajije uko yondoye barumuna be. Burya buhorobuhoro nibwo rugendo, ubucuruza bwe buri kugenda bwunguka gakegake, na we utwo abonye akatujyana kuri Sacco. Ibyo kwigurira utuvuta twiza, utwenda tugezweho n'imibavu nk'abandi bakobwa ntabyo yigeze, arihangana yizirika umukanda kugira ngo azagire akamaro.

Umunsi umwe yagiye kuri Sacco ahura na Bwiza bararamukanya maze Nyiramavugo amubaza aho asigaye yiga, undi na we amubwira ko na we yabuze amafaranga yo gukomeza kwiga ahitamo kuza mu cyaro kwihingira. Nyiramavugo yumvishe ko bahuje ikibazo amusaba ko bakwifatanya bagahinga amasaka, ibigori na soya kuko kwa Bwiza bo nibura bari bafite imirima ibiri. Bwiza akibyumva yahise abisamira hejuru, bimera nko korosora uwabyukaga, bavaho banogeje umugambi. Nyiramavugo yatashye yishimye kuko yumvaga atangiye kugarura ikizere.

Umushinga wa Nyiramavugo na Bwiza wateye imbere dore ko basheshaga ibihingwa byabo bagacuruza ifu. Abaturage ba Ndushyi bose bari basigaye baza kugura ifu yabo ndetse n'ikigo nderabuzima cyari gisigaye kigira abarwaje kugura ifu yabo kuko ifite intungamubiri. Uko ubucuruza bwabo bugenda bwaguka bongeraho n'ubunyobwa n'umuceri. Bamaze kubona amafaranga make bafungura akaduka

ku muhanda ndetse bashyiramo n’umukozi wo kuzajya abacururiza. Umuyobozi w’Umurenge wabo na we yarabimenye abagira inama yo kujya mu marushanwa y’urubyiruko na bo babyakira neza bayajyamo, baranatsinda bava ku rwego rw’Umurenge, bagera ku rw’Akarere na rwo bararurenga, yewe barenga n’urw’Intara bagera ku rw’Igihugu!

Abahatanaga ku rwego rw’Igihugu baja mu mwiherero bahurirayo n’abandi bavuye ahandi hatandukanye kandi na bo bafite imishinga y’akataraboneka. Nyiramavugo na Bwiza bagezeyo bakunzwe n’abandi bahasanze kuko bagira ikinyabupfura kandi bagira urugwiro cyane bari imfura koko. Koko ntawushimwa na bose, hari ababonye baje mu mwiherero ntibatekereze ko bashoboye. Nawe se, abakobwa b’abanyacyaro birirwa bahinga, batanagira terefoni igezweho, bakabona nta cyo bazabarusha.

Nyiramavugo na Bwiza bahinyuje ababibeshyagaho bakorana umurava kuko babyukaga kare bakaryama batinze cyane bashaka uko bakongerera agaciro ibyo bakora. Muri byose bakoraga, barafatanyaga nk’uko babikoraga bakigana, kuko Bwiza yigeze kurwara ibicurane bituma atajyana na Nyiramavugo kumurikira umushinga wabo abashoramari bari baje uwo munsu, Nyiramavugo ahatambuka gitore aziba icyuho yari yasize ariko n’ubundi hari abakibaseka ngo umunyacyaro yaguwe nabi n’amafriti yo mu mug. Batitaye ku magambo nk’ayo barakoze cyane, bavuye mu mwiherero ari aba mbere babahemba akayabo ka miriyoni mironko inani! Nyiramavugo na Bwiza bumvaga ari nk’inzizi kuko ubuzima bwabo bwari buhindutse burundu.

Nyiramavugo na Bwiza bakoresheje neza amafaranga bahembwe nta gusesagura ariko na bo bakiyitaho. Batangije uruganda rutunganya ifu y’igikoma k’imvange, ndetse bongeyeho n’ibirayi n’ibigori bikaranze ku buryo bw’ikoranabuhanga. Umushinga wabo wamenyekanye ku rwego mpuzamahanga bituma Nyiramavugo na Bwiza bongera ubumenyi mu byo bakora. Nyiramavugo yabashije kuvana iwabo mu bukene, barumuna be atangira kubishyurira amashuri kuko ari se wabo

wari warabitangiye. Yanavuje se imvune yari yaramumugaje arongera aragenda. Nyiramavugo yaguriye se wabo inka ebyiri z'imbyeyi, kuko na we yamubyaye akamwitangira kandi akamubera intwari. Yanubatse inzu yo kurwanya imirire mibi ku gasozi ka Ndushyi.

Nyiramavugo avanwa mu bitekerezo n'ihoni ry'imodoka ya Bwiza uje kumufata ngo berekeze ku kibuga k'indege kuko bari bagiye guhura n'abashoramari bo muri Singapore. Arahaguruka afata ivarisi ye mu cyumba arasohoka, yinjira mu modoka, agenda inzira yose atekereza ukuntu inzozo ze zabaye impamo.

KWAMBURA NO KWIHORERA SI UBUPFURA

UWIHANGANYE Sosthène

Kagabo mwene Kamuhanda yari atuye ku musozi wa Bwiza mu magepfo y'umugezi wa Rubyiro, ahagana mu Kinyaga. Yari afite umugore w'igishongore witwaga Mukamana, bakagira abana batatu Karemera, Karara na Kanyana. Hari umugabo witwaga Kalisa wari umukungu aho mu rusisiro kuko yari afite imirima myinshi y'amasaka n'ibishyimbo, imikumbi y'intama, amashyo y'inka, abakozi benshi. Kalisa yari umuntu w'intangarugero ndetse akaba imfura aho mu rusisiro yari atuyemo, dore ko nta muntu wigeze umuvuga nabi kuko nta we yigeze agirira nabi.

Umunsi umwe amapfa yarateye aho Kalisa yari atuye. Imyaka yahinze irarumba, imigezi n'amasoko birakama inka ze zibura aho zishoka, inzara iyogoza igihugu cyose. icyo gihe abaturage baturanye na we bendaga kwicwa n'inzara ariko we wari umukungu yari afite ibigega yahunitsemo imyaka, yaritanze arabifungura aha abaturage bari baturanye ibyo barya inzara barayireza muri iyo minsi Kalisa yabahaga ibyo barya. Rubanda batangira kuririmba uburyo Kalisa yari umuntu w'intangarugero kandi akaba imfura itareberera abandi bicwa n'inzara ahubwo akabafasha.

Bajya bavuga ngo: "Ntabyera ngo de." Umunsi umwe Kalisa yari yicaye mu nzu ye aganira n'umugore we iby'iterambere rirambye ry'urugo rwabo, umwe mu bagaragu be araza amubwira ko hanze hari abashumba be bamushaka, Kalisa arasohoka akikijwe na Runanira rwa Rubamba, na Mugiraneza wa Sembeba, ibyegera bye by'imena, ageze hanze akubise amaso abashumba be abona basa n'abacitse intege amenya ko batazanywe n'ubuhoro, amanuka ku madarajya y'inzu ye ageze hasi ngo abaramutse, umushumba mukuru Sarukondo wa Sebyondo amwikubita imbere apfukama hasi n'amarira menshi agira ati:

“Databuja, Imana yaguhaye gutunga uratunganirwa, wowe wakoreshye amaboko yawe n’imbaraga zawe, ukavunika kugira ngo ugire amashyo y’inka, imikumbi y’intama, ntibagiwe n’inshuti nyinshi. Imana yaguhaye umugore, iguha n’urubyaro, iguha gutunga uratunganirwa, yaguhaye ubupfura butagereranywa ndetse uba inyangamugayo muri bose, wihangane untege amatwi, wumve inkuru mbi nkuzaniye. Inka zawe zatewe n’icyorezo cyatuyobeye, twese abashumba bawe dufatanyije n’abavuzi b’amatungo. Inka zawe zirapfira gushira, ubwo navuyeyo hari hamaze gupfa ibimasa bitatu, imbyeyi esheshatu n’inyana zazo z’imitavu ebyiri, izindi z’ibihogo enye na zo zapfuye hasigara imwe. Ya nka ukunda cyane y’isine na yo nasize irembye cyane; abakozi bawe twahangayitse niyo mpamvu twari tuje kubikumenyeshya.

Kalisa arababara cyane ati: “Ndabigira nte koko!” Kalisa asaba abantu kuguma hanze, we azamuka ku madarajya y’inzu ajya mu nzu ye, agezeyo yicara mu ntebe araceceka, agahinda karamushengura yibaza icyo ari bukore arashoberwa. Hahize akanya arahagaruka, arakaraba, amaze kwihanagura arasohoka. Mu rugo hose hari agahinda gusa. Kalisa ahumuriza abari aho bose, abasaba kwihangana, nuko asezerera abashumba na bo abasaba gukomeza kwita kuri izo zari zisigaye kurusha uko bari basanzwe babigenza. Ba bashumba baragenda.

Nubwo Kalisa yari yihagazeho yari yabaye nk’umuntu wataye ubwenge abitewe no kubura ibintu bye yakundaga, ari na zo nka zahaga amata abana be n’abaturanyi. Muri icyo gihe yatekerezaga uburyo amatungo amushizeho, agira isereri agiye kwikubita hasi abantu bari bamuri hafi baramuramira ntiyagwa, baramurandata bamugeza mu nzu aho yararaga baramuryamisha ngo aruhuke. Ibyo byabaye mu masaha y’ikigoroba burinda bwira atarakanguka bamwe batangira gutekereza ko yaba yanapfuye.

Umunsi ukurikiyeho abari mu rugo rwe n’abaturanyi benshi bari bategereje kumva bamubika kuko bumvaga ataba akiriho nyuma y’inkuru mbi yari yakiriye. Ku bw’amahirwe babona arabyutse.

Amaze kwiyuhagira bamuha amata aramunanira ahubwo we ababwira ko icyo ashaka ari ugusura amatungo ye yari yasigaye. Nuko abwira abakozi be kwitegura bakajyana gusura urwuri rwe, abakozi baritegura bafata n'impamba. Kalisa asezera umugore n'abana be arabakomeza, nuko arasohoka ajyana n'abakozi be bafata urugendo rw'amasaha abiri kugira ngo bagere aho urwuri ruherereye.

Bahageze Kalisa asanga byamenyekanye ko inka ze zamazwe n'umurozi witwaga Gasamagera, uwo akaba yari umusaza n'ubundi wari uzwiho kuroga akagira umutima mubi n'inzika, nta muntu yakundaga, dore ko yangaga umuntu utera imbere, abantu bari baramuhaye akato akaba ahantu ha wenyine.

Abashumba ba Kalisa bakiriye shebuja ababaza niba nta nka zisigaye zitarapfa bamusubiza bagira bati: “Databuja ntugire ubwoba cyangwa igihunga, kuva twaza kubikumenyeshya nta yindi yigeze ipfa kuko twamenye icyabiteraga.”

Kalisa agira amatsiko ahita ababaza icyo ari cyo. Umukuru w'abashumba Sarukondo wa Sebyondo araterura ati: “Baravuga ngo ahari abagabo ntihapfa abandi.’, byarangiye tumenye ko hari umugiranabi utagukunda wahumanyije ubwatsi inka zawe zaryaga bigatuma zipfa.”

Kalisa biramubabaza ateguka abakozi be kumushakira uwo muntu bavugaga. Kubera ko Kalisa yari yubashywe, abaturage bari aho bamubwiye ko bamugeza aho Gasamagera wari wahumanyije ubwatsi bw'amatungo ye atuye, maze Kalisa akamukanira urumukwiye. Nuko abaturage bajyana n'abantu ba Kalisa bayobowe na Runanira rwa Rubamba, na Mugiraneza wa Sembeba, ibyegera bya Kalisa, bamanuka ku gasozi bari bariho kitwa Agasozi k'amasaro, bageze mu kibaya bambuka umugezi witwa Bahena wabagamo ibikeri byinshi, bamaze kuwambuka bagenda nk'ibirometero bibiri, umwe mu bakozi ba Kalisa abaza abo baturage niba bari hafi kuhagera baramusubiza bati: “Twahageze, reba hariyaaa (amutungira urutoki inyuma

y'igihuru).” Undi abona akazu gasakaje ibyatsi aramubaza ati: “Ni hariya se?” Uwo muturage avuga ati: “Yego, ni aha!”

Nuko ba bagabo bajya muri urwo rugo barasuhuza bikirizwa n’umukecuru wari uri mu nzu, nuko arasohoka araza abaramutsa agira ati:

- Muraho bana ba !
- Muraho nyogoku !
- None se bana ba, ko ntabamenye muri ba nde, muraturuka he?
- Turi abo kwa Kalisa wo ku musozi wa Bwiza.
- None se muragenzwa n’iki ?
- Kalisa ari kuri uyu musozi none arashaka umugabo wawe Gasamagera.

Wa mukecuru arababwira ngo babe bategereje agiye kumureba aho yarimo yombera insina mu nsi y’urugo. Nyuma y’akanya gato babona araje yambaye injamba yari yajyanye guhingana, nuko ababaza abo ari bo na bo bamubwira nk’ibyo babwiye umugore we.

Nuko ababaza impamvu Kalisa amushaka bamubwira ko yagize ibyago byo gupfusha inka ze none akaba amushaka ngo agire amakuru amuha ku byaba byabiteye, dore ko uretse ko Gasamagera yari umurozi yiyitaga n’umuvuzi (umupfumu); bagiye rero bamushuka ngo agire ngo bamuhamagaye ngo ababwire icyaba cyateye ibyo byago byo gupfusha inka za Kalisa (muri make kumuhanuza).

Gasamagera aremera, nuko aritegura arangije kwitegura bamujya imbere baragenda, banyura nanone ya nzira bari banyuzemo baza kumureba. Bagezeyo Gasamagera atungurwa no kubona aho bari bamubwiye ko bamujyanye ahasanze imbaga y’abantu benshi bari barimo barira yibaza ibyabaye biramushobera, abantu ba Kalisa bamwereka inzira acamo bamujyana imbere ya Kalisa bamuha intebe aricara.

Abantu bose bakimubona bariyamirira batera rwaserera bagira bati: “Umugome mubi Gasamagera! Umugome mubi Gasamagera! Umugome mubi Gasamagera!” Kalisa yari yicaye imbere ahirengeye, acecekesha rubanda akoresheje ikiganza, nuko nyuma y’akanya gato bose bamaze guceceka, Kalisa afata ijambo agira ati: “Yemwe baturage bo kuri uyu musozi wa Bwiza, twateraniye hano kubera ibyago nagize byo gupfusha inka zange none nkaba numvise ko haba hari umuturanyi wanyu wabigizemo uruhare, ni yo mpamvu natumijeho Gasamagera uyu mureba hano ngo ambwire icyo azi ku cyaba kihishe inyuma y’urupfu rw’inka zange, ariko mu gihe ataravuga nabasabaga umutuzo kugira ngo tumwumve.” Rubanda aho kugira ngo baceceke barushaho gusahinda no guteza rwaserera.

Gasamagera ahagarara imbere y’abantu afite isoni n’ikimwaro nk’uwari wakoze amakosa koko. Nuko abwira Kalisa ko atazi icyazishe. Ubwo Kalisa wari wubitse umutwe arahaguruka abwira Gasamagera ati: “Mugenzi wange, ko umwe mu bashumba bange yambwiye ko ari wowe yabonye wizengurukisha hafi y’urwuri, ubwo yaba yakubeshyeye?”

Umugabo umwe aturuka muri rubanda abwira Gasamagera ati: “Wa mugabo we, twese nta muntu utazi ineza y’uyu mugabo, wakwemeye icyaha, twese ko tubizi ko ataguhana bikabije kereka nukomeza kumukerereza”. Gasamagera amara umwanya yiyumvira ageze aho araterura ati:

- Kalisa, nyemerera ngire icyo nkubwira.
- Vuga nta kibazo ndakumva.
- Ngiye kugusobanurira uko byagenze.
- Vuga rwose nguteze yombi .
- Ungirire imbabazi, nagize uruhare mu rupfu rw’inka zawe, mu by’ukuri nagiranye ikibazo n’umugaragu wawe Kayijuka

mwene Kalibushi, nari naguriye amafaranga yo koherereza umuryango we, maze arantenguha ntiyayanyishyura. Umunsi twari twahanyeho gahunda yo kunyishyura yaje iwange nk'iya Gatera, aza yariye amavubi, ngira ngo agiye kunyishyura ahubwo yari aje kunyandagaza iwange, yarantutse maze arambwira ngo ndi umugaragu wa Kalisa, umukungu wa mbere muri aka gace, ntawujya amuvogera cyangwa ngo amuvogerere abagaragu. icyo gihe yahise yikubura arataha, nange bukeye njya kureba inshuti yange nyitekerereza ibyambayeho ingira inama itari iya gipfura nange nigaya kuba narayikurikije, iyo nama yangiriye ni iyo kwihorera. Ubwo umunsi ukurikiyeho naraje mfurika ibirozi mu byatsi by'inka zawe ngo nizibirya zipfe uzimurhishe, maze ibyo yiyemeranaga ngo ni umugaragu wa Kalisa abibure, ndetse anacirwe urubanza. None Kalisa rwose ngirira impuhwe ngusabye imbabazi.

- Iwacu nakuze ndi imfura, bantoje kutihorera ngo si byiza, none rero nawe wagakwiye kuba waraje ukambwira ikibazo cyawe nge nka shebujya nkayakwishyura, sinatekereza nkuko nawe watekereje naba mbaye ikigwari, gusa icyo ngusaba ni uko wahinduka ukareka kugirira abantu nabi, ukamenya ko kwihorera bidakwiye ku muntu watojwe ubupfura, nuko rero urabe imfura mu byo ukora byose. Ndakubabariye wowe na Kayijuka mwene Kalibushi wakwambuye, mwembi nta n'umwe nishyuzza kandi niwumva ukeneye amafaranga Kayijuka yakwambuye uzaze nyaguhe mukiranuke.

Gasamagera arishima cyane yiyemeza kutazongera kugira uwo ahemukira ndetse n'abaturage bari bahari bagenda baririmba ubupfura n'ubutwari bwiza bwa Kalisa bese biyemeza kumera nka we. Ngubwo ubupfura Kalisa yagaragaje agatanga urugero rwiza rwo kuba imfura n'intangarugero mu bandi, kandi yigisha abari batuye aho bese kutihorera ku bandi nk'uko Gasamagera yabigenje no kutambura bagenzi babo nka Kayijuka, kuko ibyo bidakwiye umuntu w'imfura.

IMPAMBA

UWITONZE Ruth

Gatesi yari ubuheta bwa Murenzi na Mugwaneza, yavukanye n’abandi bavandimwe babiri b’abahungu Manzi na Mucyo. Uyu muryango wari wifashije kuko wabashaga kwiha icyo ukeneye cyose.

Murenzi na Mugwaneza bakoraga uko bashoboye ngo barere abana babo neza, babahaga uburere bukwiye, babatozaga ubupfura n’ubwitonzi mu byo bakora byose kandi aho bari hose, ndetse bakanabereka ko iryo ari ryo shingiro ry’ubuzima. Aba babyeyi bafatanyaga muri byose ngo bagere ku iterambere ry’urugo rwabo no guteganyiriza abana babo ejo hazaza.

Igihe kimwe umuryango wa Murenzi na Mugwaneza wari uri hamwe bamaze gufata ifunguro rya nimugoroba, Murenzi afata ijamba abwira abana be ko mu buzima nta cyo umuntu yageraho adafite ubupfura, abana neza n’abandi akumva ko buri wese afite agaciro, kandi afite icyo ashoboye gitandukanye n’icy’undi, no gufashanya igihe ukenewe. Manzi, imfura yabo yunga mu ry’ababyeyi be ati: “Ni byiza ko buri muntu wese abera mugenzi we imfura, akamwubaha, kuko uwibwira ko yihagije aba yibeshya.” Ababyeyi bishimiye ibyo Manzi avuze, maze Gatesi na Mucyo na bo bemera kuzakurikiza inama bagirwa, maze basezeranaho bararyama.

Bukeye ba Gatesi bajya ku ishuri, mu ishuri rya Gatesi hari umwana witwa Umwari. Bari baturanye kandi bari inshuti. Umwari yari umukobwa witonda agira imico myiza, iteka yaharaniraga inyungu rusange, ntiyirebagaho wenyine kandi yahoraga aciye bugufi kuri bagenzi be. Muri bagenzi be ntawe bari bakagirana ikibazo niyo cyabagaho yasabaga imbabazi akiyemeza kutazabisubira.

Abagize umuryango w’Umwari bari abakene cyane, nyina yitwa Mariza, nta se yagiraga kuko yari yarapfuye. Hari ubwo Umwari yaburaga ibikoresho n’amafaranga y’ishuri, akamara igihe atiga,

rimwe na rimwe abanyeshuri bagateranya bakamubonera make. Mu mibanire yabo, Gatesi n’Umwari bari abana bakundana bitangaje barangwaga n’imico myiza ndetse n’ubupfura. Iyo Umwari yagiraga ikibazo cy’ubushobozi, Gatesi yeageraga ababyeyi be bakamufasha kigakemuka.

Ku ishuri, abanyeshuri, abarezi, ndetse n’abayobozi bashimaga imyitwarire y’abo bana kuko bari intangarugero muri byose. Mu masomo bahigaga abandi, bagira ikinyabupfura, bafashanya hagati yabo na bagenzi babo, kandi babagiraga inama ku bijyanye n’ubupfura no kwita ku murimo wabazanye wo kwiga kandi bakabyitaho kuko ibyo bakora none ari byo bizabatunga ejo. Bongeyeho ko kubana n’abandi neza ari urufunguzo rw’ubuzima bw’ejo hazaza.

Umunsi umwe, Umwari ava ku ishuri ageze mu rugo asanga nyina Mariza yacyiye akabogi ku muce ku nkike z’urugo amutegereje, aramusuhuza amubaza uko yiriwe, na we amusubiza ko yiriwe neza. Nuko Mariza areka umukobwa we abanza gufungura, nyuma aramuhamagara ngo aze baganire. Amubwira atuje ati: “Mwana wange ndifuzako tuganira ku bintu bikomeye.” Umwari ati: “Nguteze yombi, mawe.” Mariza ati: “Mwana wange, dore ndatega zivamo kandi ndimo mbyina mvamo, none ntega amatwi nkugire inama izaguherekeza igihe nzaba ntakiriho.”

Umwari atega nyina amatwi ariko yari afite amatsiko avanze n’ubwoba, ariko akomeza kumutega amatwi, nyina ati: “Dore icyatumye mba nkiriho nawe ukaba uriho, nubwo byajemo kidobya ariko byatumye niga, akaba ari cyo nawe ngiye kukwigisha.” Arakomeza ati: “Nuko nakuranye ubupfura, ubwitonzi ndetse n’umurava. Nakuze numva ko ngomba kubana n’abantu bose neza, nkabagaragariza ubupfura uko bishoboka kose, kuko numvaga umuntu wese afite agaciro kandi afite icyo yamara mu buzima bwange. Bityo rero nahoraga nitwararitse icyabangamira mugenzi wange, ngaharanira kuba imfura muri byose na hose. Ibyo rero byatumye ngirirwa ikizere n’abantu bose kuko bambonagamo ubupfura. Ndabyibuka rimwe nari ndi imuhira, nari

narangije ayisumbuye ntarabona icyo nkora ubwo nari mu turimo two mu rugo mbona terefoni irahamagaye, mbona ni nimeru ntazi mbanza no kwanga kuyitaba ariko binyanga mu nda nditaba, numvise ari umugabo, andamutsa mu ijwi rituje kandi ryitonze cyane, ambaza amakuru ndamusubiza, ambaza amazina, aho nize n'icyo nize byose ndamusubiza ahita ambwira ko atibeshye ari nge yabwiwe. Nuko ambwira ko mpawe akazi. Mu kumva iyo nkuru nziza nabuze uko nifata ibyishimo biransaba, ndasimbuka mbona ntibihagije nungamo ndabyina ndetse ndanaririmba, wa mugabo yumvise ibyishimo ngize na we arandeka ndishima, abo twari kumwe bo bari bumiwe bafite amatsiko yo kumva iyo nkuru mbwiwe. Nuko kera kabaye ndatuza akomeza ambwira ko ako kazi nkaheshejwe n'umutima w'ubupfura, ubwagamugayo, ndetse n'umurava ku murimo. Yakomeje ambwira ko ndi umunyamahirwe kuko yari yabuze umukozi yashinga ibye, yakubise hirya no hino araheba maze ku bw'amahirwe aza guhura na mwishywa we amutekerereje uko bimeze amubwira ko hari umukobwa biganye kera kandi wujuje indangagaciro zose akeneye kuri uwo mukozi, niko guhita amuha nimeru yange ya terefoni. icyaje kuntangaza rero ni uko namubajije amazina y'uwo mwishywa we nsanga twiganye mu kiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, ariko igitangaje kurushaho ni uko nta n'imishyikirano ihambaye twagiranaga ariko akaba yaramenye ko izo ndangagaciro zigira. Wa mugabo yansubije ko atari ngombwa ko ugenda wivuga ibigwi ahubwo ibikorwa byivugira. Yambwiye igihe cyo gutangira n'umushahara nzahembwa biranshimisha kuko yari menshi. Naramushimiye cyane duhana gahunda ansezeraho."

Arakomeza ati: "Twarangije kuvugana, ntekerereza umuryango wange iby'ako kazi na bo birabashimisha ariko by'umwihariko ababyeyi bange kuko nari mbahesheje ishema mu muryango." Umwari yashimiye nyina ku myitwarire myiza yagaragaje mu gihe ke. Mariza ati: "Mwana wange, ibi simbikubwiye byo kwishongora ngo unshime, ahubwo mbikubwiye ngo uzanyigireho ndetse uzarusheho." Mariza arakomeza ati: "Wakwibaza rero uti se ko numva wari warabonye akazi keza twaje gukena dute?" Mwana wange rero, nubwo ubona dukennye si ko twahoze, gusa ariko si twe twabigizemo uruhare

kandi burya icya mbere ni ukunyurwa.” Umwari byamubereye urujijo kumva ibyo nyina amubwiye aramubaza ati: “Nonese mubyeyi, byaje kugenda gute?” Mariza ati: “Mwana wange, muri iyi minsi ntibiba byoroshye ariko urashikama ukarwana kigabo.” Umwari ati: “Mawe, ukomeje kuntera ubwoba!” Nyina akomeza agira ati: “Nyuma yo guhabwa akazi, nagakoze neza n’umukoresha wange arishima, yewe anyongeyeza n’umushahara ntera imbere. Nyuma naje guhura n’umusore turashimana twemeranya kubana, ambara imfura turafatanyaga turarwubaka rurakomera ariko koko ntawishimirwa na bese, kandi abantu ni ntamunozwa.” Umwari ati: “Mbwira rwose ndumva ngize amatsiko.” Mariza ati: “Mwana wange, twari twagerageje kubana na bese amahoro ariko bamwe ntibabyishimiye, ubwo rero nibwo umugore wari utuye hafi y’iwacu yaje guhumanya umugabo wange ari we so, nakoze uko nshoboye ndamuvuza ntanga ibyo nari mfite byose ngo muramire ariko biranga biba iby’ubusa aduca mu myanya y’intoki. Uwo so yansize ngenyine kuko n’umuryango mvukamo wari warashize uzize Jenocide yakorewe Abatutsi mu wa 1994, cyakora yagiye ansigiye inda y’amezi atandatu gusa nta cyo nari nsigaranye kuko byose nabimaze muvuza, n’inzu twabagamo baje kuyiteza cyamunara kuko nari narayitanzeho ingwate muri banki mfata inguzanyo yo kumuvuza, igihe amafaranga yari yashize nta kundi mfite nabigenza kuko akazi ko nari narakavuyeho rugikubita, kuko sinari kugafatanyaga no kwita kuri so, ubwo nsigara iheruheru.” Mariza yarangije kuvuga iyo nkuru Umwari yarize amarira yageze ku bitsi, nyina akomeza kumwihanganisha kuko inkuru yari ndende. Yaje gutuza gake. Mariza arakomeza ati: “Nyuma y’ibyo bibazo byose, umukoresha wange yaje kundeba ngo arebe uko merewe asanga naratindahaye agahinda karanyegetse, mutekerereje ibyanga agahinda karamwica ambwira ko yumva nta cyo yamfasha kuko akazi umugore we yagatanze.” Ambwira afite agahinda ati: “Mu by’ukuri wambereye umukozi mwiza, umbara imfura n’aho ngeze ni amaboko yawe nubwo mbuze icyo ngufasha ariko hano mfite udufaranga duke uzatwifashisha ndabona unakuriwe, nzagushakira n’akazu uzabe wikinzemo sakindi izaba ibyara ikindi, ubundi Imana izabane nawe.” Yampaye

igipfunyika ndamushimira, aransezera murenza irembo ngaruka mu rugo. Nararebye nsanga harimo amafaranga ibihumbi magana abiri, ndishima, nshimira n’Imana yampuje n’uwo mugiraneza. Nyuma y’iminsi mike yantumyeho anyereka inzu yanguriye aranyimura, nibwo twaje gutura aha ureba. Igihe cyo kubyara cyarageze nkoresha twa dufaranga nahawe n’umukoresha wange, abo nagiriye neza, na bo barampamba abandi baranyagira mererwa neza. Naje kuva ku kiriri nkomeza guca incuro, ndakurera urakura none ugeze aha mwana wange.”

Umwari yarahagurutse ahobera nyina n’amarira menshi ati: “Ni ukuri wabaye umubyeyi mwiza w’intangarugero, nge sinabona icyo nkwitura gusa iyaguhanze izaguhore hafi kandi Rurema azabikwiture.” Mariza yashimye umukobwa we ko yemeye kumutega amatwi, Umwari ati: “Ntawe utayagutega mubyeyi ubasumba kuko ibi umpaye ari impamba y’ubuzima, kandi nange nzakubera imfura kuko wambereye urugero.” Mariza yashimiye Umwari, amusaba ko baruhuka kuko amasaha yari akuze kandi yagombaga kubyuka ajya ku ishuri, basezeranaho bararuhuka.

Bwarakeye Umwari ajya ku ishuri, atekerereza Gatesi byose ntakimusobye, Gatesi na we ashima ubutwari n’ubupfura bwa Mariza. Iminsi yaricumye ibihe biha ibindi Gatesi n’Umwari barangiza amashuri yisumbuye, Gatesi yaje kugira amahirwe abona ikigo mu mahanga ku mugabane wa Aziya. Yagezeyo ahagirira ubuzima bwiza, ariga araminuza ahabonera n’akazi. Umwari we yahamye mu Rwanda na we abona akazi keza, gusa agahora atekereza ku nshuti ye afite ibyiringiro byo kuzongera kumubona ari muzima. Iminsi yaricumye, igihe kimwe umuryango wa Gatesi batembereye muri Pariki y’Akagera bageze mu ikoni ry’umuhanda imodoka barimo icika feri irenga umuhanda igwa mu manga, ubwo ntawarokotse. Umwari yaje kumva iyo nkuru mbi agenda atarwiyambitse ngo agere kwa muganga aho babajyanye asanga byarangiye, byaramurenze ararira cyane yibaza uko Gatesi azakira iyo nkuru n’uko bizagenda nyuma yaho akarushaho gushenguka umutima. Ntibyatizze bamenyesheje Gatesi ko agomba

kuza gushyingura umuryango we. Nyuma y'igihe gito Gatesi yaraje Umwari ajya kumwakira ku kibuga k'indege gusa akimukubita amaso yaratunguwe cyane kuko yari yarahindutse bigaragarira amaso, ariko ariyumanganya amusanganiza ubwuzu kuko hari hashize igihe kinini batabonana. Gatesi we ntiyari abyitayeho, yaje yihuta hafi kumucaho cyakora amupfa agasoni amuha umukono. Umwari amubaza uko ameze, Gatesi amusubiza nabi ibintu atari yakamwumvana kuva bamenyana, ati: "Mva imbere, nta mwanya ngufitiye icyo si cyo kinzanye, cyane ko nta n'aho tugihuriye." Umwari yaratunguwe ariko arihangana kuko yatekerezaga ko abitewe n'akababaro yatewe n'ibyago yagize.

Ntibyatizze imihango yo gushyingura yararangiye Gatesi atangira kugaragara bidasanze, agasuzugura abantu bose akabona nta we bareshya, ajya mu maraha kuko imitungo y'iwabo nta we bayirwaniraga ndetse n'ayo yakuye imahanga, byose yabireba akabona ari igitangaza mu bantu bose. Nta bupfura yari akigira, umuco wo sinakubwira. Umwari yarabirebaga agahinda kakamwica, yagira ngo aramucyashye akamubwira ko ubuzima bwe butamureba ikindi ko ntaho bagihuriye kandi ko amaboko atareshya ataramukanya.

Mariza we yaje gupfa kuko yari ashaje, ariko Gatesi we ntiyigeze anahakandagira, gusa muri ibyo byose Umwari ntiyigeze ahwema gukurikirana Gatesi kuko we yumvaga azahinduka agasubirana ubupfura yahoranye.

Gatesi yakomeje kwayisha ibye ubugoryi bwe, gusa ntiyabikoraga wenyine kuko hari umusore bahuriye mu kabyiniro, yahoraga amubwira ko amukunda kandi ko nta cyo azamuburana, bajya mu maraha barishima biratinda. Ntagahora gahanze, rero amafaranga ya Gatesi yaje gukendera kandi igihe yahawe cyari kirangiye kugira ngo asubire mu mahanga mu kazi k'abandi, yarebye hirya no hino abura icyo akora yigira inama yo kwaka Mugisha ubufasha cyane ko bayasangiye. Gatesi ngo abikoze Mugisha, aramuseka cyane amubwira ko ntaho ahuriye n'indaya, ko afite umuryango ukeneye kwitabwaho.

Gatesi akibyumva ntiyiyumanganya akubita amavi hasi, asuka amarira menshi atakamba cyane asaba Mugisha ko byibura yamuha itike akigendera akamuha amahoro n’umuryango we. Ibyo yabivugaga arira amwibutsa ibyo yamuhaye, amubwira ko iyo aza kumubwira ko afite undi muryango atari kumutaho ibye. Mugisha yasubije Gatesi mu ijwi rirenge kandi arakaye ati: “Iyo uza kugira ubwenge n’ubupfura ntiwari kumpa ubusugi bwawe n’ubutunzi bwawe utanzi kandi ntari umugabo wawe, hejuru y’ibyo rero uretse nange nta n’undi wakugira mutima w’urugo n’iyo myitwarire yawe.” Gatesi yakozwe n’ikimwaro arahaguruka aragenda.

Gatesi yagiye yerekeza mu kabari anywa inzoga zitagira ingano atangira kugenda adandabirana amerewe nabi cyane; ku bw’amahirwe hagobotse umugabo, abonye umukobwa mwiza wabaye atyo aza kureba ngo amufashe ariko akabona amuca mu maso. Ngo amwegere asanga ari Gatesi biganye kera ari imfura, yahise atekereza ko afite ikibazo kuko byari bitangaje. Yabaririje aho ataha kuko n’ururimi rwari rwagobwe ngo amucyure, yahamagaye Umwari kuko yari azi ko ari inshuti. Umwari mu kumva iyo nkuru yaje atarwiyambitse ngo ahagere asanga arembye, aruka cyane, aramwihutana no kwa muganga, abaganga bakoze uko bashoboye ngo barokore ubuzima bwe, Umwari we yari ategereje ibisubizo. Ntibyatinze muganga araza, Umwari amubaza uko umurwayi ameze, muganga ati: “Ameze neza, ariko yagize ikibazo akuramo inda kuko inzoga yanyoye zirengeje urugero, rero akeneye kwitabwaho cyane.” Umwari mu kumva ko Gatesi yari atwite aratungurwa, ariko ariyumanganya ngo batabacishamo ijisho. Yashimiye muganga amusaba ko babasezerera bakajya kumwitaho mu rugo. Muganga yarabyemeye arabasezerera abaha n’imiti yo kuzaba akoresha mu rugo.

Mu nzira bataha, Gatesi yari afite isoni n’ikimwaro kuko yumvaga Umwari atari we muntu wakabaye amwitaho hejuru y’ibyo yamukoreye. Umwari yarabibonye agerageza kumuganiriza, akanyuzamo akanaseka ngo amwereke ko nta kibazo ariko Gatesi akabura aho areba. Umwari ageze aho amumara impungenge amubwira ko ibyabaye atabyitayeho,

ahubwo ko ik'ingenzi ari uko yahinduka agasubirana ubupfura yari asanganwe kugira ngo ibyamubayeho bitazongera, ndetse ko basubukura umubano wabo bakongera kuba abavandimwe.

Gatesi mu kumva amagambo meza y'Umwari, umwijima wari ubuditse mu mutima we yumvise weyutse maze araturika ararira ashimira Umwari ko atigeze ahinduka nubwo we yahindanye, gusa amusezeranya guhinduka, ndetse akarusha uko yari ari mbere kuko ubu yabonye isomo ry'ubuzima.

Gatesi n'Umwari baje gufatanya batera imbere, babona abagabo beza, babyara hungu na kobwa, bakomeza kugwiza ubupfura baba bandebereho mu ngeri zose, bibabera impamba y'ubuzima bwiza n'imiryango yabo.

UMUSOZO

Inteko y'Umuco ikomeje urugendo rwo gufasha Abanyarwanda aho bari hose gusobanukirwa ko ururimi rwacu kavukire ari umurage utagereranywa bakwiye kwitaho by'umwihariko kuko ari rwo ndangamuntu na ndangamurage by'Umunyarwanda.

Ni muri urwo rwego hateguwe amarushanwa y'ubuhanzi bw'ubwanditsi bw'inkuru ngufi mu mashuri yisumbuye agamije kwimakaza Indangagaciro z' Umuco w'u Rwanda.

Kwita ku Kinyarwanda ni ukugikoresha kandi neza. Urubyiruko ntiruzabigeraho rwonyine rudafashijwe n'umuryango mugari w'Abanyarwanda mu nzego zose barimo: abarimu, abanyamakuru, abayobozi, ababyeyi, abakuru b'amatorero y'amadini, abahanzi n'abandi. Buri Munyarwanda akwiriye kumva ko ari umurinzzi w'igihango dufitanye n'umuco w'u Rwanda, by'umwihariko n'ururimi kavukire rw'Abanyarwanda.

Amagambo dukoresha mu biganiro tugirana n'abandi, mu nkuru ngufi zihimbwa, mu bitabo byandikwa, mu makuru ku maradiyo n'amaterreviziyo, mu mikino, mu mbwirwaruhame, ku byapa n'amatangazo atandukanye, ni ngombwa ko ireme ry'ururimi ryitabwaho, inyandiko n'amagambo bitangwamo ubutumwa bikaba biri mu rurimi runoze.

Gusigasira no guteza imbere Ikinyarwanda kandi ntibigarukira mu mivugire gusa, ahubwo bishimangirwa no kugihangamo mu ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo. Ni ngombwa ko urubyiruko rugira umuco wo guhanga mu rurimi kavukire bityo rukiyungura ubumenyi mu buhanzi bw'ubwanditsi. Inteko y'Umuco itewe ishema no gushishikariza urubyiruko guhanga mu Kinyarwanda binyuze mu marushanwa itegura mu bihe bitandukanye. Ikinyarwanda ni umuyoboro w'ubuhanzi bw'umwimerere w'Abanyarwanda.

